# Ibyigisho bya Bibiliya mu Ishuri Ryo ku Isabato by'Abakuze



# Ibyigisho dukura mu *Nzandiko za Petero* (I)

Vol. 100, No. 2

**Mata – Kamena, 2024**

IBIRIMO


1. Intumwa ya Yesu Kristo ............5
2. "Abasuhuke" ................................10
3. Abana b'Imana Bumvira ........15
4. Ijambo ry'Imana ........... ...........20
5. Amabuye Mazima .....................26
6. Guhamiriza ab'Isi ............. ........31
7. Inama ireba Abagabo n'Abagore Bashakanye.................................36
8. Imyifatire ya Gikristo ...............41
9. Umubatizo buri muntu wese Akeneye .....................................47
10. Kubaho Imibereho Mishya......52
11. Urukundo Rwinshi ....................57
12. Inama ireba Abakuru b'Itore ro...................................................62
13. Mwirinde Ibisindisha, mube Maso........................................... 67



**"IBYIGISHO BYA BIBILIYA MU ISHURI RYO KU ISABATO"**

Bitegurwa n'inteko y'ubuyobozi bukuru bw'itorero ry'Abadivantisite b'Umunsi wa 7 Bavugurura

**GENERAL CONFERENCE**
5240. Hollins Road
Roanoke - Virginia 24019-5048 USA
web: www.sdarm.org/sbl/rw
E-mail: info@sdarm.org

Byahinduwe mu Kinyarwanda na "RWANDA UNION MISSION" y'Abadivantisite b'Umunsi wa Karindwi Bavugura

P.O Box 5490 Kigali-Rwanda
Tel: +250 78 941 940
E-Mail: Rwanda@sdarm.org


**Ibyigisho bya Bibiliya mu Ishuri ryo ku Isabato,** Ni porogarame y' ibyigisho bya buri munsi.

Ibi **byigisho by' ishuri ryo ku Isabato** bishingiye kuri Bibiliya n' umwuka w' ubuhanuzi gusa. Kwiga byimbitse muri iki gihe bigomba gushishikariza buri wese witegura kugaruka k' Umukiza wacu Yesu.

Ibi byigisho by' Ishuri ryo kw'Isabato binaboneka mu Kinyarwanda kuri iyi website: www.sdarm.org/sbl


**Amashusho**: Advent Digital Media ku rupappuro rw'imbere, ikarita kuri p.4, 30, 72, Good Salt kuri p.51, 72

# Ijambo ry'Ibanze

Ni nde muri twe utaranyuze mu bihe nk'ibyo Petero, umwigishwa wavugaga ukuri yeruye, yanyuzemo? Twese dushobora kwiyumvisha ubumuntu bwe rwose tudashidikanyije, nibura mu buryo runaka. Ishyaka yari afite n'ukuntu yari yiteguye gukora ibyo Shebuja yari amutegetse, birashishikaje. Nta gushidikanya dushobora kwiyumvisha amakosa y'urukozasoni yakoraga rimwe na rimwe, kandi na none tukaba twaterwa umwete n'ukuntu yabyutse nyuma yo kugwa. Uburyo Petero yakuze abifashijwe n'ubuyobozi bw'Imana, byatumye aba intumwa nziza iboneye, nuko yandika inzandiko ebyiri zikwiriye gushyirwa mu Byanditswe Byera.

Kubw'izo mpamvu, amezi atatu akuriyeho, abigishwa b'Ishuri ryo ku Isabato ku isi yose bazibanda ku Byigisho dukura mu Nzandiko za Petero (I). Ubutunzi bw'ukuri bw'agaciro kenshi bukomoka kuri uyu muntu wahumekewe n'Imana, bugamije kudukomeza mu gihe tugendana n'Uwiteka mu bihe by'ibigeragezo.

Imwe mu ngingo z'ingenzi zikubiye mu rwandiko rwa Petero, ni uko ubwoko bw'Imana bukwiriye kubaho imibereho yubakiye ku mubiri wa Kristo kugirango babe abahamya barabagiranira mu isi yijimishijwe n'icyaha.

"Ububyutse n'ubugorozi bikwiriye kubaho, biturutse ku murimo w'Umwuka Wera. Ububyutse n'ubugorozi ni ibintu bibiri bitandukanye. Ububyutse busobanura guhinduka mushya mu mibereho y'iby'umwuka, guhembuka kw'imbaraga z'ibitekerezo n'iz'umutima no kuzuka uva mu rupfu rw'iby'umwuka. Ubugorozi bwo busobanura kuvugurura gahunda, guhinduka mu bitekerezo n'inyigisho, akamenyero n'ibikorwa. Ubugorozi ntibuzera imbuto nziza yo gukiranuka niba butomatanye n'ububyutse mu by'Umwuka. Ububyutse n'ubugorozi bikwiriye gukora umurimo wabigenewe, kandi mu gukora uyu murimo bigomba kugendana." – *Ubutumwa Bwatoranyijwe*, vol 1, p.128.

Ubuhamya bunejeje buha buri wese muri twe umuhamagaro ukomeye ku buryo twese dushobora guhunika kugirango dukure mu by'umwuka ubwo tuba twiga urwandiko rwa mbere rwa Petero. "Mwene data, niba ubishaka, ushobora kuba umunyembaraga mu Mana. Ufite impano y'ubushobozi Imana yakuragije kugirango ugumye kwerezwa umurimo Wayo. Ariko niba udakorera byose kubyegurira Kristo, ubushobozi bwawe buzagukururira akaga haba kuri wowe no ku bandi, ubayobore mu kugendera kure y'ukuri kandi bitarure Kristo.

"Abizera bagize itorero bakeneye gukorerwa byinshi. Bakwiriye kurwanira Kristo ishyaka ubudacogora, bakwiriye kurushaho kwicisha bugufi, bakarushaho kwihangana, bakarushaho kuba abagwaneza, bakarushaho kwigishwa, bakarushaho gusa na Kristo muri buri kantu kose. Mu mico yabo bakwiriye kugaragariza ab'isi imbaraga yeza y'ubuntu. Imana yabuzanyije ko kubw'imvugo cyangwa icyitegererezo mutanga, mushyira inkomyi kuri uyu murimo w'ingenzi cyane. Mbese muzakorana na Yesu? Mbese muzaba abanyakuri ku Mwami wabaguze? Mbese muzita ku bintu byose by'agaciro gake? Mukwiriye kubatirizwa mu kwizera kurushijeho kwaguka no mu rukundo rurushijeho gukomera? Mukeneye kurushaho kubaha ibifite akamaro k'iteka ryose." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 5, p.570,571.

Twese Uwiteka adufashe gushyira ibi ngibi ku mutima mu gihe turi kubyiga.

***Icyiciro cy'Ishuri ryo ku Isabato mu Nteko Nkuru Rusange***

## Amaturo y'Isabato ya Mbere Azagenerwa Itorero ryo muri Narangi Mandi, muri Pakisitani




Ubutumwa bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi Bavugurura bwinjiye muri Pakisitani mu mpera z'ikinyejana cya makumyabiri. Abaturage bose batuye Pakisitani ni miliyoni 241.5 kandi idini ryiganjemo abantu benshi ni irya Isilamu (96.7%), rigakurikirwa n'iry'Abahindu (2.14%), irya Gikristo (1.27%) ndetse n'andi madini (0.11%). Igihugu cyacu gituranye na Afuganisitani, Ubushinwa, Ubuhinde, Inyanja ya Arabiya ndetse na Irani. Ubuhinzi butanga 20.9% by'umusaruro mbum- b e w'igihugu. Ubukungu bwa Pakisitani bwerekanwa nk'ubw'igihugu kikiri mu nzira y'amajyambere gifite amikoro make. Igihugu gifite imyanya mibi mu bipimo byinshi by'iterambere byashyizweho na Porogaramu y'Umuryango w'Abibumbye y'Iterambere na Banki y'isi.

Umujyi wa Narangi Mandi uherereye mu karere ka Muridike kari mu ntara ya Punjabu. Abaturage batuye aka karere barenga 500,000. Mu myaka mike ishize twateraniyeyo, tugirayo imyiherero ndetse n'ibindi bikorwa by'iterambere ry'imirimo y'itorero muri bene data bo muri Pakisitani. Nubwo turi mu ngorane nyinshi, dushobora kugumana ukwizera dufite muri Kristo. Ubu ibikorwa byacu byakwiriye mu gihugu cyacu cyose. Turi kwihatira guteza imbere umurimo w'Uwiteka mu buryo bunyuranye, nk'umurimo w'ibwirizabutumwa twegera abantu, uburezi mu by'ubuzima, iterambere ry'ubuyobozi, gushyiraho ibigo by'uburezi, no gusana insengero zacu za kera muri Pakisitani.

"Uwiteka ari kuvugana n'ubwoko Bwe muri iki gihe, agira ati: Nimushake aho mwinjirira mu mijyi, maze mwamamaze ukuri mwiyoroheje kandi mufite kwizera. Umwuka Wera azakorera mu mihati yanyu kugirango yemeze imitima. Ntimukazane inyigisho y'inzaduka mu butumwa bwanyu, ahubwo muvuge amagambo yoroheje y'ubutumwa bwiza bwa Kristo, ubwo urubyiruko n'abasheshe akanguhe bashobora gusobanukirwa. Abatarize n'abize amashuri ahanitse bagomba kumenya ukuri k'ubutumwa bwa marayika wa gatatu, kandi bakwiriye kwigishwa mu kwiyoroshya. Niba mwegera abantu mu buryo bwemewe, mucishe bugufi imitima yanyu imbere y'Imana kandi mwige inzira Zayo." – *Umurimo w'Ubuvuzi*, p.299.

Amaturo yacu yose iyo atanganwa umunezero, ibyo Imana ivuga byari kwakirwa, kandi umurimo Wayo wari gushyigikirwa n'umugabane w'amafaranga yashyizwe mu biganza byacu. [Twebwe] bene so na bashiki banyu bo muri Misiyoni ya Pakisitani turabashimiye bene data na bashiki bacu dukunda, ndetse namwe rubyiruko kubw'impano mutanganye ubuntu zigatangirwa umurimo w'Imana muri iki gice cy'isi kibamo ibirushya.... "Kuko Imana ikunda utanga anezerewe." 2Abakorinto 9:7.

*Bene so na bashiki banyu bo mu Itorero rya Pakisitani*

# Intumwa ya Yesu Kristo

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA: "Kandi Umwami Yesu aravuga ati "Simoni, Simoni, dore Satani yabasabye kugira ngo abagosore nk'amasaka, ariko weho ndakwingingiye ngo kwizera kwawe kudacogora. Nawe numara guhinduka ukomeze bagenzi bawe." (Luka 22:31,32).**

"Petero amaze kwizinukwa no kwishingikiriza ku mbaraga y'Imana mu buryo bwuzuye, nibwo yahamagariwe gukora nk'umwungeri muto…. Amaze kumenya intege nke ze ni bwo yasobanukiwe uko umwizera akeneye kwishingikiriza kuri Kristo." – *Ibyakozwe n'Intumwa*, p.515.

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.244 – 251.

## *Kuwa Mbere* *31 Werurwe*

### 1. KWITABA UMUHAMAGARO WA KRISTO

**a. Sobanura uko byagenze igihe Simoni Petero yahuraga na Yesu ubwa mbere. Yohana 1:40 – 42.**

---

"Andereya yashatse kugeza ku bandi umunezero wari wuzuye umutima we. Ajya gushaka mwene se Simoni, aramubwira ati, "Twabonye Mesiya." Simoni ntiyajuyaje ngo ategereze kurarikwa ubwa kabiri. Na we yari yarigeze kumva kubwiriza kwa Yohana Umubatiza, maze yihutira gusanga Umukiza. Amaso ya Yesu amubonye, asoma imico ye n'amateka y'ubuzima bwe. Kamere ye ihubuka, gukunda kwe, umutima we w'impuhwe, uburwanashyaka bwe no kwiyiringira kwe, amateka yo kugwa kwe, kwihana kwe, imirimo ye, n'uburyo azicwa bamumuhora; Umukiza arabisoma byose." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.139.

**b. Ni ryari Yesu yahamagaye Petero ku mugaragaro ndetse na mwene se kugirango babe abigishwa Be? Matayo 4:18 – 20.**

---

"Ubwuzu no kumvira kw'abo bantu bemeye kwinjira mu murimo batajuyaje ndetse nta n'ibihembo basezeraniwe; biragaragara rwose. Ariko amagambo ya Kristo yari irarika ririmo imbaraga isunikira umuntu gukora. Mu kugirana umushyikirano na We, abo barobyi baciye bugufi Kristo yari kubagira ibikoresho byo gukura abantu mu murimo wa Satani, maze akabashyira mu murimo w'Imana." – *Ababwiriza b'Ubutumwa Bwiza*, p.24.

## 2. UMWIGISHWA W'INDAHEMUKA KANDI UGIRA ISHYAKA

**a. Ni gute Petero yibonaga mu ntangiriro yo kuba umwigishwa kwe? Luka 5:8.**

---

"Mu bihe bya Kristo abayobozi b'abantu mu by'idini biyumvagamo ko bakungahaye mu by'umwuka. Isengesho ry'Umufarisayo ngo: "Mana, ndagushimiye kuko ntameze nk'abandi bantu" (Luka 18:11), ryerekanaga uko abo mu cyiciro cye biyumvaga ndetse ku rwego rukomeye, rikerekana uko ishyanga ryose ryari rimeze. Ariko mu mbaga y'abari bazengurutse Yesu harimo bamwe bari bazi yuko bafite ubukene bw'iby'umwuka. Igihe cya gitangaza cyo kuroba ifi [nyinshi] ubwo imbaraga y'ubumana Kristo yari afite yigaragazaga, Petero yikubise ku birenge by'Umukiza aravuga ati: "Va aho ndi, Databuja, kuko ndi umunyabyaha!" (Luka 5:8). Ni ko no mu mbaga y'abantu bari bateraniye ku musozi, ubwo bari imbere y'ubutungane Bwe, harimo abiyumvisemo yuko ari "abatindi bo kubabarirwa, kandi ari abakene n'impumyi ndetse bambaye ubusa." (Ibyahishuwe 3:17)." – *Ibitekerezo byo ku Musozi w'Umugisha*, p.6,7.

**b. Mbese Petero yizeraga iki ku byerekeye n'uwo Yesu yari we? Matayo 16:13 – 16.**

---

"Petero yizeye ko Yesu ari Mesiya mbere y'abandi. Abandi benshi bari baremeye inyigisho za Yohana Umubatiza, ndetse bemera na Kristo, ariko batangira gushidikanya ku murimo wa Yohana ubwo yashyirwaga mu nzu y'imbohe ndetse akaza kwicwa; ibi byatumye icyo gihe bashidikanya ko Yesu ari Mesiya….. Benshi mu bigishwa [ba Yesu] bari biteze ko Yesu azafata umwanya We mu ngoma ya Dawidi, nuko bageze aho baramusiga ubwo babonaga ko adafite imigambi nk'iyo bibwiraga. Ariko Petero na bagenzi be ntabwo bigeze bata icyizere bari bafitiye Yesu. Guhuzagurika kw'abasingizaga Yesu bwacya bakamuhinduka, ntabwo byigeze byangiza kwizera kw'abakurikiraga Umukiza by'ukuri. Petero yaravuze ati, "Uri Kristo, Umwana w'Imana ihoraho." Ntabwo yategereje ko Umwami we yambikwa ikamba ry'ubwami, ahubwo yamwemeye mu kwicisha bugufi Kwe…..

"Yesu yasubije Petero ati, 'Urahirwa Simoni wa Yona, kuko umubiri n'amaraso atari byo byabiguhishuriye, ahubwo ni Data wo mu ijuru.'

"Ukuri Petero yahamije ni rwo rufatiro rwo kwizera kw'abemera Kristo bose. Kandi ni nako Kristo ubwe yavuze ko ari ubugingo buhoraho. Nyamara kumenya uku kuri ntibyagombaga kuba impamvu yo kwikuza. Kuba Petero yarabihishuriwe ntibyakomotse ku bwenge cyangwa gutungana kwe. Nta na rimwe, ikiremwamuntu ubwacyo, gishobora kugera ku bwenge bw'Imana…. Umwuka twakiriye niwe gusa ushobora kuduhishurira iby'Imana byimbitse …. Kandi kuba Petero yarasobanukiwe n'ubwiza bwa Kristo cyari igihamya ko "yigishijwe n'Imana." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.411,412.

## 3. GUSHISHIKARIRA KUBONA IBISUBIZO

**a. Ni izihe ngero zo muri Bibiliya zigaragaza ko ubwenge bwa Petero bwabaga bushaka kumenya, kandi ni gute zihishura uburyo dushobora gukura kubwo guteza imbere inyifato nk'iyo? Matayo 15:15; 18:21; 19:27; Mariko 13:3,4.**

---

"Nta kindi cyo kwiga kizakungahaza buri bitekerezo, ibyiyumvo n'ibyifuzo nko kwiga Ibyanditswe Byera….. Aha tuhigira uburyo bwo kuvugurura imibereho y'uyu munsi n'uburyo twaronka ubugingo bw'ahazaza. Nta kindi gitabo gishobora gutuma intekerezo zishidikanya zinyurwa no guhaza kwifuza k'umutima. Kubwo kumenya Ijambo ry'Imana no kuryumvira, abantu bashobora kuva mu bujiji bukabije no kwangirika cyane bagahinduka abana b'Imana…..

"Nta gihwanyije na Bibiliya ubushobozi bwo kwigisha. Nta kintu kizashyira imbaraga mu bushobozi bwose bw'umuntu nko gusaba abanyeshuri gushishikarira ukuri gutangaje kw'ibyahishuwe. Ubwenge bugenda buhoro buhoro bumenyera ibyigisho butozwa kuzirikana. Nibuhugira mu bitekerezo rusange byo mu rwego rwo hasi gusa, bitarangwamo insanganyamatsiko zikomeye kandi zihanitse, buzagwingira kandi bucogozwe n'intege nke. Nibutigera buhangana n'ibibazo by'ingutu cyangwa ngo bwerekezwe ku gusobanukirwa ukuri kw'ingirakamaro, buzagera aho bwenda kubura imbaraga ibukuza…..

"Mu ijambo ry'Imana, ni ho ubwenge bukura icyigwa cyimbitse n'imigambi yagutse." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 5, p.24,25.

"Abanyamatsiko cyane kuruta abandi bashobora kwigira mu ishuri rya Kristo batekanye bikazahamya ikibabereye cyiza muri iki gihe n'iteka ryose." – *An Appeal to Mothers*, p.32.

**b. Mu gihe dushishikarizwa kugira amatsiko yo kumenya ibyerekeye iby'umwuka (Yohana 5:39), ni ryari kugira amatsiko mu buryo bwiza k'umuntu bigira urugabano ntarengwa? Gutegeka kwa Kabiri 29:29.**

---

"[Satani] ahora ashakisha uko yatera abantu umutima ukangutse urangwamo amatsiko atagira kubaha, kudatuza, no guhora bafite amatsiko yo kwinjira mu mabanga y'ubwenge n'imbaraga z'Imana. Mu mihati yabo yo gushakisha ibyo Imana yashimye kugumana [ntibibahishurire], abantu benshi birengagiza ukuri Imana yahishuye kandi ari ko shingiro ry'agakiza." – *Abakurambere n'Abahanuzi*, p.54,55.

"Ntidukwiriye guhangara kuzamura ikiganza ngo tubeyure igishura gikomeye gikingiriza icyubahiro cy'Imana…. Ni igihamya cy'imbabazi Zayo cy'uko ariho ububasha Bwayo buhishwe, ko Imana itwikiriwe mu bicu biteye ubwoba by'ubwiru no kutamenyekana, kuko kwigizayo igishura gikingirije aho Imana iri, ni urupfu." – *Urwibutso n'Integuza*, kuwa 07 Mata 1885.

## 4. UKWIZERA GUKE, UKWIYIRINGIRA KWINSHI

**a. Ni ibiki tugomba kwigira ku byabanje kwandikwa ku mibereho ya Petero wagenderaga mu kwizera? Matayo 14:28 – 31.**

---

"[Petero] yari akwiriye gukomeza guhanga amaso kuri Yesu; ariko we yarebye hasi ku muhengeri wari washeze, maze kwizera kwe kuracogora." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 2, p.273.

"Kwitegereza Umukiza umanitswe natabigira umurimo w'imibereho ye, kandi kubwo kwizera natakira ubuntu bumubereye ihirwe ryo kwamamaza, umunyabyaha ntashobora gukira abaye atagumishije amaso ye kuri Yesu ubutanambuka nkuko Petero yashoboye kugendera hejuru y'amazi. Ubu ngubu umugambi ushishikaje Satani ni ukwijimisha ukumenya Yesu no kwerekeza abantu guhanga amaso ku muntu….. Itorero ryamaze imyaka myinshi rihanze amaso ku muntu kandi ryiteze byinshi bivuye ku muntu, ariko ntiryigeze rihanga amaso Yesu, Uwo ibyiringiro byacu by'ubugingo buhoraho bishingiyeho." – *Ibihamya ku Bagabura*, p.93.

**b. Uko yamaranaga umwanya na Yesu, ni gute Petero yatekerezaga uko aruta abandi n'ubushobozi bwe bwo guhangana n'ikigeragezo gikomeye? Matayo 26:33 – 35, 69 – 75.**

---

"Nta kintu Imana yanga cyane kandi kigakururira ubugingo bw'umuntu akaga gakomeye nk'ubwibone no kumva ko wihagije. Mu byaha byose iki nicyo kirusha ibindi gutera ubwihebe n'uburwayi budakira." – *Imigani ya Kristo*, p.154.

"Nta n'umwe mu bigishwa ufite amateka arushijeho gusobanura neza uburyo Kristo yakoreshaga yigisha, nk'amateka ya Petero. Yari Umunyamuhati, umunyamujinya, wiyiringira, yihutiraga kumva ndetse no gukora, yihutiraga kwihorera nyamara akaba yiteguye no kubabarira, Petero yahoraga agwa mu makosa kandi yacyahwaga kenshi….. Umukiza yarangwaga no kwihangana n'urukundo rudahutiraho mu byo yagiriraga umwigishwa uhubuka, agashaka uko yamwereka ukwiyiringira kwe, no kumwigisha kwicisha bugufi, kumvira, no kwiringira.

"Ariko icyigisho cye yagisobanukiwe by'igice. Kwitegaho amakiriro kwe ntikwigeze kumushiramo…..

"Ibyabaye kuri Petero byabereye abantu bose icyigisho. Kuri buri wese wiyiringira, iyo ikigeragezo kije aratsindwa. Kristo ntiyashoboraga kubuza ikibi kwera imbuto zacyo, mu gihe cyahoraga gishyonyagizwa ntikirekwe. Ariko nkuko yarambuye ukuboko kwe kugirango akize Petero igihe umuraba wari ugiye kumurengera, ni nako urukundo rwe rwashatse kumukiza amazi y'imuhengeri yari agiye kurengera ubugingo bwe." – *Uburezi*, p.88,89.

**c. Ni ukubera iki kuba umwizera w'itorero imyaka myinshi bidatanga imbaraga zirushijeho kuba nyinshi mu kwizera? Abaroma 11:20 – 22; 1Abakorinto 10:12; 8:2.**

## *Kuwa Gatanu* **04 Mata**

## 5. INTUMWA YAHINDUTSE

**a. Ni ukubera iki igihe cyose Imana itatubuza gukurikiza imigirire yacu bwite kandi iba iziko bishobora kurangira [iyo migirire] itugushije mu cyaha no gukorwa n'isoni? Yesaya 48:17; Luka 22:31,32.**

---

"Kristo yari yarabwiye Petero mbere y'uko amwihakana ati: "Nawe numara guhinduka ukomeze bagenzi bawe." (Luka 22:32). Aya magambo yari afite icyo avuze ku murimo mugari kandi utanga umusaruro iyi ntumwa yagombaga kuzakorera abajyaga kuzizera mu gihe cy'ahazaza. Petero yari yarateguriwe uyu murimo binyuze mu mibereho ye bwite y'icyaha, umubabaro no kwihana. Amaze kumenya intege nke ze ni bwo yasobanukiwe uko umwizera akeneye kwishingikiriza kuri Kristo…. Ubu noneho yari amaze guhinduka no kwemerwa…. Yagombaga kwita ku ntama n'abana bazo nk'uko Kristo yari yaramugenjereje."
– *Ibyakozwe n'Intumwa*, p.515,516.

**b. Mbese mu myaka ye iheruka, ni ukuhe gutera umwete Petero wahindutse; yatangiye mu nzandiko ze yandikiye abizera bageragezwa? 1Petero 3:14; 4:12 - 14.**

---

"Izi nzandiko zigaragaza ko zanditswe n'umuntu wahuye n'imibabaro ya Kristo no guhumurizwa na We; umuntu ubuzima bwe bwose bwari bwarahinduwe n'ubuntu, kandi wari ufite ibyiringiro nyakuri ndetse bihamye by'ubugingo buhoraho." – *Ibid*, p.517.

## *Kuwa Gatandatu* **05 Mata**

## IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. **Iyo numvise ijwi rya Yesu rihamagarira mu mimerere inyuranye y'ubuzima, mbese ni gute nshobora kwitaba bya nyabyo nk'uko Petero wari umunyamwete n'umurwanashyaka yagenje?**
2. **Mbese ni iki ntakwiriye kwibagirwa ndetse ntigeze nibagirwa rwose, ubwo maze imyaka myinshi mvuga Ubukristo bwanjye burambye?**
3. **Muri iki gihe cy'ibirangaza bya buri gihe, ni hehe nkwiriye kwerekeza amatsiko ngira; niba nshikamye mu byerekeye gukizwa ubuziraherezo?**
4. **Ni mu buhe buryo bw'ubuzima nshobora kuba mu kaga ko kwiyiringira no kumva ko nihagije?**
5. **Igihe nkosheje, ni gute nshobora gukura ibyigisho kuri ubwo bunararibonye?**

# "Abasuhuke"

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA: "Ni cyo gituma mwishima, nubwo ahari mukwiriye kumara igihe gito mubabazwa n'ibibagerageza byinshi." (1Petero 1:6).**

"Turi abagenzi, abimukira, n'abasuhuke mu isi. Ntitugatakarize amafaranga yacu mu gushimisha ibyifuzo Imana idusaba gucubya. Nimutyo tujye dutanga urugero rwiza kubo tugirana imishyikirano. Nimureke tugaragaze ukwizera kwacu mu buryo bukwiriye….. Nimureke ibyo mukora byereke abantu ko ibyo Imana isaba ari ibintu byera." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 6, p.452.

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Intambara Ikomeye,* p.17 – 38.

## *Kuwa Mbere* *07 Mata*

### 1. URWANDIKO RWANDIKIWE ABANTU BARI MU MIMERERE YIHARIYE

**a. Ni gute Petero avuga Abakristo batataniye muri Aziya nto abo urwandiko rwe rwa mbere rwabanje kwandikirwa? 1Petero 1:1.**

---

**b. Mu gihe abayoboke ba Kristo ari abasuhuke muri iyi si, ni gute babonwa n'Imana? 1Petero 1:2; 2:9; Abefeso 2:19.**

---

"Ubwoko bw'Imana aribwo Isirayeli nyakuri, nubwo bwatataniye mu mahanga yose, bari mu isi ari abimukira kuko gakondo yabo iri mu ijuru." – *Abakurambere n'Abahanuzi*, p.447.

"Ibisabwa kugirango wakirwe mu muryango w'Uwiteka ni ugusohoka ukava mu b'isi, ukitandukanya n'imigirire yose y'isi yakwanduza. Ubwoko bw'Imana ntibugomba kugirana umushyikirano n'abasenga ibigirwamana mu ishusho iyo ariyo yose. Bagomba kugera ku rugero ruhanitse. Tugomba gurandukana n'ab'isi, kandi nibwo Imana ivuga iti: "Nzabakira nk'abagize umuryango wanjye wa cyami, abana b'Umwami w'ijuru." Nk'abizera ukuri; dukwiriye kwitandukanya n'icyaha n'abanyabyaha mu migirire. Ubwenegihugu bwacu buri mu ijuru.

"Dukwiriye gutekereza mu buryo burushijeho kubonera agaciro k'amasezerano Imana yadusezeraniye kandi tukarushaho gushimira icyubahiro yaduhaye." – *Amahameshingiro y'Uburezi bwa Gikristo*, p.481.

## 2. INTORE Z'IMANA

**a. Mbese igihe Petero atwita "intore z'Imana" biba bishatse kuvuga ko ubwo twatoranyijwe tudashobora kuzimira? Bisobanure ugereranya Yohana 15:16 na Luka 3:8,9; Luka 6:13 – 16 na Yohana 6:70,71; Yesaya 41:8,9 n'Abaroma 11:20 – 23.**

---

"Igihe Yuda yatoranywaga n'Umwami wacu, ibye byari bigifite igaruriro. Yari afite indangagaciro runaka nziza. Mu gushyikirana na Kristo kwe mu murimo, kubwo kumva ibiganiro Bye, yagize amahirwe yo kubona amakosa ye…. Ndetse yanashyizwe n'Umwami wacu mu mwanya aho yashoboraga guhitamo guteza imbere kamere ye yo kurarikira cyangwa kuyibona maze akayikosora. Yatwaraga udufaranga duke twabaga twakusanyirijwe gufasha abakene no kwita ku byangombwa bikenewe bisaba amafaranga….

"Utu dufaranga duke twakomeje kubera Yuda ikigeragezo gihoraho….. Umukiza wacu yamucyahiye uku kurarikira. Ibi byababaje Yuda cyane kugeza ubwo yemeye kugambanira Umwami we ahawe udufaranga duke. Mu bakomeza amategeko y'Imana hazabaho abantu batari abanyakuri mu mutima nkuko Yuda yari ameze." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 4, p.41,42.

**b. Mbese ni irihe hame ry'ingenzi ryashyizweho mu "gutoranywa nk'uko Imana yabamenye kera"? 2Petero 3:9; 1Timoteyo 2:4; Abefeso 1:4,5.**

---

"Data wa twese ashyira urukundo Rwe mu bantu yatoranyije bari hagati mu bantu. Ni abantu Kristo yacunguje amaraso Ye y'igiciro cyinshi kandi kubera ko ukubiyegereza kwa Kristo babyakira neza binyuze mu mbabazi z'Imana zigenga byose, batoranyirizwa gukizwa nk'abana Bayo bumvira…. Buri wese uzicisha bugufi nk'umwana muto, uzakira kandi akumvira Ijambo ry'Imana afite ukwiyoroshya k'umwana muto, azaba mu ntore z'Imana." – *Ibimenyetso by'Ibihe*, kuwa 02 Mutarama 1893.

**c. Mbese ni iki tugomba gukora kugirango turinde ugutoranywa kwacu kandi twirinde gusubira mu byabaye kuri Yuda bibabaje? 2Petero 1:10; 3:17; 1Yohana 3:2,3.**

---

"Nitwubahiriza ibisabwa Uwiteka yashyizeho, ugutoranyirizwa agakiza kwacu tuzabigira impamo. Ukumvira amategeko y'Imana tudakebakeba ni igihamya kigaragaza ko dukunda Imana, kandi ko tutinangiye mu cyaha." – *Ellen G White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi*, vol 6, p.1079.

## 3. AMAGAMBO ATERA UMWETE

**a. Ni nde wahawe icyubahiro cyose cyo kudutoranya ndetse akanaduteganyiriza agakiza mbere hose, kandi ni ukubera iki? 1Petero 1:3; Zaburi 72:18,19.**

---

"Ku itangiriro ry'urwandiko rwe rwa mbere, umugaragu w'Imana wari ugeze mu zabukuru yahimbaje Umwami we kandi aramushima. Yaravuze ati: "Imana y'Umwami wacu Yesu Kristo, ni yo na Se, ishimwe." – *Ibyakozwe n'Intumwa*, p.517.

**b. Mbese ni ayahe magambo Petero akoresha ashaka guhumuriza bene se bahura n'akarengane gashishana? 1Petero 1:3 (ahaheruka), 4. Na none reba mu Baheburayo 11:26.**

---

"Abakristo ba mbere bishimiraga muri ibi byiringiro by'umurage nyakuri mu isi izagirwa nshya, ndetse n'igihe babaga bari mu bihe by'ibigeragezo bikomeye no mu makuba. Petero yanditse agira ati: "Ni cyo gituma mwishima, nubwo ahari mukwiriye kumara igihe gito mubabazwa n'ibibagerageza byinshi." – *Ibid*, p.517,518.

**c. Ni ukubera iki Imana yemera ko ibigeragezo, imibabaro n'amakuba bigera ku ntore Zayo? 1Petero 1:6,7; Matayo 5:11,12.**

---

"Ibigeragezo n'inzitizi ni uburyo Uwiteka yahisemo bwo gutoza ikinyabupfura kandi nibyo bisabwa Yatoranyije kugirango tugere ku nsinzi. Usoma imitima y'abantu azi imico yabo kuruta uko bo ubwabo bayizi. Abona ko bamwe bafite imbaraga n'ubushobozi, ku buryo biyobowe neza, bishobora gukoreshwa mu guteza imbere umurimo We. Mu buntu Bwe, abo bantu abashyira mu myanya inyuranye no mu mimerere itandukanye kugirango bashobore gutahura inenge z'imico yabo zabahishwe ntibazimenye. Uwiteka abaha amahirwe yo gukosora izo nenge no kubagira abakwiriye umurimo We. Ahora yemera ko bashyirwa mu muriro w'imibabaro kugirango bashobore kwezwa.

"Ubwo duhamagarirwa kwihanganira ibigeragezo ni igihamya cy'uko Umwami Yesu atubonamo ikintu cy'agaciro kenshi cyane yifuza guteza imbere….. Uwiteka yemera ko abo yatoranyije bashyirwa mu itanura ry'imibabaro, kugirango ashobore kureba uko bameze mu ntekerezo, kandi niba ashobora kubatunganyiriza no kubabonereza umurimo We". – *Umurimo wo Gukiza*, p.471.

## 4. IBYO ABANTU BAVUGA BYEREKEYE UKWIZERA

**a. Ni ubuhe buryo rukumbi Imana ishobora kutugeza "ku gakiza". 1Petero 1:5; Luka 8:48.**

---

---

"Ukwizera Kristo gukiza ubugingo si kwa kwizera abantu benshi berekana. Baravuga bati: "Mwizere, mwizere, mwizere gusa Kristo muzakizwa. Nicyo mwese mugomba gukora." Mu gihe kwizera nyakuri kwiringira byuzuye Kristo uhesha agakiza, kuzabayobora ku gukora ibihuje n'amategeko y'Imana mu buryo butunganye. Kwizera kugaragazwa n'imirimo." – *Urwibutso n'Integuza*, kuwa 05 Ukwakira 1886.

"Kugirango turindwe n'imbaraga y'Imana kubwo kwizera, ibyifuzo by'umutima bikwiriye guhora bizamuka mu isengesho rya bucece, dusaba ubufasha, umucyo, imbaraga n'ubwenge. Ariko ibitekerezo n'amasengesho ntibishobora gusimbura ugukoresha igihe neza ukiranutse kandi ufite umwete. Umurimo n'isengesho byombi birakenewe mu kuboneza imico ya Gikristo." – *Ubuntu bw'Imana Butangaje*, p.317.

**b. Ni ukubera iki ukwizera gukeneye kugeragezwa? 1Petero 1:7; Yobu 23:10; Yakobo 1:3.**

---

---

"Mu mibereho y'iby'idini ya buri muntu wese uzanesha ku iherezo, hazabamo ibimuhagarika umutima biteye ubwoba n'ibigeragezo, ariko kumenya Ibyanditswe Byera kwe bizamushoboza kwibuka mu ntekerezo ze amasezerano y'Imana atera ubutwari, akaba ariyo azahumuriza umutima we kandi akamukomereza ukwizera imbaraga y'Umunyabushobozi…. Kugerageza ukwizera birusha izahabu agaciro. Abantu bagomba kwiga ko uyu ari umugabane w'ikinyabupfura cyigirwa mu ishuri rya Kristo, bikaba ari ngombwa mu kubezaho no kubakuramo inkamba z'iby'isi." – *Ibid*, p.81.

**c. Ni gute intumwa Petero asobanura ishingiro ryo kwizera? 1Petero 1:8,9. Gereranya ibi n'uko Pawulo asobanura ukwizera. Abaheburayo 11:1.**

---

"Nimutyo ntitukibagirwe ndetse n'igihe tugendera mu kibaya, ko Kristo aba ari kumwe natwe nkuko aba ari kumwe natwe igihe turi mu mpinga y'umusozi. Ijwi ryaratubwiye riti: "Mbese ntimuzatura umutwaro wanyu ku Ubikorerera Imitwaro, ariwe Yesu Kristo Umwami? Mbese ntimuzaba iruhande rw'izuba ry'umusaraba?" – *Intekerezo, Imico n'Ubumuntu*, vol 2, p.811.

## *Kuwa Gatanu* — *11 Mata*

### 5. UBWIRU BW'AGAKIZA

**a. Ni ukubera iki "gukizwa n'ubuntu kubwo kwizera" kubisobanukirwa byarushijeho koroha nyuma yo kwigira umuntu kwa Kristo n'urupfu Rwe? 1Petero 1:10 – 12; Luka 10:24; 1Yohana 1:1 – 3.**

---

"Ndetse n'abahanuzi bagiriwe ubuntu bakamurikirwa mu buryo bwihariye n'Umwuka, ntibigeze basobanukirwa mu buryo bwuzuye akamaro k'ibyo bahishuriwe bakabihabwa…..

"Nyamara… bageragezaga uko bashoboye kose kugira ngo babone umucyo w'ibyo Imana yanejejwe no kumenyekanisha…. Mbega icyigisho cyahawe ubwoko bw'Imana bwo mu gihe cya Gikristo, kandi ari kubw'inyungu zabo ubwo buhanuzi bwanyujijwe mu bagaragu Bayo!..... Gereranya umwete utunganye w'abo bantu n'ubunebwe bwo kutagira ibyo bitaho abantu bagiriwe ubuntu bo mu myaka yakurikiyeho bagaragaje mu buryo bafata iyi mpano y'Ijuru. Mbega gucyaha kwahawe abakunda ibiboroheye gusa no kutagira icyo bitaho bikundira iby'isi kandi banezezwa no kuvuga ko ubuhanuzi budashobora gusobanurwa ngo bwumvikane!" – *Intambara Ikomeye*, p.344.

**b. Ni ukubera iki inama y'ugucungurwa n'abamarayika yababereye ubwiru? 1Petero 1:12 (ahaheruka); 1Abakorinto 4:9.**

---

"Mu kuza kubana natwe, Yesu yagombaga kugaragaza Imana mu bantu no mu bamarayika…. Uyu mubumbe w'iyi si yacu nubwo ari muto, ni igitabo cy'ibyigisho by'ijuru n'isi. Umugambi w'ubuntu bw'Imana butangaje, ubwiru bw'urukundo rutarondoreka rwaducunguye, ni icyigisho "abamarayika bagirira amatsiko bashaka gusobanukirwa," kandi kizakomeza kubabera inyigisho y'ibihe bidashira. Abacunguwe hamwe n'ibindi biremwa bitacumuye, bazabonera mu musaraba wa Kristo ishingiro ry'ubumenyi n'indirimbo zo guhimbaza kwabo." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.19,20.

## *Kuwa Gatandatu* — *12 Mata*

### IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. **Ni iki gishobora kunyibutsa ko ndi umusuhuke n'umwimukira muri iyi si – bityo sinumve ko hano ari iwacu?**
2. **Ni gute nshobora kurinda ugutoranywa kwanjye n'uguhamagarwa kwanjye?**
3. **Mbese ni iki kizampa kwihanganira ibigeragezo n'ibishuko mfite ubutwari?**
4. **Ni iki gishobora gutuma ukwizera kwanjye gucogora cyangwa kugakomera?**
5. **Ni gute nshobora gutanga igihe kinini cyo kwiga inama y'ugucungurwa mu buryo bwimbitse?**

# Abana b'Imana Bumvira

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA: "Nuko rero ubwo mwiyejesheje imitima kumvira ukuri kugira ngo mubone uko mukunda bene Data mutaryarya, mukundane cyane mu mitima." (1Petero 1:22).**

"Iyo tugundiriye Kristo kubwo kwizera, ubwo umurimo wacu uba utangiye. Buri muntu afite ingeso zanduye kandi zirimo ibyaha zigomba kuneshwa n'urugamba rusaba imbaraga. Buri muntu asabwa kurwana intambara yo kwizera." – *Ubutumwa Bwatoranyijwe*, vol 2, p.20.

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Kugana Yesu,* p.43 – 48.

## *Kuwa Mbere* *14 Mata*

### 1. GUHITAMO IBYO DUTEKEREZA TUBIGIRANYE UBWITONZI

**a. Hakurikijwe ijambo ry'Imana, mbese ukumvira nyakuri gutangirira hehe? 1Petero 1:13,14; Abaroma 12:2.**

---

"Ubugorozi nyakuri bwose butangirana no kwezwa k'umutima. Uguhinduka kubaho mu mibereho kubwo kuhagirishwa ivugurura no guhindurwa bashya mu bwenge binyuze mu mbaraga y'Umwuka Wera.

"Kubwo kwitegereza Kristo, turahinduka. Intekerezo nizihora zihugiye ku by'akanya gato, ibyo bintu nibyo byigarurira imico yose uko yakabaye kandi biyigireho ingaruka, ku buryo icyubahiro cy'Imana kitazitabwaho ndetse ahubwo kinibagirane. Amahirwe abageraho kugirango bamenye ibintu byo mu ijuru, arirengagizwa. Ubugingo bw'iby'umwuka burapfa." – *Abahungu n'Abakobwa b'Imana*, p.105.

**b. Mbese ibitekerezo by'umuntu n'ibyo agamije, bikorera hehe? Itangiriro 6:5; Yeremiya 17:9.**

---

**c. Mbese tuzakora iki igihe tuzasobanukirwa ko ibitekerezo byacu n'ibyo tugamije; byanduye? Ibyakozwe n'Intumwa 8:22.**

---

## 2. KURINDA INTEKEREZO IBISINDISHA

**a. Ni gute dushobora "gukenyera mu mitima yacu" mu buryo bufatika? Itangiriro 4:7.**

---

"Abadashaka kugwa mu mutego w'uburiganya bwa Satani bagomba kurinda mu buryo bwose inzira ibyinjira mu bugingo binyuramo; bagomba kwirinda gusoma, kureba cyangwa kumva ibyabatera kugira intekerezo zanduye. Ibitekerezo ntibikwiriye kurekwa ngo bitinde ku ngingo yose ibonetse umwanzi w'abantu ashobora kubishyira imbere. Umutima ugomba kurindwa neza, nibitaba bityo ibibi bivuye hanze bizabyutsa ibiri imbere ku buryo umuntu azarindagirira mu mwijima. Petero yaranditse ati: "Nuko mukenyere mu mitima yanyu, mwirinde ibisindisha." – *Ibyakozwe n'Intumwa,* p.518.

**b. Ni ukubera iki ari ingirakamaro cyane gutegeka ibitekerezo by'imitima yacu? Imigani 23:7 (ahabanza); 24:9 (ahabanza).**

---

"Ibitekerezo bigomba kumvira ubushake bw'Imana, kandi amarangamutima agategekwa n'ubwenge n'iyobokamana. Ntabwo ubushobozi bwacu bwo gutekereza twabuherewe kutwemerera kurangwa n'ubuzima bwo gukurikira ibibonetse byose no kwigendera uko twishakiye hatabayeho gukoresha umuhati ngo tugire ibyo twibuza gukora cyangwa se ngo turangwe n'ikinyabupfura. Niba ibitekerezo bipfuye, amarangamutima nayo azaba adatunganye; kandi iyo ibitekerezo n'amarangamutima bishyizwe hamwe nibyo birema imico mbonera. Iyo dufashe icyemezo cy'uko nk'Abakristo dusabwa gutegeka intekerezo n'amarangamutima byacu, tugera aho dutegekwa n'abamarayika babi, kandi tukabararika ngo baze babane natwe ndetse badutegeke. Nitwumvira intekerezo twiyumvamo kandi tukemerera intekerezo zacu kujya mu muyoboro wo kutizera, gushidikanya no kutanyurwa, tuzaba mu bantu b'abanyamubabaro, kandi ubuzima bwacu buzagaragara ko ntacyo bwagezeho." – *Urwibutso n'Integuza*, kuwa 21 Mata 1885.

**c. Ni ukubera iki intumwa Petero atwingingira kwirinda ibisindisha no "kwiringira ubuntu kugeza imperuka"? 1Petero 1:13 hagereranye na 5:8.**

---

"Rinda intekerezo zawe ukiranutse. Rinda buri kintu cyose werekezaho umutima kibe gikomejwe neza. Ukwiriye gushyiraho ibihindizo kugirango bikurinde kwegera Satani. Kuba maso ku ngingo imwe mu gihe izindi zirengagizwa ntacyo bizakumarira….. Hari akaga katuri imbere dukwiriye guhangana nako, kandi uburinzi bwacu rukumbi buri mu Mana." – *This Day with God*, p.174.

## 3. MUHUNGE IRARI MWAGIRAGA KERA KANDI MUBE ABERA

**a. Ni mu bihe bintu binyuranye bigize imibereho yacu tugomba kuba abantu barangwa n'imitekerereze iboneye mu buryo bukomeye cyane kugirango tube abantu bera? 1Petero 1:14,15; 4:2,3.**

---

"Nimutyo ntihakagire abirata ko ibyaha byahawe intebe mu gihe runaka bashobora guhita babihagarika. Ntabwo ariko bimeze. Buri cyaha gihaye urwaho gica intege imico kandi kigatera imbaraga akamenyero, maze ingaruka ikaba kwangirika mu by'umubiri, iby'ubwenge n'iby'imico mbonera. Ushobora kwihana icyaha wakoze, kandi ugashyira ibirenge byawe mu nzira nziza, ariko imiterere y'ibitekerezo byawe no kumenyera ikibi; bizakugora gutandukanya icyiza n'ikibi. Binyuze mu ngeso mbi wimenyereje, Satani azagutera inshuro nyinshi." – *Imigani ya Kristo*, p.281.

**b. Nubwo duhora twibutswa kuba abera (1Petero 1:15,16) – None mu by'ukuri ni iki gisa nk'icyumvikana nk'aho ibyo twashoboye kubigeraho binyuze mu mihati yacu bwite, kandi ni ubuhe buryo twashobozwa kuba abera? Abalewi 20:7,8; Abafilipi 2:13; Tito 3:5.**

---

"Nubwo nta cyiza tugira muri twe, mu bugwaneza n'urukundo rw'Imana bihebuje duhabwa ingororano nkaho icyo cyiza ari icyacu bwite. Iyo twakoze ibyiza byose tubasha gukora, tuba tukiri abagaragu b'imburamumaro…. Ibyo tuba twagezeho tuba twabishobojwe n'ubuntu bwa Kristo, akaba nta ngororano tuba dukwiriye iva ku Mana ku bijyanye n'imirimo yacu myiza." – *Urwibutso n'Integuza*, kuwa 27 Kamena 1893.

**c. Nyuma yo kuduhamagarira kwirinda ibisindisha, ni ukubera iki intumwa [Petero] atwibutsa ibyerekeye urubanza rugiye gucibwa? 1Petero 1:17; Abakolosayi 3:5,6.**

---

"Icyo umuntu akoze cyose kinyura imbere y'Imana kikandikwa ko ari igikorwa cyo gukiranuka cyangwa se ko ari icyo gukiranirwa. Mu buhanga butangaje kandi butagereranywa, imbere y'izina ryose mu bitabo byo mu ijuru, handikwa ijambo ryose ry'ibinyoma, umurimo wose wo kwikanyiza, inshingano yose idasohojwe n'icyaha cyose gikorerwa mu rwihisho. Imiburo yoherezwa n'ijuru cyangwa gucyaha kwirengagijwe, igihe cyapfushijwe ubusa, igihe cyakoreshejwe nabi, imbaraga zakoreshejwe mu kwimakaza ibyiza cyangwa ibibi ndetse n'ingaruka zabyo zikomeye, byose byandikwa n'umumarayika." – *Intambara Ikomeye,* p.482.

## 4. ABACUNGUWE NA KRISTO

**a. Mbese ni iki Petero avuga ko ari impamvu nziza ituma gushyira umuhati ku kunesha irari twagiraga kera bidakwiriye gusa, ahubwo ko ari n'inshingano yacu? 1Petero 1:4,18,19; 1Abakorinto 6:18 – 20.**

---

"Abantu bose baguzwe iki giciro kitagira akagero. Kubwo gusuka ubutunzi bwose bw'ijuru muri iyi si; binyuze mu kuduhera muri Kristo ijuru ryose, Imana yaguze ubushake, urukundo, intekerezo n'ubugingo bya buri muntu wese. Abantu bose baba ari abizera cyangwa se atari abizera ni umutungo w'Uwiteka. Bose barahamagarirwa kumukorera umurimo, kandi kubera uburyo bagiye bahura n'ibi bivugwa, bose bazasabwa guhagarara mu munsi ukomeye w'urubanza." – *Imigani ya Kristo*, p.326.

**b. Ni ryari inama y'Ugucungurwa yashyizweho? 2Timoteyo 1:8,9.**

---

"Imana izi ibizabaho mu gihe cy'ahazaza, ndetse yari ibizi mbere yo kuremwa kw'isi. Ntabwo imigambi Yayo yayigennye kugirango ihuze n'ibyari bibayeho, ahubwo yemeye ko ibintu bigenda bityo noneho igire icyo ikora. Imana ntiyagize icyo ikora kugirango izane imimerere runaka y'ibintu, ahubwo yari iziko ibintu nk'ibyo byari kubaho. Umugambi wagombaga gusohozwa mu biremwa by'icyubahiro byo mu ijuru byataye umurongo – iryo niryo banga n'ubwiru bwahishwe mu bihe byose. Kandi igitambo cyari cyateguwe mu migambi ihoraho kugirango gikore umurimo Imana yari yarakoreye abantu bacumuye." – *Ibimenyetso by'Ibihe*, kuwa 25 Werurwe 1897.

**c. Mbese mu by'ukuri, kwizera Imana bituruka he? Abaroma 10:17; 1Petero 1:21.**

---

"Nta muntu ushobora kurema ukwizera. Umwuka akorera mu ntekerezo z'umuntu kandi akazimurikira, akaba ariwe umuremamo kwizera Imana. Mu Byanditswe ukwizera kuvugwamo yuko ari impano y'Imana, imbaraga yerekeza ku gakiza, kukamurikira imitima y'abantu bashaka ukuri nk'ubutunzi buhishwe. Umwuka w'Imana acengeza ukuri mu mutima. Ubutumwa bwiza bwitwa imbaraga y'Imana ihesha agakiza kubera ko Imana yonyine ariyo ishobora guhindura ukuri imbaraga yeza ubugingo." – *Ellen G White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi*, vol 7, p.940.

## *Kuwa Gatanu* — *18 Mata*

## 5. IKAMBA RY'ABUMVIRA

**a. Amaze guhamagarira abizera kurwana intambara barwanya irari twagiraga kera, mbese ni iyihe ntego intumwa yashyizeho nk'uburyo bw'ingenzi bwo kumvira? 1Petero 1:22.**

---

"Petero yakomeje agira ati: "Mukunde bene data mutaryarya, mukundane cyane mu mitima." (1Petero 1:22). Ijambo ry'Imana ari ryo "kuri" ni umuyoboro Uwiteka yerekaniramo Umwuka We n'imbaraga Ye. Kumvira ijambo ry'Imana kwera imbuto y'icyo umuntu akeneye ari cyo – "Gukundana bya kivandimwe nta buryarya." Uru rukundo ruturuka mu ijuru kandi ruyobora ku mpamvu zihanitse zidutera gukora no ku bikorwa bitarangwamo kwikanyiza." – *Ibyakozwe n'Intumwa*, p.519.

" 'Nuko rero ubwo mwiyejesheje imitima kumvira ukuri kugira ngo mubone uko mukunda bene Data mutaryarya'… Mbega uburyo ari ingirakamaro ko abantu bose bagira umwanya mu murimo, ababwiririsha ibitabo n'abakorera mu biro, bazakomeza kuba indahemuka ku mahame no gushyira mu bikorwa amahame yo ku rwego ruhanitse kandi yera, yo mu ijambo ry'Imana!" – *Publishing Ministry*, p.297.

"Dukeneye kugira nyambere urukundo mu mitima yacu. Ntitugomba kuba twiteguye gutekereza ibibi kuri bene data. Ntidukwiriye kubakira kubyo bakora cyangwa ibyo bavuga, ahubwo dukwiriye kuba Abakristo bubakiye kuri Bibiliya [1Petero 1:22]….

"Dukwiriye kugenzura imiterere y'ibitekerezo n'ibyiyumvo byacu, imyifatire yacu, imigambi yacu, amagambo yacu n'ibikorwa byacu…. Nitudashakashakana umwete dusuzumira imitima yacu mu mucyo w'Ijambo ry'Imana, kwikunda bizatera igitekerezo cyiza kuri twe ubwacu kuruta uko twakagombye." – *This Day with God*, p.83.

"Iyo tuza kuba ntacyo dukennye mu mibereho yacu bwite, ntitwari gukemanga abavandimwe bacu. umutimanama niwe ucira urubanza umuntu witeguye kunyura mu rubanza. Nimutyo buri muntu wese ahinde umushyitsi kandi we ubwe atinye….. 'Nuko rero ubwo mwiyejesheje imitima kumvira ukuri kugira ngo mubone uko mukunda bene Data mutaryarya' " – *Urwibutso n'Integuza*, kuwa 29 Ukwakira 1901.

## *Kuwa Gatandatu* — *19 Mata*

## IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. **Nakora iki niba igitekerezo cy'icyaha cyangwa igitekerezo cyanduye cyinjiye mu bwenge bwanjye?**
2. **Ni gute ngomba guhora ngenzura umutima wanjye mu byerekeranye na kamere y'impamvu zintera kugira ibyo nkora?**
3. **Ni gute narushaho kwimenyereza imyumvire yimbitse yo kuba umuntu uboneye mu mibereho yanjye?**
4. **Ni iki cyanshoboza gushimira mu buryo bwuzuye ikiguzi Yesu yantanzeho?**
5. **Ni gute urukundo nkunda bene data na bashiki banjye rwaba urw'ukuri [ruzira uburyarya]?**

# Ijambo ry'Imana

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA: "Mumere nk'impinja zivutse vuba, mwifuze amata y'umwuka adafunguye, kugira ngo abakuze abageze ku gakiza." (1Petero 2:2).**

"Ijambo ry'Imana ni imbuto. Buri mbuto yose iba ifite ihame ryayo bwite rituma iturika ikamera. Muri yo niho ubuzima bw'ikimera buba. Uko niko mu Ijambo ry'Imana harimo ubugingo." – *Imigani ya Kristo*, p.38.

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ubutumwa ku Basore,* p.189 – 191.

## *Kuwa Mbere* *21 Mata*

### 1. IGISABWA CY'INGENZI

**a. Ni ikihe gisabwa cyangombwa Yesu yabwiye abari bamuteze amatwi kugirango bazabone agakiza? Yohana 3:5 – 7; Matayo 18:1 – 3.**

---

**b. Mbese ni iki Petero yerekana nk'uburyo dushobora guhinduka (kuvuka ubwa kabiri)? 1Petero 1:23.**

---

"Uguhinduka k'umutima tukaba abana b'Imana, muri Bibiliya kwavuzwe nko kuvuka….

"Iyo ukuri guhindutse ihame rituye mu bugingo, umuntu aba "abyawe ubwa kabiri, atabyawe n'imbuto ibora, ahubwo abyawe n'imbuto itabora, abiheshejwe n'ijambo ry'Imana rizima rihoraho." (1Petero 1 :23). Uku kuvuka bundi bushya ni ingaruka yo kwakira Kristo nk'ijambo ry'Imana. Bityo noneho kubw'Umwuka Wera, ukuri mvajuru gucengezwa mu mutima; ibitekerezo bishya bigakanguka, imbaraga zisanzwe zisinziriye zikabyukirizwa gukorana n'Imana…. Kristo niwe wahishuriye ab'isi ukuri. Ni we wabibye imbuto itabora; ari ryo Jambo ry'Imana mu mitima y'abantu.

"Jambo asenya kamere, imiterere yo kurangamira isi, maze akadushyiramo ubugingo bushya muri Kristo Yesu – ishusho y'Imana." – *Ukwizera Kumbeshejeho*, p.19.

## 2. IBY'ITEKA RYOSE N'IBY'IGIHE GITO NDETSE N'IBYANGIRIKA

**a. Ni ayahe magambo ya gihanuzi Petero yanditse igihe yavugaga iby'intege nke z'ubuzima bw'umuntu? 1Petero 1:24; Yesaya 40:6 – 8.**

---

**b. Mbese muri Bibiliya ubugingo bw'umuntu bugereranywa n'iki, kandi ni ukubera iki? Zaburi 103:15,16; Yakobo 4:14.**

---

"Nta gihe dufite cyo gupfusha ubusa. Ntabwo tuzi uburyo igihe twahawe cy'imbabazi gishobora kurangira vuba bidatinze. Tumaze igihe kirekire nyamara dufite igihe gito cyo kubaho hano kandi ntituzi uburyo umwambi w'urupfu ushobora guhinguranya imitima yacu vuba cyane….

"Mbese turiteguye? Mbese twamenye Imana, Umutware w'ijuru, Nyiramategeko, ndetse na Yesu Kristo Uwo yatumye mu isi nk'Uyihagarariye? Igihe umurimo w'ubugingo bwacu uzaba urangiye, mbese tuzaba twiteguye kuvuga nka Yesu, we Rugero rwacu, duti: "Nakubahishije mu isi, kuko narangije umurimo wampaye gukora.…. mbamenyesheje izina ryawe."(Yohana 17:4-6) – *Umurimo wo Gukiza*, p.454.

**c. Ubigereranyije n'ubuzima bw'umuntu bumeze nk'ibyatsi n'umwuka, mbese ni iki kizabaho iteka ryose nkuko Imana ihoraho? 1Petero 1:25; Zaburi 119:89.**

---

"Yesu yaravuze ati umuntu uzakira aya magambo mbabwiye akayagira urufatiro rw'imico ye n'urw'ubugingo bwe, azamera nk'abubaka amazu ku rutare. Mu myaka amagana menshi yabanjirije icyo gihe, umuhanuzi Yesaya yari yaranditse ati: "Ijambo ry'Imana yacu rizahoraho iteka ryose." (Yesaya 40:8); kandi Petero, nyuma y'igihe kirekire ikibwirizwa cyo ku musozi kimaze kubwirizwa, ubwo yavugaga aya magambo ya Yesaya yongeye kuvuga ati: "Kandi iri ni ryo jambo ry'ubutumwa bwiza mwabwirijwe." (Petero 1:25). Ijambo ry'Imana ni cyo kintu kimwe gusa kitanyeganyezwa cyigeze kimenywa n'abatuye isi yacu. Ni urufatiro nyakuri. "Ijuru n'isi bizashira, ariko amagambo yanjye ntazashira na hato." Matayo 24:35….

"Igihe twakira ijambo tuba twakira Kristo. Kandi noneho rero abakira amagambo Ye bonyine ni bo bubaka kuri We….. Kristo, Jambo, Uguhishurwa kw'Imana, ukwigaragaza kw'imico Yayo, amategeko Yayo, urukundo Rwayo, n'ubugingo Bwayo – ni we rufatiro rwonyine dushobora kubakaho imico izaramba.

"Twubaka kuri Kristo twumvira ijambo Rye…. Kwera…. ni ingaruka yo kwegurira Imana byose." – *Ibitekerezo byo ku Musozi w'Umugisha*, p.148,149.

## 3. GUKURAHO IBISITAZA

**a. Vuga bimwe mu bisitaza bitubuza kwakira Ijambo ry'Imana nkuko riri muri Yesu. 1Petero 2:1,2.**

---

"Mwakire amagambo ya Kristo mu mitima yanyu mu buryo bwuzuye, kandi mube abakora iby'ijambo Rye. Ntidushobora kwakira imigisha urukundo rwa Kristo no kubana natwe Kwe bishobora kuduha, niba duha urwaho ibyiyumvo bizangiza ubumwe Kristo yasabye ko buba mu bigishwa Be." – *Urwibutso n'Integuza*, kuwa 25 Nyakanga 1893.

"Ni twebwe ubwacu tugomba kubanza gukora. Jya usuzuma umutima wawe witonze. Uwusesengure kugirango umenye ibikubuza kubona Umwuka w'Imana ku buntu." – *Our High Calling,* p.21.

"Ntabwo hagomba kubaho kuvuga amagambo akomeretsa, amagambo yo gutukana akarishye ntabwo akwiriye, kuko abamarayika b'Imana bazenguruka buri cyumba….. Ikosa rito rishobora gukorwa, ariko amagambo yo gucyaha yo akangura ibyiyumvo byo kwihorera, kandi Imana irasuzugurwa….. Ijambo iryo ariryo ryose uvuze utabitekerejeho cyangwa utabigambiriye, ryakagombye gucecekwa, ukifata nturisohore mu kanwa…. Uyu niwo murimo wacu." – *In Heavenly Places*, p.182.

**b. Tanga ingero z'uburyo uburakari bw'umuranduranzuzi, uburyarya n'ishyari byabereye abantu inkomyi bibabuza kwakira ijambo ry'Imana. Itangiriro 4:5 – 8; Mariko 15:10; Ibyakozwe n'Intumwa 13:44,45.**

---

"Ntabwo igihe cyose ari ko duhita duhabwa igisubizo cy'amasengesho yacu ako kanya…. Igihe dusabye Imana, Ishobora kubona ko ari ngombwa kuri twe gusuzuma imitima yacu maze tukihana ibyaha. Bityo noneho ikatunyuza mu bigeragezo n'ibidusuzuma, itunyuza mu biducisha bugufi, kugirango dushobore kubona ibitubera inkomyi zo gukorerwamo n'Umwuka Wera." – *Imigani ya Kristo*, p.143.

"Ishyari si ifuti ry'ingeso gusa, ahubwo ni ingeso mbi yangiza ubushobozi bwose bw'umuntu…..

"Umunyeshyari ahumiriza amaso ye kugira ngo atareba ingeso nziza n'imirimo y'icyubahiro by'abandi. Ahora yiteguye gushyashyariza abandi no kuvuga nabi abeza cyane. Kenshi abantu baricuza bakareka andi makosa bakoraga, ariko byiringirwa gake ko umunyeshyari yakwitandukanya n'iyo ngeso. Kuko ishyari ritera umuntu kumva ko asumba abandi, ubwibone ntibukundira umuntu kwigaya. Iyo bagerageje kwemeza umunyeshyari icyaha cye, arushaho kwanga umuhannye ibibi bye.….

"Umunyeshyari akwiza uburozi aho agiye hose, atandukanya incuti kandi abyutsa urwango no kugomera Imana n'umuntu." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 5, p.56.

## 4. KWIFUZA AMATA NYAKURI Y'IJAMBO

**a. Amaze kwerekana Ijambo ry'Imana nk'imbaraga ihindura imitima yacu, mbese Petero adushishikariza kugaragaza "icyifuzo" bwoko ki? 1Petero 2:2.**

---

"Gushimira Bibiliya bigenda byongerwa no kuyiga…….

"Nta cyaboneka cyatera imbaraga ubwenge bw'umuntu nko kwiga Bibiliya. Nta kindi gitabo cyera cyirabura cyaboneza gutekereza kwacu no kutwungura ubwenge, kikagura ubushobozi, kandi kirangwamo ukuri gukungahaza; nka Bibiliya. Iyaba abantu bigaga ijambo ry'Imana uko bikwiriye, baba bafite ubwenge bushyitse bw'inditwe, n'ingeso nziza ziboneye nubwo abameze batyo ari mbarwa muri iki gihe.

"Nta bumenyi buhamye, budahindagurika kandi bugera kure buruta ubwo umuntu abona binyuze mu kwiga Ijambo ry'Imana." – *In Heavenly Places*, p.135.

**b. Vuga zimwe mu mpamvu zitera abantu kwanga kwiga Ijambo ry'Imana. Yohana 3:19,20.**

---

"Wirengagije Ibyanditswe. Usuzugura ndetse ukanga ibihamya kubera ko bicyaha ibyaha byawe ukunda kandi bikakubuza kwitegaho amakiriro." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 5, p.49.

**c. Mbese abacurabwenge benshi muri Atenayi igihe cyabo cyose bagitakarizaga mu gukora iki, kandi ni ikihe kibazo gisa gityo kitwugarije muri iki gihe, by'umwihariko ku ikoreshwa nabi rya murandasi n'imbuga nkoranyambaga? Ibyakozwe n'Intumwa 2:21 – 23, 32; 2Abakorinto 4:3,4.**

"Yooo! Iyaba urubyiruko rwatekerezaga ku mpinduka inkuru zikangura irari n'amarangamutima zizana mu ntekerezo zabo! Mbese igihe mumaze gusoma izo nkuru mushobora kubumbura Ijambo ry'Imana mukarisoma mubyitayeho? Mbese ntimusanga igitabo cy'Imana kidashimishije?" – *Urugo rwa Kidiventisiti*, p.416.

"Abantu benshi bari guca intege ubwenge bwabo binyuze mu gusoma inkuru n'ibitabo, kandi barimo gutakaza kwishimira Ijambo ry'Imana. Barimo kuba abadafite ubwenge, kandi ntibazashobora kubona mu mucyo nyakuri ibibazo bikomeye byugarije ubuzima [bwabo] n'ahazaza habo h'iteka, nibaramuka batiyambuye iyi migirire." – *Urwibutso n'Integuza*, kuwa 14 Mata 1891.

## *Kuwa Gatanu* — *25 Mata*

### 5. GUKURA MU BY'UMWUKA

**a. Mbese ni iki kidashoboka niba tutagumye kuba abigishwa b'Ijambo ry'Imana b'abanyamwete? 2Petero 3:18 (ahabanza).**

---

"Intumwa Petero yahuguriye abizera kwiga Ibyanditswe, bityo binyuze mu kubisobanukirwa neza, bazashobore gukora umurimo nyawo w'iteka ryose. Petero yasobanukiwe ko mu mibereho y'umuntu wese uzatsinda hazabamo ibimutera guhangayika ndetse n'ibigeragezo; ariko kandi yari azi ko gusobanukirwa Ibyanditswe bizashoboza ugeragezwa kwibuka amasezerano azahumuriza umutima kandi agakomeza kwizera Ishoborabyose." – *Ibyakozwe n'Intumwa*, p.521.

**b. Ni akahe kaga kugarije "abasogongeye ko Uwiteka agira neza" ariko bagahinyura yuko ijambo ry'Imana rikorera mu mitima yabo? 1Petero 2:3; Abaheburayo 6:4 – 6.**

---

"Abantu benshi baradamaraye banyuzwe n'igihe kirekire bamaze bamamaza ukuri. Ubu ngubu bumva yuko bakwiriye ingororano kubera ibigeragezo banyuzemo ndetse no kumvira bagize mu gihe cyashize. Nyamara aka kamenyero gahamye mu byerekeye Imana by'igihe cyahise, gatuma imbere Yayo barushaho guhamwa n'icyaha cyo kutarinda ubunyangamugayo bwabo no kutajya mbere berekeza ku butungane. Ntabwo ubudahemuka bwo mu bihe byashize buzigera na rimwe buba inyishyu y'ibyirengagizwa gukorwa muri iki gihe. Kuba umuntu yarabaye umunyakuri ejo hashize, ntabwo bizahanagura kuba umunyabinyoma kwe kwa none." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 5, p.63.

"Nimureke dushake Uwiteka buri muntu ku giti cye. Nimutyo abantu bafite ubunararibonye mu murimo w'iby'iyobokamana mu gihe cyashize, begere Imana." – *Ibid*, vol 9, p.216.

## *Kuwa Gatandatu* — *19 Mata*

### IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. **Mbese ni izihe mbuto z'imibereho yahindutse by'ukuri?**
2. **Ni gute nshobora kumenya niba niteguye gusanganira Umwami niba nari ngiye gupfa muri iri joro?**
3. **Mbese haba hari mwene data cyangwa mushiki wanjye mu itorero ntakunda? Niba ari yego, ni ukubera iki? Mbese ibyiyumvo byanjye byashoboye kubatera ifuhe cyangwa ishyari?**
4. **Ni gute mpora ngirwa inama yo kwiga Bibiliya ku giti cyanjye?**
5. **Sobanura itandukaniro riri hagati yo gukurira muri Kristo no guhagarara?**

# Amaturo y'Isabato ya Mbere Azagenerwa Amamisiyoni ku isi yose



"Ijuru rirumirwa kubwo kubona ubunenganenzi bw'abantu. Mbese ntitwari dukwiriye kumenya uko Kristo atubona? Ni gute ababyeyi bamererwa bamenye ko umwana wabo wari wazimiriye mu bukonje bw'ubutita n'urubura yirengagijwe kandi akarekerwa muri urwo rupfu n'abagombye kuba baramutabaye?" – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.825.

Reka tuvuge mu buryo bw'umwuka, mbese ni abahe bana "bazimiriye mu bukonje n'urubura"?

"Hari miliyoni nyinshi z'abantu benda kurimbuka, baziritswe n'iminyururu y'ibyaha n'ubujiji, kandi batarigera bumva iby'urukundo rwa Kristo. Mbese ibintu biramutse bihindutse tukajya mu mwanya wabo, ni iki twakwifuza ko badukorera? Ibyo rero ni byo, mu bushobozi dufite, dusabwa kubagirira." – *Ibid*, p.640.

"Ahantu hose umucyo w'ukuri nyako ugeze, uramurika kugirango imitima yasinziriye ishobore gukanguka no guhinduka. Ubutumwa bwiza bukwiriye kubwirizwa mu bihugu byose no mu mijyi yose." – *Ivugabutumwa,* p.19.

"Ariko se bamwambaza bate bataramwizera? Kandi bamwizera bate bataramwumva? Kandi bakumva bate ari nta wababwirije? Kandi babwiriza bate batatumwe?" (Abaroma 10:14,15, ahabanza).

Ubu nibwo ivugabutumwa ku isi yose rikenewe mu gihe amarembo acyuguruwe. Muri iki gihe dushobora rwose kurangurura amagambo ya Yesu. "Nkwiriye gukora imirimo y'uwantumye hakiri ku manywa, bugiye kwira ni igihe umuntu atakibasha gukora. Nkiri mu isi ndi umucyo w'isi." (Yohana 9:4,5).

Abantu bose siko bashobora kujya ahantu hose bajyanye ubutumwa bukwiriye kujyanwa kuri uyu mubumbe w'umwijima. Icyakora kugeza ubwo butumwa ku bantu bisaba ko twese tugira icyo dukora: igihe, ubwitonzi, imbaraga n'amafaranga bigomba gushyirwa muri uwo murimo tubikuye ku mutima; kugeza igihe isi yose izamurikirwa n'ubwiza bw'Imana. Ugutangana ubuntu kwanyu mukiranutse kubw'umurimo muri misiyoni zigize isi yose bishobora gutuma habaho itandukaniro rikomeye!

***Bene so bo mu Nteko Nkuru Rusange***

**Icyigisho 5** **Ku Isabato, 04 Gicurasi 2024**

# Amabuye Mazima

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA: "Namwe mwubakwe nk'amabuye mazima kugira ngo mube inzu y'umwuka, n'ubwoko bw'abatambyi bwera bwo gutamba ibitambo by'umwuka bishimwa n'Imana ku bwa Yesu Kristo." (1Petero 2:5).**

" Abasobanukiwe ukuri kw'iki gihe bagomba kwitondera uko bumva n'uko bubaka kandi bakigisha abandi kugushyira mu bikorwa." – *Ubutumwa Bwatoranyijwe*, vol 3, p.22.

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Umwuka w'Ubuhanuzi,* vol 2, p.272 – 274.

## *Kuwa Mbere* *28 Mata*

### 1. IBYABAYEHO MU GIHE CYAHISE

**a. Yerekeza ku buhanuzi bwa Yesaya (Yesaya 28:16), ni gute Petero agereranya Yesu Kristo? 1Petero 2:4,6.**

---

**b. Mbese ni ibihe bintu byabayeho mu mateka iki kigereranyo cyubatseho? 1Petero 2:7.**

---

"Mu iyubakwa ry'urusengero rwa Salomo, amabuye yari yaratunganyirijwe mu kirombe, kugirango igihe yabaga amaze kugezwa aho bubakaga….. Icyo abubatsi bakoraga gusa ni ukuyashyira mu myanya yayo….

"Igihe yabaga amaze kugezwa aho bubakaga, ntibongeraga kugira icyo bayakoraho. Mu yo bakoreshaga bubaka umusingi hari ubwo hazagamo ibuye rinini cyane kandi ridateye nk'ayandi; ariko abubatsi ntibashoboraga kubona aho barishyira ku nyubako…. Ryashyirwaga ku ruhande ridakoreshejwe, abakozi bakarinyuraho cyangwa se hakaba ubwo banarisitaraho, kuba riri aho ryarababangamiraga. Ryamaraga igihe kirekire riri aho ryaranzwe. Ariko ubwo abubatsi bageraga igihe cyo kubaka imfuruka, bamara igihe kirekire bashaka ibuye rikomeye kandi rinini…. kandi rishobora kwihanganira uburemere buzarigerekwaho. Iyo baramukaga bahisemo nabi ibuye ry'aho mu mfuruka, byashoboraga gushyira inyubako yose mu kaga….

"Ku iherezo ubushishozi bw'abubatsi bwakuruwe n'iri buye rinini, maze barigenzura babyitondeye. Ryari ryarihanganiye buri kigeragezo….. Ibuye ryaremewe bararizana barishyira mu mwanya rigenewe kandi basanga rihakwiriye neza." – *Umwuka w'Ubuhanuzi*, vol 3, p.36,37.

## 2. IBUYE RIKOMEZA IMFURUKA

**a. Nubwo Yesu yise Simoni "Kefa" bisobanuye "ibuye" (reba Yohana 1:42; Matayo 16:18,19), ni ukubera iki Petero atashoboye kuba "urutare" Kristo yari kubakaho itorero Rye? Matayo 26:73,74; Abagalatiya 2:11 – 13.**

---

"Petero yari umurwanashyaka n'umunyamwete mu migirire, avuga yeruye kandi adakebakeba, bityo Kristo yamubonyemo igikoresho cyari kuba icy'agaciro gakomeye ku itorero." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 4, p.488.

"Petero ntabwo yari urutare Itorero ryubatsweho. Amarembo y'ikuzimu yaramunesheje ubwo yihakanaga Umwami we akoresheje kwivuma no kurahira. Itorero ryubatswe kuri wa Wundi amarembo y'ikuzimu atashoboraga kunesha." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.413.

"Kristo ntiyavugaga ko Petero ariwe rutare yari kubakaho itorero Rye. Imvugo Ye igira iti: "kuri urwo rutare", yarenguriraga kuri We bwite; nk'urufatiro rw'itorero rya Gikristo. Muri Yesaya 28:16 naho havuga ibisa bityo…. Iryo buye ni naryo rivugwa muri Luka 20:17,18….. Kandi na none rikavugwa muri Mariko 12:10,11……

"Iyo mirongo ihamya rwose ko Kristo ariwe rutare itorero ryubatsweho." – *Umwuka w'Ubuhanuzi*, vol 2, p.272,273.

**b. Uretse kuba urufatiro rw'itorero, tanga igihamya cyerekana ko Petero yari umwe muri bene se banyuranye mu buyobozi. Abagalatiya 2:9; 1Petero 5:1, Abefeso 2:20,21.**

---

"Yakobo yari ayoboye inama [reba mu Byakozwe n'Intumwa igice cya 15], maze atanga umwanzuro wa nyuma avuga ati, "Ni cyo gitumye ku bwanjye ntegeka ko tureka kurushya abo mu banyamahanga"…..

"Ibi byatumye impaka zirangira. Duhereye kuri ibi tubona impamvu ivuguruza inyigisho ya Kiliziya Gatulika y'i Roma ivuga ko Petero yari umuyobozi w'Itorero….. Nta na kimwe mu mibereho ya Petero gishimangira ibivugwa ko yashyizwe hejuru y'abavandimwe be [bayobotse Kristo] nk'umusimbura w'Isumbabyose." – *Ibyakozwe n'Intumwa*, p.194,195.

**c. Mbese ni nde Petero afata ko ari we rutare rukomeye gusa n'urufatiro nyakuri rw'itorero? 1Petero 2:3 – 6.**

---

### 3. IGISITAZA

**a. Vuga indangagaciro imwe yavuzwe kuri Yesu n'uburyo ifitanye isano n'ubutumwa bwiza bugenewe abanyabyaha. 1Petero 2:4 (ahabanza), 7.**

---

"Ubwo ijambo ry'ubugingo rivugwa, nimutyo igisubizo cyanyu kivuye ku mutima gihamye ko mwakiriye ubwo butumwa nk'aho buvuye mu ijuru. Ibi ni ibya kera cyane, ndabizi; ariko bizaba ituro ryo gushimira Imana umutsima w'ubugingo wahawe umutima ufite inzara. Iyi nyikirizo ku byahumetswe n'Umwuka Wera izongerera imbaraga ubugingo bwawe bwite kandi itere umwete abandi. Izatanga ibihamya runaka yuko ku nyubako y'Imana hariho amabuye mazima arabagirana umucyo." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 6, p.367.

**b. Ni gute dushobora kumenya ko n'abamenyereye ukuri kw'iki gihe bari mu kaga "ko gusitara ku ijambo"? Abaroma 9:31 – 33; 1Petero 2:8.**

---

"Uwiteka mu mbabazi Ze nyinshi yoherereje ubwoko Bwe ubutumwa bw'agaciro kenshi akoresheje abakuru [E.J] Waggoner na [A.T] Jones [mu ihuriro ry'Inteko Nkuru Rusange y'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi yateraniye i Mineyapolisi mu 1888]. Ubwo butumwa bwagombaga kwerereza Umukiza imbere y'abatuye isi mu buryo bukomeye, We gitambo cy'ibyaha by'abari mu isi bose. Bwavugaga ibyo gutsindishirizwa kubwo kwizera Inshungu; bwararikiraga abantu kwakira gukiranuka kwa Kristo kwagaragariye mu kumvira amategeko y'Imana yose. Benshi bari baravanye amaso kuri Yesu. Bari bakeneye ko amaso yabo ayoborwa akerekezwa ku gutumbira ubumana Bwe, kubyo yakoze no ku rukundo Rwe rudahinduka." – *Ibihamya ku Bagabura*, p.91,92.

"Bamwe bashyize imbere urwango bagirira abantu Imana yahaye gushyira ab'isi ubutumwa budasanzwe. Batangiriye uyu murimo wa kidayimoni i Mineyapolisi. Nyuma yaho, ubwo babonaga kandi bakumva ugucyaha k'Umwuka Wera guhamya ko ubwo butumwa bwari ubw'Imana, barushijeho kubwanga, kubera ko bwababaye umuhamya wo kubashinja. Ntibigeze bacisha bugufi imitima yabo kugirango bihane." – *Ibid*, p.79,80.

"Nabonye ko ubwoko bw'Imana buri ku rwego rwo hasi…. bayivuyeho maze bahinduka akazuyaze. Bafite ubumenyi bw'ukuri mu magambo, nyamara ntibafite imbaraga yako ikiza." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 1, p.210.

"Ubutumwa bw'itorero rya Lawodokiya bujyanye n'imibereho yacu. Mbega ukuntu bugaragaza ishusho y'abantu bavuga ko bafite ukuri kose bakirata ko basobanukiwe ijambo ry'Imana, mu gihe imbaraga yaryo yeza itigeze igaragara mu mibereho yabo!" – *Kwizera n'Imirimo*, p.82,83.

## 4. KUBA IBUYE RIZIMA

**a. Ni gute Petero yerekana gukura kwa Gikristo? 1Petero 2:5.**

---

**b. Mbese kuba "ibuye rizima" mu nzu y'Imana y'iby'umwuka, bishatse kuvuga iki? Abefeso 4:13,15,16. Tandukanya ibi n'Ibyahishuwe 3:1 (ahaheruka), 2.**

---

"Muri iki gihe dukwiriye gukorana n'abantu b'abahanga by'ukuri…. Niba bishoboka, ayo mabuye adaconzwe tuzana mu ruganda rw'Imana, aho azabarizwa kandi agacongwa, ndetse agakurwaho ibihanga byose, azatunganywa rwose n'ukuboko kw'Imana kugeza ubwo ahindutse amabuye y'agaciro mu rusengero rw'Imana kandi azaba amabuye mazima arabagirana umucyo. Ubwo nibwo bashobora gukurira mu rusengero rwera rw'Imana." – *Ivugabutumwa*, p.573.

"Uwiteka ntazemera umurimo utavuye ku mutima, guheranwa n'imihango itarangwamo Kristo nyakuri. Abana Be bakwiriye kuba amabuye mazima ku nyubako y'Imana. Iyaba bose bitangiraga Imana batizigamye, iyaba barekaga kwiga no kugena imigambi y'ibibanezeza, bakareka kujarajara no gushyikirana n'abakunda ibinezeza, nibwo bakwiga amagambo….. azatuma batagira inzara cyangwa inyota y'ibinezeza cyangwa guhinduka. Kuba ab'umwuka nitwe bigirira inyungu nyakuri, kandi niba agakiza k'abantu bacu gashingiye ku kuba twarashyizwe ku Rutare rw'Iteka, ntitwari kubura gushaka icyakomereza inyubako yose uko yakabaye ku ibuye rikomeza imfuruka, iryo tudashobora kugiraho urujijo no kwitiranya mu kwizera kwacu." – *Amahameshingiro y'Uburezi bwa Gikristo*, p.461,462.

**c. Mbese ni ikihe "gitambo cy'umwuka" kirusha ibindi kuba cyiza dushobora gutura Imana? 1Petero 2:5 (ahaheruka); Zaburi 51:17; 1Samweli 15:22 (hagati).**

---

"Mu bihe bya kera ibitambo byoswa n'amaturo ntabwo byemerwaga n'Imana keretse gusa iyo mpano itanzwe yatangwaga mu mwuka ukwiye. Samweli yaravuze ati: '….. Erega kumvira kuruta ibitambo, kandi kwitonda kukaruta ibinure by'amasekurume y'intama.' Amafaranga yose yo ku isi ntabwo ashobora kugura umugisha w'Imana, nta nubwo ashobora kuguhesha insinzi nubwo yaba imwe.

"Abantu batanze igitambo icyo aricyo cyose, ariko kimwe gusa bagombaga gutanga; ni ukwitanga ubwabo, ubushake bwabo bakabwegurira ubushake bw'Imana." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 4, p.84.

## *Kuwa Gatanu* *02 Gicurasi*

**5. MBESE TWABA TURI ABO TUVUGA KO TURI BO?**

**a. Ni ayahe magambo ya Bibiliya dukunda kwiyerekezaho tuyirata ubwacu? 1Petero 2:9 (ahabanza), 10.**

---

**b. Mbese ni irihe tsinda rukumbi ry'abantu, ayo magambo tubonye haruguru yo mu 1Petero 2:9 ashobora kuvugwaho? 1Petero 2:5,9 (ahaheruka); Matayo 5:16; Abaroma 2:28,29.**

---

"Umuntu ufite intekerezo zimurikirwa no kubumburirwa ijambo ry'Imana, mu bwenge bwe azasobanukirwa inshingano afite ku Mana no ku b'isi, kandi azumva ko impano ze zikwiriye gutezwa imbere ku buryo ubwo bushake buzatanga umusaruro urushijeho kuba mwiza, kuko akwiriye 'kugaragariza ishimwe Iyamuhamagaye ikamukura mu mwijima ikamugeza mu mucyo wayo w'itangaza' 1Petero 2:9. Uko umuntu akurira mu buntu no kumenya Umwami Yesu Kristo, niko azasobanukirwa uburyo we ubwe ataboneye, azumva uburyo ari injiji rwose, kandi azahora ashaka uburyo yabungabunga imbaraga ze z'intekerezo, kugirango ashobore kuba Umukristo ujijutse." – *Inama ku Babyeyi, Abarimu n'Abanyeshuri*, p.37.

"Imana ifite abantu batazakira ikimenyetso cy'inyamaswa mu kiganza cyabo cy'iburyo cyangwa mu ruhanga rwabo. Imana ifitiye ubwoko Bwayo ahantu bagomba kuzuza muri iyi si, kugirango bamurike umucyo." – *Urwibutso n'Integuza*, kuwa 15 Mata 1890.

## *Kuwa Gatandatu* *03 Gicurasi*

**IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA**

1. **Ni gute nshobora kubakira kuri Kristo by'ukuri kuruta kubakira ku bitekerezo byanjye bwite?**
2. **Kristo yabonye muri Petero indangagaciro zari kubera itorero iz'agaciro kenshi. Mbese ni iki nshobora gukora kugirango ntume itorero ryanjye rigubwa neza?**
3. **Ni gute nshobora kugwa mu kaga ko kubara imyaka myinshi nakoreye itorero umurimo mu budahemuka cyangwa iterambere ryanjye mu bintu bitandukanye by'ivugurura, nk'ibikwiriye kumpesha agakiza?**
4. **Ni iki gishobora kungira by'ukuri "ibuye rizima" mu rusengero rw'Imana?**
5. **Mbese ni iki kiranga Umukristo wera "wihariye" bitandukanye n'uwiyitirira izina gusa?**

**Icyigisho 6** **Ku Isabato, 11 Gicurasi 2024**

# Guhamiriza ab'Isi

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA: "Kuko ibyo Imana ishaka ari uko mujibisha abantu b'abapfapfa batagira icyo bamenya, gukora neza kwanyu." (1Petero 2:15).**

"Ikamba rya Kristo rigomba gushyirwa hejuru kuruta amakamba y'abami bo ku isi." – *Ibyakozwe n'Intumwa*, p.68.

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibihamya by'Itorero,* vol 1, p.358 – 361.

***Kuwa Mbere*** ***05 Gicurasi***

## 1. KWIRINDA INTAMBARA ZIRWANYA UBUGINGO

**a. Mbese ni ikihe kintu cy'ingenzi cyane kurusha ibindi, kandi na none kikaba ari intambara ikomeye cyane kuri buri mugenzi wese [ugana mu ijuru]? 1Petero 2:11; 1Yohana 2:15,16.**

---

"Intumwa Petero yari asobanukiwe n'isano iri hagati y'intekerezo n'umubiri, maze arangurura ijwi rye atanga umuburo kuri bene se agira ati, "Bakundwa, ndabahugura ubwo muri abasuhuke n'abimukira, kugira ngo mwirinde irari ry'umubiri ry'uburyo bwinshi rirwanya ubugingo." Benshi bafata aya magambo nk'umuburo urwanya ukwiyandarika gusa; ariko afite ubusobanuro bwagutse. Atubuza kwishimira irari [mu mirire n'iminywere] cyangwa ibyifuzo bibi kuko byangiza umubiri. Irari ribi ryose rihinduka iruba rikabije. Ubusanzwe twahawe ipfa ry'ibyo kurya kugirango turikoreshe mu buryo bwiza, nyamara si ukugirango ribe igikoresho cy'urupfu bitewe no gukoreshwa nabi, bityo rigahinduka "uburyo bwo kurwanya ubugingo" ….

"Imbaraga y'ikigeragezo cyo kwemera kugengwa n'ipfa ry'ibyo kurya ibasha gupimirwa gusa ku mubabaro ukabije w'Umucunguzi wacu mu gihe kirekire yamaze yarigomwe kurya ari mu butayu. Yari asobanukiwe ko gushaka guhaza ipfa ry'ibyo kurya byangiza imbaraga z'ubushobozi bw'intekerezo za muntu, bikamubuza kugira ubushishozi bumushoboza gutandukanya ibyera n'ibyanduye….. Niba gushimisha ipfa ry'ibyo kurya byari bikomereye cyane mwene muntu ku buryo kugira ngo rineshwe byarasabye Umwana w'Imana wavuye mu ijuru kwigomwa kurya mu gihe kingana n'ibyumweru hafi bitandatu kubw'umuntu, mbega ukuntu Umukristo agomba kubishyiraho umwete! Nyamara kandi, nubwo intambara yaba ikomeye ite, abasha gutsinda. Kubwo gufashwa n'iyo mbaraga mvajuru…. umuntu na we ashobora gutsinda mu rugamba arwana n'ikibi, maze ku iherezo akazambara ikamba ryo kunesha mu bwami bw'Imana." – *Inama ku Mirire n'ibyo Kurya,* p.166,167.

## 2. KUBWIRIZA BINYUZE MU MIRIMO MYIZA

**a. Ni ukubera iki Abakristo nyakuri bose bafatwa nk'abasuhuke ndetse nk'abanzi b'iyi si? 1Petero 2:12, 1Abakorinto 1:18,23; 2:14.**

---

"Mu Bayuda bumvaga [Pawulo] harimo benshi bari kurakazwa n'ubutumwa yari agiye kwamamaza. Mu myumvire y'Abagiriki bo, amagambo ye yari ubupfapfa. Bashoboraga kumubona nk'umuntu ufite ubwenge buke kubwo kugeregeza kwerekana uburyo umusaraba ufitanye isano no kuzahurwa cyangwa agakiza k'inyokomuntu.

"Nyamara kuri Pawulo umusaraba ni wo wari ikintu kimwe gifite agaciro gahanitse kuruta ibindi." – *Ibyakozwe n'Intumwa,* p.245.

"Muri iyi minsi, umwuka w'ab'isi ntugihuje n'umwuka wa Kristo kuruta uko byari bimeze mu bihe bya kera, kandi ababwiriza Ijambo ry'Imana batarigoretse muri iki gihe, ntibashobora kuzakiranwa ineza iruta iyagiriwe aba kera. Uburyo bwo kurwanya ukuri bushobora guhindura isura, urwango rushobora kuba rutagaragara cyane bitewe n'uko ruhishwe cyane, ariko kurwanywa biracyariho kandi bizakomeza kubaho kugeza ku iherezo ry'ibihe." – *Intambara Ikomeye*, p.144.

**b. Mbese ni iki Petero yerekana nk'uburyo burushijeho kuba bwiza mu kubwiriza Ubutumwa Bwiza no mu byo tugirira "abapfapfa batagira icyo bamenya"? 1Petero 2:12,15.**

---

"Abagabura bacu n'abigisha bacu bagomba kubwira isi yacumuye iby'urukundo rw'Imana. Nibavuge ijambo ry'ukuri bafite imitima isabwe n'urukundo. Nimutyo abantu bose bari mu buyobe bitabweho mu bugwaneza bwa Kristo. Niba abo ukorera badahise bakira ukuri ako kanya, ntugacogore, ntukabanegure cyangwa ngo ubacireho iteka. Ibuka ko uhagarariye Kristo mu bugwaneza Bwe no mu rukundo Rwe. Dukwiriye kwitega guhura n'abatizera n'abaturwanya. Igihe cyose ukuri kwagiye guhura n'ibyo bintu. Ariko nubwo ugomba guhura n'ibikurwanya bishaririye, ntugacireho iteka abo mutavuga rumwe….

"Wowe ugomba kugirira ubugwaneza abari mu buyobe, none se wowe ubwawe ntiwahoze mu buhumyi bw'ibyaha byawe? Kandi kubera ko Kristo yakwihanganiye, ubwo se wowe ntukwiriye kwihanganira abandi? Imana yaduhaye impuguro nyinshi zo kugaragariza ineza nyinshi abaturwanya, keretse gusa bibaye byashyira ubugingo mu cyerekezo kibi." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 6, p.120,121.

## 3. KUGANDUKA KWA GIKRISTO

**a. Sobanura imyifatire dukwiriye kugira ku butegetsi bw'isi ndetse no ku mategeko y'igihugu. 1Petero 2:13 – 17.**

---

"Intumwa Petero yavuze yeruye uko abizera bakwiriye kwifata imbere y'ubutegetsi bw'isi. Aravuga ati: "Mugandukire ubutware bwose bw'abantu." – *Ibyakozwe n'Intumwa,* p.522.

**b. Tanga ingero z'igikwiriye gukorwa mu gihe amategeko y'igihugu arwanya amategeko y'Imana – ndetse n'uko twabyitwaramo. Ibyakozwe n'Intumwa 5:29; Kuva 1:15 – 17; Daniyeli 6:7 – 10, 21,22.**

---

"Nabonye ko ari inshingano yacu buri gihe kumvira amategeko y'igihugu cyacu, keretse gusa igihe avuguruzanya n'amategeko y'ikirenga yavuzwe n'Imana mu ijwi ryumvikana cyane ku musozi Sinayi." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 1, 361.

"Ntabwo dusabwa gusuzugura ubutegetsi. Amagambo yacu yaba avuzwe cyangwa ayanditswe, akwiriye kwitonderwa cyane bitaba bityo….. tugafatwa ko turwanya itegeko na gahunda. Ntitugomba kuvuga cyangwa gukora ikintu cyose cyatuma twifungira amayira bitari ngombwa. Dukwiriye kujya mbere mu izina rya Kristo twamamaza ukuri twabikijwe. Abantu baramutse batubujije gukora uyu murimo, dukwiye kubasubiza nk'uko intumwa zasubije" – *Ibyakozwe n'Intumwa*, p.69.

"Umuntu ufite amategeko y'Imana yanditswe mu mutima we azumvira Imana kuruta abantu…. Ubwenge n'ubutware bw'amategeko y'Imana ni iby'ikirenga.

"Neretswe ko ubwoko bw'Imana ari bo mutungo Wayo wihariye budashobora kwiroha muri iyi ntambara ikura umutima [intambara ya Gisivile yabereye muri Amerika, 1861 - 1865], kubera ko inyuranyije na buri hame ryose ryo kwizera kwabo. Mu gisirikare ntibashobora kumvira ukuri kandi ngo banumvire ibyo abayobozi babo b'ingabo babasaba gukora. Hashobora kubaho gukomeza kurenga kubyo umutimanama ubemeza." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 1, 361.

**c. Niba turi "abakozi" aho dukorera, mbese tugomba kuba abakozi bwoko ki? 1Petero 2:18; Abakolosayi 3:23.**

---

"Mu murimo uciye bugufi cyane kuruta indi yose harimo ubuhanga, kandi iyaba abantu bose babibonaga gutyo, bari kubona agaciro gaheranije k'umurimo." – *Amahameshingiro y'Uburezi bwa Gikristo*, p.315.

## 4. KUBABAZWA BAGUHORA UBUSA

**a. Mbese ni iyihe myifatire dukwiriye kugira ku byerekeye abantu batugirira nabi, badutera agahinda, badusuzugura cyangwa bakadukoba? 1Petero 2:19,20; Abaroma 12:19 – 21.**

---

"Ntidushobora kwemera ko imitima yacu yanduzwa n'ibibi twebwe ubwacu dukora byaba ari nyakuri cyangwa ibyo twitekerereje. Inarijye ni umwanzi dukwiriye gutinya cyane. Nta buriganya butera akaga imico y'umuntu kuruta ibyifuzo by'umuntu utayoborwa n'Umwuka Wera. Nta yindi nsinzi dushobora kubona izaba iy'igiciro cyinshi kuruta kunesha inarijye.

"Ntitugomba kwemera ko ibyiyumvo byacu bikomereka mu buryo bworoshye. Ntitugomba kubaho tutarinze ibyiyumvo byacu cyangwa agaciro dufite mu bandi, ahubwo dukwiriye gukiza ubugingo….. Ikintu icyo aricyo cyose abandi bashobora kudutekerezaho cyangwa kudukorera, ntigikwiriye kurogoya ubumwe dufitanye na Kristo…..

"Ntimukihorere. Uko bishoboka kose ujye ukuraho ikintu cyose gishobora gutuma haba ukutumvikana. Irinde kugaragara kw'ibibi. Kora uko ushoboye kose mu mbaraga zawe, hatabayeho gutamba ihame, kugirango wunge abandi…..

"Niba ubwiwe amagambo mabi akomeretsa, ntugasubize mu mwuka uyabwiwemo." – *Umurimo wo Gukiza,* p.485,486.

**b. Kubera iki Imana itwemerera kubabazwa n'abantu b'abagome kandi babi? Matayo 5:11,12, 43 – 48.**

---

"Uburinzi bw'Imana bukomeye bwemera ko abakiranutsi barenganywa n'inkozi z'ibibi bwagiye buyobera abantu benshi bafite intege nke mu byo kwizera. Bamwe bageza n'aho benda kureka kwiringira Imana kwabo kuko ireka abantu basaye mu byaha bakaba abakire mu gihe abeza kandi b'intungane bo bababazwa kandi bagashinyagurirwa n'ubushobozi bw'abo banyabibi. Baribaza bati, bishoboka bite ko Imana ikiranuka, y'inyambabazi kandi ifite ubushobozi butagira iherezo, yakwihanganira akarengane n'ubugome bimeze bityo? Icyo ni ikibazo tudashobora gukemura. Imana yaduhaye ibihamya bihagije by'urukundo Rwayo, bityo ntitugomba gushidikanya ubugiraneza Bwayo kuko tudashobora gusobanukirwa imikorere y'ubuntu Bwayo……

"[Uwiteka] ntabwo yibagirwa cyangwa ngo yirengagize abana Be; ahubwo yemera ko ababi bagaragaza uko imico yabo nyakuri imeze kugira ngo hatagira ushaka gukora ibyo Imana ishaka ubibeshyaho. Na none abakiranutsi banyuzwa mu itanura ry'umubabaro ukaze kugira ngo ubwabo batunganywe." – *Intambara Ikomeye*, p.47,48.

## *Kuwa Gatanu* *09 Gicurasi*

## 5. URUGERO RWO GUKURIKIZWA

**a. Nyuma yo gushishikariza Abakristo guhangana n'imibabaro n'akarengane banezerewe, mbese ni ayahe magambo y'inkomezi Petero ababwira kugirango bagenze batyo? 1Petero 2:21 – 24.**

---

"Yesu yababajwe ku bwacu kuruta uko undi muyoboke We wese yababazwa n'ubugome bw'inkozi z'ibibi. Abababazwa by'agashinyaguro ndetse bakicwa bahorwa kwizera kwabo baba bageze ikirenge cyabo mu cy'Umwana w'Imana ukundwa." – *Intambara Ikomeye*, p.47.

**b. Ni uruhe rugero rutera umwete intumwa yatanze mu gusoza ibitekerezo byayo mu byerekeranye n'ukuntu tugomba guhangana n'imibabaro? 1Petero 2:25; Yohana 10:11.**

---

"Kristo agereranywa [n'umwungeri] uhiga intama yazimiye, akayishakisha. Urukundo Rwe nirwo atugotesha, akatugarura mu bushyo. Urukundo Rwe ruduha amahirwe yo kwicarana na We mu ijuru." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 6, p.479.

"Abakozi bacu, abagabura, abarimu, abaganga, n'abayobozi [b'inzego zinyuranye]; bose bakeneye kwibuka ko barahiriye gukorana na Kristo…. Bakwiriye kwimenyereza guhora biyumvamo urukundo rw'Umukiza, imbaraga Ze, ukubitaho Kwe, n'ubugwaneza Bwe. Bagomba kumubona nk'umwungeri n'uwaragijwe imitima yabo. Nibwo bazagirirwa impuhwe n'abamarayika bo mu ijuru kandi bababfashe. Kristo azababera umunezero n'ikamba ry'ibyishimo. Imitima yabo izagengwa n'Umwuka Wera, kandi bazamenya ukuri; kwa kundi abizera ku izina gusa badashobora kugira." – *Inama ku Babyeyi, Abarimu, n'Abanyeshuri*, p.284.

## *Kuwa Gatandatu* *10 Gicurasi*

## IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. **Ni gute nshobora gukurwa mu bubata bw'irari ry'umubiri n'ibyifuzo bya kamere?**
2. **Ni iki kizatuma imibereho yanjye iba ubuhamya buzima bw'imbaraga y'Ubutumwa Bwiza?**
3. **Ni izihe nzira zimwe na zimwe zirushijeho kuba nziza nshobora kugaragarisha ko numvira ubuyobozi?**
4. **Igihe ndezwe ibinyoma, cyangwa bakankankamira, mbese mbyifatamo nte?**
5. **Mbese ni iki cyatuma mba umuntu witeguye kubabazwa kubwa Yesu?**

# Inama ireba Abagabo n'Abagore Bashakanye

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA: "Babonye ingeso zanyu zitunganye zifatanije no kūbaha." (1Petero 3:2).**

"Mu rugo ni ahantu hejejwe cyane ku buryo hadakwiriye kwanduzwa n'ibikorwa n'amagambo bikocamye, umutima wa kamere no kwihimura. Hari Umuhamya uvuga uti: "Nzi imirimo yawe." Nimureke urukundo, ukuri, ubugwaneza, no kwihangana, bibe ibimera bihinzwe mu murima w'umutima." – *Intekerezo, Imico n'Ubumuntu*, vol 1, p.157.

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Urugo rwa Kidiventisiti,* p.99 – 112, 177 – 180.

## *Kuwa Mbere* *12 Gicurasi*

### 1. INDANGAGACIRO YO MURI BIBILIYA ABANTU BAHORA BIRENGAGIZA

**a. Mbese ni irihe hame ry'ingenzi ku byahesha umuryango umunezero, rihora ryangwa n'abagore muri iki gihe? 1Petero 3:1 (ahabanza); Abefeso 5:22 – 24; Abakolosayi 3:18.**

---

"Mushiki wanjye, mbese wari witeze iki ku mugabo wawe igihe mwashyingiranwaga? Mbese wari witeze ko wafata ubutegetsi mu biganza byawe, maze ugashyira ubushake bwe mu buryo buhuje n'ubushake bwawe bukocamye kandi butagoragozwa? Mbese umugabo wawe abona umunezero ungana iki, ikiruhuko kingana iki, amahoro n'ibyishimo bingana iki mu mibereho ye yo gushyingirwa?……Umugore ntakwiriye kwifata nk'umwana warezwe bajeyi, ahubwo ni umugore; wa wundi ushyira ku ntugu ze imitwaro ifatika y'ubuzima, ntayifate nk'inzozi, kandi akarangwa n'imibereho isobanukiwe ndetse agatekereza, akazirikana ko hari ibindi bintu byinshi agomba gutekereza aho kwitekerezaho gusa.

"Mbese utekereza ko kuba umugabo wawe akubona nkuko Imana yanyeretse uko uri, bitazamuca intege? Mbese yaba yarashyingiranywe nawe yiteze ko utazikorera imitwaro, ko mutazasangira amagorwa, no kutarangwa no kwiyanga? Mbese yatekerezaga ko utazumva ufite inshingano yo kwifata, kuba umuntu wishimye, ugwa neza, wihangana, kandi ushyira mu gaciro?" – *Manuscript Releases,* vol 17, p.310,311.

**b. Ni ubuhe buryo bwiza cyane kurusha ubundi umugore wahindutse yakoresha kugirango agere ku mutima w'umugabo we utizera? 1Petero 3:1,2; 1Abakorinto 7:10,13,14.**

## 2. GUTEZA IMBERE UMUBANO WUJE UBUMWE

**a. Mbese ni uruhe rugero rwa Bibiliya Petero akoresha nk'icyitegererezo cy'umubano w'umugore n'umugabo? 1Petero 3:4 – 6. Sobanura umunzani wagaragarijwe muri uyu mubano. Itangiriro 21:9 – 12.**

---

"Amabwiriza yahawe Aburahamu ku byerekeye ukwera kw'imibanire y'abashyingiranywe, yagombaga kubera icyigisho abantu b'ibihe byose. Icyo cyigisho gihamya ko uburenganzira n'umunezero w'iyo mibanire bigomba kubumbatirwa n'ubwitonzi bwinshi, nubwo byaba bisaba kwitanga gukomeye. Sara ni we wenyine wari umugore w'isezerano w'Aburahamu.

Nta wundi muntu wagombaga kugabana na we ibyo yari afitiye uburenganzira. Yubahaga umugabo we, kandi kubera ibyo mu isezerano rishya; agaragara nk'icyitegererezo gikwiriye. Ariko ntiyashakaga ko Aburahamu agira undi akundwakaza, kandi Uwiteka ntiyigeze amucyahira ko ategetse umugabo we kwirukana mukeba we." – *Abakurambere n'Abahanuzi*, p.147.

**b. Mbese ni iki akenshi gituma umugabo aba umuntu utagira ibyishimo mu ruziga rw'umuryango kandi kigatuma izina rye ryangirika mu bantu? Imigani 14:1; 25:24; 27:15. Ibi ubigereranye na 1Petero 3:4.**

---

"Abagabo benshi ndetse n'abana ntibabona ikintu na kimwe kibarehereza kuba mu rugo bitewe n'uko iyo batashye bahora bakirizwa amagambo mabi no kwitotomba, usanga bashakira icyabarema agatima n'icyabashimisha ahatari mu rugo rwabo….. Umubyeyi nyina w'abana, usanga ahugiye mu bimuhagaritse umutima by'imirimo yo mu rugo, maze akenshi ntiyite ku rugwiro rwa hato na hato; rwa rundi rutuma mu rugo haba ahantu hanejeje umugabo we n'abana, nubwo yakwirinda gutinda ku bimubabaje byihariye ndetse n'ingorane ze igihe ari imbere yabo. Igihe ahugiye mu guteka ibyo kurya cyangwa ari gutegura imyambaro, umugabo we n'abahungu be barinjira, bakongera kwisohokera bakigendera nk'abashyitsi.

"Nubwo umugore mu rugo ashobora gukora inshingano ze zigaragara inyuma nkuko bikwiriye, ntibimubuza gukomeza kwinubira uburetwa abamo, kandi agakuririza inshingano ze n'imbogamizi ze binyuze mu kugereranya imibereho abamo n'imibereho afata ko ari iyo ku rwego rwo hejuru ku mugore….. Igihe aharanira cyane kugira ubuzima burenze ubwo afite ariko ntabigereho, aba ari gutiza umurindi umwuka mubi wo kutanyurwa, bigatuma urugo rwe rurushaho kudashimisha umugabo we n'abana be." – *Urugo rwa Kidiventisiti*, p.249.

"Umugore w'umugabura utariyeguriye Imana ntacyo amariye umugabo we. Mu gihe umugabo atinda ku kuba kwikorera umusaraba ari ikintu cya ngombwa kandi agashishikariza abantu akamaro ko kwigomwa, urugero umugore we atanga buri munsi inshuro nyinshi ruvuguruza ibibwirizwa bye kandi rukarimbura imbaraga zabyo." – *Ababwiriza b'Ubutumwa Bwiza*, p.210 [Ingeri yo mu 1892].

## 3. AMOKO Y'UBWIBONE BUTEYE AKAGA

**a. Ni gute umugore w'Umukristokazi yigira mwiza? Imigani 31:25 – 29.**

---

"[Umugore] agomba kwihatira gukora ibishoboka byose mu mbaraga ze kugirango yizirikeho umugabo we, binyuze mu kumubera indahemuka mu buryo budasubirwaho no kuba indahemuka mu gutuma urugo rwe harangwa ibyishimo n'ibyireherezaho abarurimo." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 5, p.598.

"Imana ntishimishwa n'akajagari, kutagira gahunda, n'ubunenganenzi ku muntu uwo ariwe wese. Izo nenge ni ibintu bibi cyane, kandi bituma urukundo umugabo yari afitiye umugore we rugenda rucwekera, mu gihe umugabo akunda gahunda… Umugore ari nawe nyina w'abana ntashobora gutuma urugo rwe rurangwa n'umunezero keretse gusa aramutse akunda gahunda mu rugo, agasigasira kwiyubaha kwe, kandi akayobora neza abo mu rugo. Kubw'ibyo rero, abantu bose batagira izi ndangagaciro bakwiriye guhita batangira kuzimenyereza." – *Urugo rwa Kidiventisiti*, p.22,23.

**b. Ni nde akenshi umugore utarahindutse agerageza kureshya, kandi se ibyo bigira izihe ngaruka? Imigani 7:6,7,10,18,19; 2Abami 9:30; Yesaya 3:16 – 26.**

---

"Hazabaho abagore bazahinduka abashukanyi, kandi bazakora ibishoboka byose kugirango bireherezeho abagabo; ndetse batume babitaho." – *Urwibutso n'Integuza*, kuwa 17 Gicurasi 1887.

"Imyambaro ibengerana y'igiciro cyinshi kenshi itera umutima w'uyambaye uburaya kandi ikabyutsa iruba mu mutima w'umureba. Imana ibona yuko kwangirika kw'ingeso akenshi kubanzirizwa no kwibona no kwirata mu myambaro." – *Kurera Umwana*, p.416.

**c. Nubwo abagore benshi b'Abakristo badashobora gushuka abagabo ngo basambane, ni ubuhe bwoko bw'ubwibone baburirwa? 1Petero 3:3; 1Timoteyo 2:9.**

---

"Nta kintu cyabereye inkomyi wowe [n'umugabo wawe] mwembi nk'ubwibone bwanyu. Mwembi mukunda kubonwa n'abantu; ibi nta mugabane bifite mu idini ritunganye kandi ryiyoroheje." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 2, p.493.

"Bibiliya yigisha kwambara imyambaro ikwiriye…. Aya magambo abuzanya kwigaragaza mu myambarire, amabara ashashagirana ndetse n'imirimbo y'akataraboneka. Akantu kose kagamije gukurura intekerezo z'abantu kwerekera ku wambaye bene iyo myambaro kandi kakabatera kumutangarira ntikarangwa mu myambarire ikwiriye dutegekwa n'Ijambo ry'Imana.

"Kwiyanga mu myambaro ni umugabane w'inshingano yacu ya Gikristo. Kwambara bidakurura amaso, kwivutsa umunezero w'umurimbo w'ibintu byakozwe mu izahabu n'umurimbo w'uburyo bwose, bidukomereza ukwizera kwacu." – *Kurera Umwana,* p.423.

## 4. INSHINGANO Y'UMUGABO

**a. Mbese ni iyihe mpuguro ikomeye Petero yahaye abagabo nyuma yo kubwira abagore, kandi se kuyirengagiza bishobora kugira iyihe ngaruka mu by'umwuka? 1Petero 3:7.**

---

"Mureke umugabo afashe umugore we, amugaragariza impuhwe n'urukundo rudacogora. Niba umugabo yifuza ko umugore we ahorana itoto kandi agahora yishimye, kugirango abashe kuba nk'imirasire y'izuba mu rugo, akwiriye kujya amufasha kwikorera imitwaro afite. Ineza ye n'urugwiro azajya amugaragariza bizamubera uburyo bwo kumukomeza bw'agaciro kenshi kandi umunezero azajya amutera kugira, uzajya usakaza amahoro n'ibyishimo mu mutima we bwite." – *Urugo rwa Kidiventisiti,* p.218.

**b. Tanga urugero rw'ukuntu umugabo utarahindutse ashobora gutuma ubuzima bw'umugore we burangwamo umubabaro. 1Samweli 25:3,14,17, 23 – 25.**

---

"Iyo umugabo ari umunyagitugu, agatoteza umugore we, agashaka ko akantu kose gakorwa nkuko abyifuza, akajya agaya ibikorwa by'umugore we, ntabwo ashobora gutuma umugore we amwubaha kandi ngo amukunde, bityo imibanire yabo nk'abashakanye ntizamushimisha. Umugore ntazakunda umugabo we kubera ko umugabo atagerageza gutuma umugore aba uwo gukundwa. Abagabo bakwiriye kwigengesera, bagatega amatwi, bakitwararika, bakaba abiringirwa kandi bakarangwa n'impuhwe…. Iyo umugabo afite imico myiza, akabonera mu mutima, akagira intekerezo zihanitse Umukristo nyakuri wese akwiriye kugira, bigaragarira mu mibanire ye n'uwo bashakanye…. Uwo mugabo azashaka uko umugore we akwiriye kugira amagara mazima n'ubutwari. Azaharanira kuvuga amagambo yo guhumuriza, no kuzana umwuka w'amahoro mu rugo." – *Ibid*, p.228.

**c. Ni iyihe myifatire umugabo w'Umukristo nyakuri yagombye kugira ku mugore we, kugirango atume na we abimwitura? Abefeso 5:25,28,33; Abakolosayi 3:19.**

---

"Abagabo bakwiriye kwiga ibyerekeye icyitegererezo bahawe kandi bagashaka kumenya ubusobanuro bw'ikimenyetso cyakoreshejwe mu rwandiko rwandikiwe Abefeso…. Umugabo akwiriye kwitwara nk'Umukiza mu muryango we. Mbese nk'umugabo azahagarara mu mwanya we w'icyubahiro yahawe n'Imana, ahore ahirimbanira guteza imbere imibereho myiza y'umugore we n'iy'abana be?... Mureke umugabo ari nawe se w'abana yige uko yasobanukirwa n'amagambo ya Kristo, ayige atabogamye, adatinda gusa ku byerekeye uko umugore akwiriye kugandukira umugabo we, ahubwo mu mucyo w'umusaraba w'i Kaluvari, yige ya magambo ya Yesu ayasanishe n'umwanya afite ubwe mu muryango we." – *Manuscript Releases*, vol 21, 216.

## *Kuwa Gatanu* *16 Gicurasi*

### 5. NTA "MUTEGETSI (BOSS)" MU MURYANGO WA GIKRISTO

**a. Ni gute hagomba kuba umubano wimbitse hagati y'umugabo n'umugore? Itangiriro 2:23,24; Matayo 19:4-6.**

---

"Nta mugabo cyangwa umugore ugomba gushegera gutegeka. Uwiteka yashyizeho ihame rigomba gukurikizwa kuri iyi ngingo. Umugabo akwiriye gukunda umugore nkuko Kristo yakunze itorero. Kandi n'umugore agomba kubaha no gukunda umugabo we. Bombi bagomba guhuza umwuka w'ineza, bakaba biyemeje rwose kutajya bababazanya cyangwa bakomeretsanya." – *Urugo rwa Kidiventisiti,* p.106,107.

"Dukwiriye kugira Umwuka w'Imana; bitaba ibyo ntidushobore kugira ubumwe mu ngo zacu. Umugore aramutse afite Umwuka wa Kristo, yakwigengesera mu magambo avuga. Azitegeka kandi azaganduka, nyamara igihe agenza atyo ntazumva ko ari umucakara, ahubwo azumva ari umufasha w'umugabo we. Niba umugabo ari umugaragu w'Imana, ntazitwara nk'umwami ku mugore we; ntazategesha igitugu, kandi ngo abe wa wundi uhoza abandi ku rutoto. Ntidushobora kwishimira urukundo rwo mu muryango igihe dukabya gukurikirana akantu kose; kuko iyo Umwuka w'Imana ari mu rugo, urwo rugo ruba ari ishusho y'ijuru…. Umwe naramuka akosheje, undi azamugaragariza kwihangana nk'ukwa Kristo ntabwo azamutererana.

"Yaba umugabo cyangwa se umugore, nta n'umwe ukwiriye gutegekesha igitugu mugenzi we. Ntihakagire ugerageza guhatira undi kwemera ibyo yifuza. Ntabwo mushobora kugenza mutyo ngo mukomeze gukundana. Ahubwo mube abagwaneza, mwihanganirana, mugiririrane imbabazi kandi mugaragarizanye ubwuzu. Kubw'ubuntu bw'Imana, mushobora kugera ku ntego yo kunezezanya nkuko mwabisezeranye mu ndahiro mwagiranye ubwo mwashyingiranwaga." – *Ibid*, p.118.

## *Kuwa Gatandatu* *17 Gicurasi*

### IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. **Ni gute imyifatire yanjye n'ijwi nkoresha mbwira uwo twashakanye bishobora kurushaho kwerekana byimazeyo amahame Imana yerekanye neza?**
2. **Ni ukubera iki nkwiriye kwihutira kwemera amakosa yanjye no gusaba imbabazi uwo twashakanye?**
3. **Kubera iki Imana impamagarira kwitegura/gushaka gupfira uwo twashakanye?**
4. **Ni gute nakwirinda guhora mpemukira uwo twashakanye mu bitekerezo byanjye?**
5. **Ni ukubera iki byaba ari iby'ubwenge kuri njye n'uwo twashakanye, dusuzumye dusenga niba dushobora kuba dufite icyaha cy'ubwibone bwo kwiyerekana mu byerekeranye n'imyambarire, ubuhanga bwo guteka, cyangwa ibintu dutunze nk'imodoka, ibikoresho by'ikoranabuhanga, inzu, n'ibindi?**

# Imyifatire ya Gikristo

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA: "Ibisigaye, mwese muhuze imitima, mubabarane kandi mukundane nk'abavandimwe, mugiriraneimbabazi mwicisha bugufi mu mitima." (1Petero 3:8).**

" Abavuga ko ari abayoboke ba Kristo ariko bakaba ari abanyamwaga, nta bugwaneza bagira mu magambo yabo no mu myitwarire yabo, ntabwo bigiye kuri Yesu. Umuntu ukankamirana, utihangana, kandi agashishikazwa no gushaka amakosa ku bandi si Umukristo, kubera ko kuba Umukristo ari ugusa na Kristo." – *Urugo rwa Kidiventisiti*, p.427.

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Urugo rwa Kidiventisiti,* p.421 – 429.

## *Kuwa Mbere* *19 Gicurasi*

### 1. UBUKRISTO NYAKURI BWARASOBANUWE

**a. Ni gute Petero agaragaza Umukristo nyakuri? 1Petero 3:8.**

---

"Urugwiro ruhabwa agaciro gake. Abenshi bafite ubugwaneza mu mutima ntibagira ukwiyoroshya ko muri ubu buryo. Abenshi bumvira babitewe n'ubwitonzi no gukiranuka; usanga babuze ubucuti no gukundwa mu buryo bubabaje. Kubura ibyo ngibyo byangiza umunezero wabo bwite kandi bigatuma nta murimo bakorera abandi." – *Uburezi*, p.240.

**b. Mbese ni iyihe myifatire yihariye isa nk'iya Kristo Petero yibanzeho mu buryo bwihariye? 1Petero 3:9; Matayo 5:44.**

---

" Abantu bose bagomba kubahwa no kwitwararikwaho nk'abahungu n'abakobwa b'Imana.

"Ubukristo buzatuma umuntu aba umugwaneza. Kristo yagwaga neza, ndetse n'abamwishe yabitwayeho neza; bityo n'abayoboke Be by'ukuri, bazagaragaza bene uwo mwuka." – *Umurimo wo Gukiza*, p.489.

"Iri dini ritwigisha kurangwa no kwihangana no gutinda kurakara, igihe dushyizwe aho dukankamirwa kandi tukagirirwa nabi….

"Buri gihe hakenewe kwihangana, ubugwaneza, kwiyanga, n'ubwitange mu gushyira mu bikorwa idini rya Bibiliya." – *Ubuntu bw'Imana Butangaje*, p.248.

## 2. KURINDA AMAGAMBO YACU

**a. Mbese ni irihe hame ry'ingenzi Petero yongeyeye gushimangira ko aririyo risabwa kugirango imibereho irangwe n'umunezero muri iki gihe, ndetse no mu gihe kizaza? Zaburi 34:12,13; 1Petero 3:10.**

---

"Satani akorera muri buri torero kugirango yangize umukumbi w'Imana…. Nahawe amabwiriza yo kubwira umuntu wese uvuga ko ari umuyoboke wa Kristo, nti "Urinde ururimi rwawe ikibi, n'akanwa kawe ukarinde kuvuga iby'uburiganya." Satani akorera kurimbura ubugingo binyuze mu kwikuza, kandi umurimo we ushobora kugaragarira muri buri torero. Bene data na bashiki banjye, murinde mushikamye imitima yanyu. Murinde amagambo yanyu, nibitaba bityo Satani azaberekeza ku gusubiramo amateka ye bwite." – *The Upward Look*, p.114.

**b. Tanga ingero z'abantu barenze kuri iryo hame, n'uburyo byabateye ipfunwe n'ikimwaro, cyane cyane ku babivuze. 1Samweli 14:24 – 27, 43 – 45; Esiteri 6:6 – 10.**

---

"Ntihakagire ijambo na rimwe ry'intonganya, rikarishye cyangwa ribyutsa umujinya, rituruka mu kanwa kawe. Ubuntu bwa Kristo butegereje ibyo musaba, Umwuka w'Imana azayobora umutima wawe n'umutimanama, agenge amagambo yawe n'ibikorwa byawe. Ntuzigere na rimwe witesha agaciro bitewe n'amagambo ahutiyeho kandi udatekerejeho. Reba ko amagambo yawe aboneye, kandi ibyo uvuga bibe bitanduye." – *Kurera Umwana*, p.219.

**c. Ni gute kurenga kuri iryo hame bizatuma abantu benshi badahabwa ubugingo buhoraho? 1Petero 3:10 (ahaheruka) uhagereranye n'Ibyahishuwe 14:5; 21:27.**

---

"Ingaruka z'imikorere mibi y'ibyo bikaburamubiri zigaragara iyo abanywi b'icyayi n'ikawa bahuriye mu myidagaduro…. Batangira kuvuga menshi no gutukana. Bavuga amagambo bahubutse kandi badatekereje. Amagambo yabo aba ari menshi, akenshi ari mabi kandi akomeretsa. Aba banyamagambo bibagirwa ko hari umuhamya ubateze amatwi, Umurinzi ku munara utaboneka, uba yandika amagambo yabo mu gitabo cyo mu ijuru. Ayo magambo yose yo kunegurana, kubeshya bikabije, ibyo byifuzo by'amarangamutima bitewe n'igikombe cy'icyayi, Yesu abyandika nk'ibimukoza isoni." – *Inama ku Mirire n'ibyo Kurya*, p.423.

## 3. GUSHAKA AMAHORO

**a. Mbese ni ayahe mahame yandi y'ingenzi agenga imibereho ya Gikristo Petero atwibutsa? 1Petero 3:11; Yesaya 1:16,17.**

---

**b. Ni gute dushobora kuzibukira ibibi maze tugakora ibyiza? Yeremiya 13:23 uhagereranye na 1Abakorinto 6:9 – 11; Yohana 3:5; Yakobo 4:7.**

---

"[Abo intumwa Pawulo yandikiye] bakwiriye kugaragariza mu mibereho yabo impinduka y'icyubahiro yakorewe muri bo bahinduwe n'ubuntu bwa Kristo…. Ntibashobora guhindura imitima yabo bwite. Kandi igihe imihati yabo yatumaga abantu bava mu gatsiko ka Satani kugirango bahagarare kuri Kristo, ntibagombaga kugira ikintu icyo aricyo cyose bavuga kubera iryo hinduka ryabayeho…..

"Imbaraga z'Imana nicyo kintu cyonyine cy'ingirakamaro mu murimo ukomeye wo kunesha isi, umubiri na Satani…. Umuntu ntacyo ashobora gukora adafite Imana, kandi Imana yashyizeho imigambi Yayo ku buryo ntacyo yageraho mu kugarura inyokomuntu mu mimerere myiza batabifashijwemo n'ubufatanye bw'abantu n'Imana. Igice umuntu asabwa gusohoza ni gito cyane, nyamara mu mugambi w'Imana icyo nicyo gice gikenewe kugirango umurimo ugende neza.

"Impinduka ikomeye igaragara mu mibereho y'umunyabyaha nyuma yo guhindukira, ntiterwa n'ineza iyo ariyo yose y'umuntu." – *Ubuntu bw'Imana Butangaje*, p.319.

**c. Ni ibihe byiringiro n'isezerano bihabwa abiyegurira imbaraga ihindura y'ubutumwa bwiza, nyamara bagakomeza kuneshwa n'ibishuko binyuranye? 1Petero 3:12; Yohana 14:13,14.**

---

"Kubwo kwizera no gusenga, abantu bose bashobora kuzuza ibyangombwa ubutumwa bwiza busaba. Nta muntu ushobora guhatirwa gucumura. Mbere yuko gutwarwa n'irari biganza ubwenge no gutekereza, cyangwa gukiranirwa kukaganza umutimanama, umuntu ubwe agomba kubanza yabyiyemerera; umutima ugomba kugambirira gukora icyaha. Uko ikigeragezo cyaba gikomeye kose, ntabwo cyaba urwitwazo rwo gukora icyaha. "Amaso y'Uwiteka ari ku bakiranutsi, n'amatwi Ye ari kubyo basaba." Yewe muntu ugeragezwa, takira Uwiteka. Sanga Yesu uko uri impezamajyo kandi udakwiriye, maze umusabe kugusohoreza isezerano Rye. Umwami azakumva. Azi imbaraga n'umutima wa kamere, kandi azagufasha igihe cyose uhuye n'ikigeragezo.

"Mbese waba waraguye mu cyaha? Niba ari ko bimeze, nta gutindiganya, shaka Imana kugirango ikugirire impuhwe kandi ikubabarire." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 5, p.177.

## 4. GUKORA IBYIZA NTA BWOBA

**a. Mbese ni iyihe nama y'ingirakamaro yatanzwe na Petero, ku buryo tuyikurikije, ishobora kudufasha gukemura ibibazo byinshi mu mishyikirano tugirana n'abandi? 1Petero 3:13; Imigani 15:1.**

---

"Akenshi amagambo asubijwe umuntu arakaye amera nk'inkoni akubiswe maze akamutera kurushaho kuzabiranywa n'uburakari. Ariko iyo habayeho kwicecekera imbere y'umuntu urakaye, bwa burakari bushira vuba. Nimutyo Umukristo ategeke ururimi rwe, yiyemeze akomeje kutavuga amagambo ahubukiwe kandi atarimo kwihangana." – *Ubutumwa ku Basore*, p.136.

**b. Mbese ni iyihe myifatire ikwiriye kuturanga igihe turi kumwe n'abantu basa nk'abadashobora koroshywa batitaye ku bwitonzi tubagaragariza? 1Petero 3:14,16,17.**

---

"Yesu ubwe ntiyigeze ashakisha amahoro agombye kwifatanya n'ikibi…. Abagaragu ba Kristo bagomba gukora umurimo nk'uwo yakoraga, kandi bagomba kwitonda, kugira ngo birinde intonganya ariko batagombye kureka ukuri…. Amahoro nyakuri ntabonwa ari uko bibaye ngombwa gukora ibinyuranyije n'ihame. Kandi nta muntu ushobora kuba umunyakuri ku ihame ngo habure abamurwanya. Ubukristo burangwa no gutungana mu by'umwuka buzarwanywa cyane n'abana b'abatumvira. Ariko Kristo yaburiye abigishwa be ati, "Kandi ntimuzatinye abica umubiri badashobora kwica ubugingo." Abiringira Imana ntibakwiriye gutinya imbaraga z'abantu cyangwa ngo batinye kwangwa na Satani. Ubugingo bwabo bw'iteka bubonera umutekano muri Kristo. Icyo bakwiriye gutinya gusa ni igihe baramuka batereranye ukuri, bityo bagatakaza icyizere bagiriwe n'Imana." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.356.

**c. Mbese ni iki kigomba kuba isōko y'imirimo yacu myiza n'amagambo meza? 1Petero 3:16 (ahabanza); Ibyakozwe n'Intumwa 24:16; Abaheburayo 9:14.**

---

"Dusoma mu ijambo ry'Imana ko hari imitimanama myiza n'imitimanama mibi; kandi kuba umutimana wawe utagushinja kwica amategeko y'Imana; ntabwo bihamya ko udacirwaho iteka mu maso y'Imana. Suzumira umutimanama wawe ku ijambo ry'Imana kandi urebe niba imibereho n'imico yawe bihamanya n'urugero rwo gukiranuka Imana yahishuriye mu Ijambo Ryayo." – *Urwibutso n'Integuza*, kuwa 03 Nzeri 1901.

## *Kuwa Gatanu* — *23 Gicurasi*

### 5. KUMENYA AHO DUHAGAZE

**a. Mbese ni izihe mpamvu nyamukuru zituma tugomba kwiga ijambo ry'Imana buri munsi? Yosuwa 1:8; Zaburi 119:11; 1Petero 3:15; 2Timoteyo 2:15.**

---

**b. Ni akahe kaga gakomeye kugarije abantu benshi muri iki gihe bavuga ko bizera ukuri kw'iki gihe? Hoseya 4:6.**

---

"Mbese abasore bahagaze mu mwanya wabashoboza gusubizanya ubugwaneza no kubaha umuntu ubabajije impamvu z'ibyiringiro byabo? Nabonye ko abasore bananirwa cyane gusobanukirwa n'uruhande duhagazemo. Ibintu biteye ubwoba biri imbere yabo, ni igihe cy'amakuba kizagerageza agaciro k'imico." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 1, p.507,508.

"Ubutumwa bw'iki gihe—gutsindishirizwa kubwo kwizera—ni ubutumwa buva ku Mana….

"Nta mahoro dufite niba twirengagiza gushakira umucyo n'ubumenyi mu Byanditswe buri munsi ….. Mu bantu ijana nta n'umwe usobanukiwe ukuri kwa Bibiliya kuri iki cyigisho cy'ingenzi ku mibereho yacu myiza yo muri iki gihe ndetse n'iy'iteka ryose." – *Ubutumwa Bwatoranyijwe*, vol 1, p.359.

"Benshi bahanga amaso ku bagabura babo kugirango babazanire umucyo uvuye ku Mana…. Abantu nk'abo bahomba byinshi cyane. Iyaba bakurikiraga Kristo umunsi ku wundi…. basobanukirwa neza ubushake Bwe, ndetse muri ubwo buryo bakagira imibereho ifite agaciro. Kubwo kutagira iyi mibereho, bene data bavuga ko bizera ukuri; bagendera mu dushashi tw'umucyo wacanywe n'abandi; ntibamenyeranye n'Umwuka w'Imana kandi ntabwo bazi ubushake Bwayo, ndetse kubw'iyo mpamvu bava mu kwizera kwabo ku buryo bworoshye. Ntibatuza ngo bagume hamwe kubera ko biringiye yuko abandi aribo bazabahesha kugira ubunararibonye." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 2, p.644.

## *Kuwa Gatandatu* — *24 Gicurasi*

### IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. **Mbese nitwara gute k'uwo twashakanye, ku bana [banjye], kuri bene data, no ku bo dukorana?**
2. **Vuga intamwe zimwe na zimwe z'ingenzi zizadukomereza ku kumenya uburyo bwo gutegeka ururimi rwacu?**
3. **Nakora iki mu gihe nsinzwe n'ikigeragezo?**
4. **Sobanura itandukaniro riri hagati y'imirimo myiza n'amagambo arangwa n'ineza aturuka ku mutimanama uboneye n'ibyifuzo bishingiye ku bwikunde byo gushaka kwiyubakira izina ryiza.**
5. **Ni gute nshobora gusobanukirwa byimbitse imyizerere mvuga?**

## Amaturo y'Isabato ya Mbere Azagenerwa Umushinga w'Ibwirizabutumwa bw'Amahanga mu karere ka Pasifika




Umurimo wo gukwirakwiza ubutumwa bwiza kuri iyi si ni umurimo ukomeye, hakurikijwe abantu benshi batarumva ubutumwa bwiza bw'agakiza. Umwami [Yesu] aravuga ati: "Kandi ubu butumwa bwiza bw'ubwami buzigishwa mu isi yose, ngo bube ubuhamya bwo guhamiriza amahanga yose, ni bwo imperuka izaherako ize." Matayo 24:14. Imana ikunda buri muntu wese muri Miliyari 7.8 by'abantu batuye iyi si kandi irashaka ko bose bagira amahirwe yo kuyihindukirira.

Hari amadini menshi mu karere ko muri Pasifika, hakaba hakubiyemo: Ubutawoyizime, Ububudizime, Ubuyisilamu, Ubukristo, icyakora abenshi bafatwa nk'abatagira idini cyangwa abahakanamana [batemera ko Imana ibaho]. Mu by'ukuri, hari umurimo mugari ugomba kuhakorerwa.

"Isi yose ikinguriwe kwakira ubutumwa bwiza. Etiyopia iramburiye Imana amaboko. Kuva mu Buyapani, mu Bushinwa, mu Buhinde, mu bihugu bicuze umwijima byo ku isi, mu mpande zose z'isi, bazamura amajwi y'imitima ikomerekejwe n'icyaha kandi basonzeye kumenya Imana y'urukundo. Amamiliyoni n'amamiliyoni menshi y'abantu ntibigeze na rimwe bumva Imana cyangwa se urukundo rwayo rwahishuriwe muri Kristo. Bafite uburenganzira bwo kuyimenya, bwo kwakira imbabazi mvajuru, ku rwego rumwe natwe. Ni inshingano yacu, twebwe abamaze kwakira ubwo bumenyi, n'abana bacu tubusangiye gusubiza ugutabaza kwabo." – *Uburezi,* p.262,263.

Nubwo gukwirakwiza ubutumwa bwiza kuri bamwe bitabakundira kubikora mu mudendezo ahantu runaka nkuko bimeze ku bandi, ukuri kwicira inzira kukagera ku mitima y'abantu, kandi hari abantu benshi bizera ubutumwa bw'ivugurura ahantu mudashobora kwitega. Tubasabye gusengera by'umwihariko uyu murimo kuri iyi sabato, kugirango Imana iwushoboze gukomeza kujya mbere kugirango utegurire imitima ya benshi ubwami bw'Imana. Kuko ukuri kugomba kujya mbere, hakenewe amafaranga yo gufasha kugirango haboneke ahantu ho gusengera, bityo umurimo wo kubwiriza ukuri ugende neza muri ako karere ko mu majyaruguru. Tubasabye gutangana ubuntu.

"Nk'uko imvura na shelegi bimanuka bivuye mu ijuru ntibisubireyo, ahubwo bigatosa ubutaka bukameza imbuto bugatoshya n'ingundu, bugaha umubibyi imbuto n'ushaka kurya bukamuha umutsima, ni ko ijambo ryanjye riva mu kanwa kanjye rizamera. Ntirizagaruka ubusa ahubwo rizasohoza ibyo nshaka, rizashobora gukora icyo naritumye." (Yesaya 55:11).

***Mu izina rya bene so na bashiki banyu bari hirya kure***

**Icyigisho 9** **Ku Isabato, 01 Kamena 2024**

# Umubatizo buri Muntu wese Akeneye

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA: "Na n'ubu amazi ni yo akibakiza namwe mu buryo bw'igishushanyo cyo kubatizwa, icyakora si uko akuraho ico ryo ku mubiri, ahubwo ni isezerano ku Mana ry'umutima uticīra urubanza, ribakirisha kuzuka kwa Yesu Kristo." (1Petero 3:8).**

"Ndingingira abizera bagize itorero bo muri buri mujyi, kugirango bagundire Uwiteka bafite umwete utagamburura wo kubatirishwa Umwuka Wera." – *Inama ku Buzima*, p.548.

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Kugana Yesu,* p.17 – 22.

## *Kuwa Mbere* *26 Gicurasi*

### 1. INZIRA IMWE RUKUMBI Y'AGAKIZA

**a. Ni iki Petero yavuze mu kwandika no kubwiriza ku byerekeranye n'inzira imwe rukumbi yahesha umuntu agakiza? 1Petero 3:18; Ibyakozwe n'Intumwa 4:10 – 12.**

---

**b. Ni ukubera iki Imana mu mbabazi Zayo itashoboye kubabarira no gukiza abanyabyaha itabanje gutanga Umwana Wayo ho igitambo? Yesaya 26:10 n'Abaroma 8:7 uhagereranye n'Abaroma 5:10 n'Abakolosayi 1:20 – 22.**

---

"Umuntu akiri intungane ataracumura, yishimiraga gusabana [n'Imana]…. Ariko ubwo yamaraga gucumura, ntiyashoboye ukundi kubonera umunezero mu butungane, nuko ashaka aho yakwihisha Imana… Umunyabyaha ntiyashobora kwishimira kuba imbere y'Imana, yakwitarura abamarayika bera ntibashyikirane. Umunyabyaha aramutse yemerewe kwinjira mu ijuru, nta munezero yahagirira. Umwuka uganjeyo w'urukundo rutikanyiza…. nta munezero wazana mu mutima we. Ibitekerezo bye, ibimufitiye inyungu, ibyo agamije, byabusanya n'iby'abera batagira icyaha batuyeyo. Yanyuranya n'abo mu ijuru. Kuri we ijuru ryaba ahantu h'umubabaro n'agahinda…. Si itegeko ry'akarengane kuba Imana itemerera abanyabyaha kujya mu ijuru, nibo ubwabo babyibuza kuko batabasha gushyikirana n'abaho. Ubwiza bw'Imana bwababera umuriro ukongora." – *Kugana Yesu*, p.17,18.

## 2. UBWISHINGIZI BINYUZE MU MUZUKO WE

**a. Nubwo dukizwa binyuze mu rupfu rwa Kristo, ni mu buhe buryo na none "dukizwa kubw'umuzuko wa Yesu"? 1Petero 3:21 (ahaheruka); 1Abakorinto 6:14; 15:22,23; 1Abatesalonike 4:13 – 16.**

---

**b. Ni iki Petero asobanura ku byerekeye uwasohoje itegeko rya Data wa twese ndetse akazura Yesu? Gereranya Ibyakozwe n'Intumwa 2:22 – 24 na 1Petero 3:18.**

---

"Uwapfiriye ibyaha by'ab'isi yagombaga kuguma mu mva ku gihe cyagenwe. Yari afungiwe muri iyo nzu y'amabuye nk'imfungwa y'ubutabera bw'Imana….. Yikoreye ibyaha by'ab'isi, kandi Se niwe wenyine washoboraga kumukiza." – *Umwigisha w'Urubyiruko*, kuwa 02 Gicurasi 1901.

"Data wa twese yubahishije Umwana We imbere y'abarinzi b'Abaroma,….. imbere y'ingabo za Satani n'abamarayika bo mu ijuru, kubwo kumuzura mu bapfuye." – *Lift Him Up*, p.102.

"Nuko ijwi rya marayika ukomeye ryatumye ubutaka buhinda umushyitsi ryumvikana rigira riti: Yesu Mwana w'Imana, So araguhamagara! Nuko Uwari ufite imbaraga zo gutsinda urupfu n'igituro arasohoka." – *The Present Truth*, February 18, 1886.

"Imana yambaye imbaraga, ifite ubushobozi bwo gukiza abantu bapfiriye mu bicumuro n'ibyaha, kandi kubw'umurimo w'Umwuka wazuye Yesu mu bapfuye, ahindura imico y'umuntu, akagarura ishusho yazimiye y'Imana mu bugingo." – *Umwigisha w'Urubyiruko*, kuwa 07 Gashyantare 1895.

**c. Ni nde uzazura abera bose akabaha ukudapfa mu gihe cyo kugaruka kwa Kristo, kandi ni iki gisabwa gusa kugirango ibyo bizashoboke? Abaroma 8:9 – 11.**

---

"Imibiri ipfa izasubizwamo ubuzima n'Umwuka w'Imana uba muri mwe…..

"Imbaraga itanga ubugingo y'Umwuka wa Kristo uba mu mubiri upfa, yomatanya Yesu Kristo n'umuntu wese wizera…..

"Mu muzuko wa mbere, Umutangabugingo azahamagara abe yacunguye…. Kubw'imbaraga y'Umukiza yababagamo igihe bari bakiri bazima kandi kubera ko bari basangiye kamere y'Imana, bazazurwa mu bapfuye." – *Ubutumwa Bwatoranyijwe*, vol 2, p.271.

"Kristo abona urupfu nk'ibitotsi—guceceka, umwijima, ibitotsi. Aruvuga nk'aho ari urw'agahe gato…. Ku muntu wizera, urupfu ni ikintu gitoya. Kuri we gupfa ni ibitotsi.

"Imbaraga yatumye Kristo azuka mu bapfuye izazura itorero Ryayo…." – *Imibereho Yanjye y'uyu Munsi*, p.295.

## 3. "IMBARAGA" YIHISHE INYUMA Y'UBUTUMWA BWIZA

**a. Ni bande Yesu yakoresheje mu kubwiriza Ubutumwa Bwiza, no kurarika abantu bacumuye mu bihe by'isezerano rya Kera? 1Petero 3:18 (ahaheruka), 19,20. Kugirango dusobanukirwe "imyuka iri muri gereza" iyo ariyo, gereranya iyi nteruro n'Imigani 5:22; Yesaya 42:6,7; 61:1.**

---

"Imana ihora irarika umutima w'umuntu, ikawingingira kwemera urukundo Rwayo n'imbabazi Zayo…. Uko niko yinginga inyokomuntu ibihe byose. Mu gihe cya Nowa; Kristo yavuganiye n'abantu mu gikoreshomuntu cye kandi yabwirije abantu bose bari barashyizwe mu bubata bw'icyaha." – *This Day with God*, p.278.

"Mbere hose Umwuka yahoze mu isi; kuva mu itangira ry'umurimo wo gucungura umuntu, Umwuka yagendagendaga mu mitima y'abantu." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.669.

**b. Nyuma yo kuzamurwa mu ijuru Kwe, ni nde Kristo yohereje kugirango ahe intumwa Ze imbaraga zo gukomeza umurimo wo kubwiriza ubutumwa bwiza? Yohana 14:12,16,17; 20:21,22; Ibyakozwe n'Intumwa 1:2.**

---

"Nyamara igihe Kristo yari ku isi, abigishwa Be ntibari bakeneye undi wo kubafasha. Kugeza ubwo yabasize bonyine, ni bwo bajyaga gukenera Umwuka, maze akaza kubafasha.

"Umwuka Wera ahagarara mu cyimbo cya Kristo, ariko we ntafite akamero ka kimuntu, bityo akora ku giti cye. Kubera ko Kristo yari afite akamero ka kimuntu, ntiyashoboraga kubera hose icyarimwe. Kubera iyo mpamvu, byari bibabereye byiza ko ajya kwa Se, maze akabohereza ugomba kumusimbura hano ku isi. Bityo nta washoboraga kugira icyo arusha abandi kubera aho aherereye cyangwa kubera ko abana na Yesu. Binyuze mu Umwuka Wera, Umukiza noneho yari kuzashobora kugera kuri bose icyarimwe. Mu yandi magambo, yashoboraga kubaba hafi kuruta uko yari kubigenza atarazamuka mu ijuru." – Ibid.

**c. Ni irihe sezerano ry'Imana rigomba kuzongera gusohora mu gihe cy'imperuka, mu buryo bukomeye cyane kuruta uko byari bimeze mu gihe cy'intumwa? Yoweli 2:28 – 31; Hoseya 6:3.**

---

"Umurimo ukomeye wo kwamamaza ubutumwa bwiza uzarangizanywa imbaraga zikomeye nk'izawutangije." – *Intambara Ikomeye*, p.611.

## 4. UMUBATIZO BURI WESE AKENEYE

**a. Sobanura umubatizo wuzuye ukenewe kugirango umuntu abone agakiza. Mariko 1:7,8; Yohana 3:3,5.**

---

"Itorero rirakonje cyane…. Ubushyuhe bw'urukundo rwa mbere bwabaye ubutita, kandi nirutavomererwa n'umubatizo w'Umwuka Wera, igitereko cy'itabaza ryabo kizakurwa ahacyo; keretse gusa nibihana bagakora imirimo yabo ya mbere." – *Ibihamya ku Bagabura*, p.167,168.

**b. Ni ukubera iki abakristo benshi bibagora guhigura imihigo bahize igihe babatizwaga mu mazi? Abaheburayo 5:11,12; 6:1,2.**

---

"Hariho abantu benshi badatanga igihamya gifatika cy'uko ari abanyakuri ku ndahiro zabo z'umubatizo. Ishyaka ryabo rikonjeshwa n'ubunyamihango, guhatanira iby'isi, ubwibone no kwikunda." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 9, p.155.

"Mbega uburyo abakozi bakeneye cyane umubatizo w'Umwuka Wera, kugirango bashobore kuba abavugabutumwa nyakuri bavugira Imana!" – *Inama ku Murimo w'Ishuri ryo ku Isabato*, p.155.

"Ni umurimo wacu uyu munsi kwegurira imitima yacu Kristo, kugira ngo tube twiteguye igihe cy'ihembura kiza gituruka aho Uwiteka ari — tukaba dukwiriye kubatirishwa Umwuka Wera." – *Ivugabutumwa*, p.702.

**c. Ni nde wenyine ushobora kweza umutimanama wacu kugirango amasezerano twagize igihe twabatizwaga abe "igisubizo cy'umutimanama mwiza utaducira urubanza ku Mana"? Gereranya 1Petero 3:21 n'Abaheburayo 9:14; Abaroma 8:9,10.**

---

"Icyo dukeneye ni umutimanama ukoreshwa n'Umwuka w'Imana; kuko hari benshi umutimanama wabo warindagijwe no kwishora mu byaha no kutizera. Dukeneye kumenya idini icyo aricyo kandi tugasobanukirwa ko dukwiriye kugirana n'Imana yo mu ijuru umubano muzima." – *Ibimenyetso by'Ibihe*, kuwa 25 Nyakanga 1892.

"Ni nde uretse Umwuka Wera wereka umuntu urugero rukwiriye rwo gukiranuka kandi akemeza umuntu ibyaha, ndetse akamutera kugira agahinda ko mu buryo bw'Imana gatera kwihana kuticuzwa, kandi agatera umuntu kwizera Kristo wenyine ushobora gukiza abantu icyaha cyose." – *Ubutumwa Bwatoranyijwe*, vol 3, p.137,138.

## *Kuwa Gatanu* *30 Gicurasi*

### 5. GUTEGEKA IBITEKEREZO BYACU

**a. Ni hehe Petero yongeye kwerekana mu kutuyobora ku gakiza? 1Petero 3:21 (ahaheruka), 22; Abaheburayo 8:1.**

---

"[Umwami Yesu] yicaye iburyo bw'Imana kandi afite icyubahiro cy'ikirenga nk'icy'Imana, cya cyubahiro yahoranye mbere yuko isi iremwa. Impano Ze azigabanya abantu bose bazabyamamaza kubwo kwizera…..

"Dufite ububiko budashira, inyanja y'urukundo mu Mana y'agakiza kacu." – *That I May Know Him*, p.338.

"Yazutse mu bapfuye ashagawe n'igicu cy'abamarayika mu mbaraga n'icyubahiro bitangaje—ubumana n'ubumuntu bihurijwe hamwe. Yafashe mu biganza bye isi Satani yavugaga ko ari umutware wayo mu buryo bwemewe n'amategeko, kandi ku bw'umurimo We utangaje wo gutanga ubugingo bwe, yatumye inyokomuntu yongera kuzura n'Imana.

"Ntihagire n'umwe wishuka yibwira ko imirimo iyo ari yo yose umuntu yakora, ishobora kumufasha kuriha umwenda w'igicumuro cye. Iki ni ikinyoma giteje akaga gakomeye. Nimuramuka musobanukiwe n'ibi, muzareke gukomeza kwishingikiriza ku ntekerezo zanyu zibashimisha, muhange amaso yanyu ku mpongano mufite imitima yicishije bugufi. Iki kibazo gisobanuka buhoro ku buryo abantu ibihumbi n'ibihumbi bibwira ko ari abana b'Imana nyamara ari abana b'umubi, kuko bishingikiriza ku mirimo yabo bwite. Igihe cyose Imana yasabaga imirimo myiza, kandi n'amategeko na yo ni uko, ariko kubera ko umuntu yishoye mu cyaha aho imirimo ye itari igifite agaciro, yahawe agaciro, gukiranuka kwa Kristo konyine niko kwatugoboka. Kristo ashobora gukiza rwose, kuko ahoraho iteka ngo adusabire. Icyo umuntu ashobora gukora ku bijyanye n'agakiza ke bwite, ni ukwemera irarika…. Nta cyaha umuntu ashobora gukora kitigeze kirihirwa bihagije i Kaluvari. Nuko rero umusaraba, mu irarika ryihutirwa, ukomeza kwereka umunyabyaha ko yahanagurwaho icyaha mu buryo busesuye." – *Ubutumwa Bwatoranyijwe*, vol 1, p.343.

## *Kuwa Gatandatu* *31 Gicurasi*

### IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. **Ni gute nshobora kubona umunezero mwinshi mu kuvuga no gutekereza kuri Yesu n'ijambo Rye?**
2. **Ni ikihe gihamya kigaragaza ko hari umurimo w'Umwuka Wera muri jye?**
3. **Ni iki cyakongera urugero rw'Umwuka Wera kugirango ankoreshe umurimo?**
4. **Ni gute nshobora kugira umubatizo w'Umwuka Wera mu buryo bwuzuye?**
5. **Ni iki gikunda kudutera gukura amaso kuri Yesu bityo tugatakaza ukwizera?**

**Icyigisho 10** **Ku Isabato, 08 Kamena 2024**

# Kubaho Imibereho Mishya

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA: "Ngo ahereko amare iminsi isigaye akiri mu mubiri atakigengwa n'irari rya kamere y'abantu, ahubwo akora ibyo Imana ishaka." (1Petero 4:2).**

"Abejejwe by'ukuri bazubaha kandi bumvire Ijambo ry'Imana nkuko ribabumburiwe, kandi bazerekana icyifuzo gikomeye cyo kumenya ukuri kuri buri ngingo y'inyigisho." – *Kwizera n'Imirimo*, p.121.

**Ibitabo Byifashishijwe:** *That I May Know Him,* p.104; *Abahanuzi n'Abami,* p.701,702.

## *Kuwa Mbere* *02 Kamena*

### 1. IGITEKEREZO GIHORA GITERA UMWETE

**a. Ni iki intumwa Petero itugira inama yo gutekerezaho kugirango dukomezwe kandi duterwe umwete mu gihe duhanganye n'ibigeragezo n'imibabaro myinshi? 1Petero 4:1; Abaheburayo 12:3.**

---

"Dushobora kongerera imbaraga ukwizera kwacu kandi tugakomeza urukundo rwacu kubwo guhora tujya ku birenge by'umusaraba maze tukahaterereza ukwicisha bugufi k'Umukiza wacu." – *Our High Calling*, p.361.

"[1Petero 4:1] Nimutyo twibaze duti: Ni iki Umukiza wacu yaba yarakoze mu bihe turimo?.... Iki kibazo cyasubijwe n'urugero rwa Kristo. Yasize ubwami Bwe, yiyambura ubwiza Bwe, yatanze ubutunzi Bwe, kandi ubumana Bwe abwambika ubumuntu, kugirango ashobore kugera ku bantu aho bari. Urugero Rwe rwekana ko yatangiye ubugingo Bwe abanyabyaha." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 4, p.79.

"Kristo yageragejwe uburyo bwose nkuko natwe tugeragezwa. Nimutyo abantu bunamye munsi y'ibigeragezo n'ibishuko, kandi bumva ko inshuti yabo yabaretse, batekereze ko Kristo….. wenyine mu butayu, yahanganye n'ibigeragezo bikomeye kuruta ibyo bo bahangana nabyo. Ntibagacogore ngo bihebe, ahubwo barambure ikiganza cyo kwizera bahinda umushyitsi bakore mu kiganza kiramburiwe kubakiza. Ubugingo bwabo butagira gifasha nibabwegurire Yesu, kuko na we ubwe yageragejwe mu isi, akamenya gukiza abageragezwa." – *Manuscript Releases*, vol 21, p.12.

## 2. KUGERA KU NSINZI BINYUZE MU MIBABARO

**a. Ni ukubera iki Imana yemera ko tugerwaho n'imibabaro ibigambiriye? 1Petero 4:1 (ahaheruka), 2Abakorinto 12:7 – 10.**

---

"Igihe Umukiza yihishuriraga Pawulo mu mirasire y'umucyo w'ubwiza Bwe…. Akoresheje ubwiza Bwe akegera uwahoze atuka izina Rye, yamuteye ubuhumyi bw'umubiri, ariko kwari ukugirango ashobore kugira amaso y'iby'umwuka, no kugirango ashobore gukanguka ave mu bunebwe bwari bwaraciye intege kandi bukica ubwenge bwe." – *Ellen G White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi*, vol 6, p.1058.

"Ubwoba bumwe bukomeye nari mfite bwari ubw'uko iyo nza kumvira ngasohoza inshingano nari mpamagariwe, maze nkagenda ngatangariza abandi ko ari jye wagiriwe neza n'Imana Ishoborabyose ngahabwa amayerekwa n'amahishurirwa ngomba kugeza ku bantu, nashoboraga kwishyira hejuru mu cyaha, kandi….. nkizanira kutishimirwa n'Imana, ndetse nkazimiza n'ubugingo bwanjye…..

"Noneho nasabye ninginga ko niba ngomba kugenda nkajya kubwira abandi ibyo Uwiteka yanyeretse, nagombaga kurindwa gushyirwa hejuru kudakwiriye. Marayika yaravuze ati: "Amasengesho yawe arumviswe kandi azasubizwa. Iki kibi utinya nikigusatira, ikiganza cy'Imana kizaramburirwa kugukiza; izakwiyegeresha umubabaro kandi irinde kwicisha bugufi kwawe. Tanga ubutumwa ukiranuka. Ihangane kugeza ku mperuka, bityo uzarya ku mbuto z'igiti cy'ubugingo kandi unywe ku mazi y'ubugingo." – *Christian Experience and Teachings of Ellen G White*, p.67,68.

**b. Nubwo buri Mukristo wese ageragezwa n'ibyifuzo by'umubiri w'icyaha, ni iyihe ntego agomba kugira? 1Petero 4:2,15; Abefeso 4:17, 22 – 24.**

---

"Imana isaba abayoboke Bayo ibirenze ibyo benshi batekereza. Iyo tuza kuba tutarubakiye ibyiringiro byacu by'ijuru ku rufatiro rw'ibinyoma; twari kuba dukwiriye kwakira Bibiliya nkuko isomwe kandi tukizera ko Uwiteka yumvikanishije icyo avuze. Nta kintu adusaba atazaduhaho ubuntu bwo kugisohoza. Nta rwitwazo tuzagira ku munsi w'Imana nitunanirwa kugera ku rugero rwadushyizwe imbere mu ijambo ry'Imana." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 5, p.171.

"Guhinduka ni umurimo benshi batishimira. Ntabwo ari ikintu cyoroshye guhindura ubwenge bw'isi kandi bukunda icyaha, maze bukagezwa ku gusobanukirwa n'urukundo rutarondoreka rwa Kristo…. Igihe umuntu amaze gusobanukirwa n'ibi bintu, imibereho ye ya mbere imugaragarira nk'iteye ishozi kandi yo kwangwa urunuka. Yanga icyaha….. Azinukwa ibyajyaga bimunezeza. Agira ibitekerezo bishya, urukundo rushya, ibimushimisha bishya, n'ubushake bushya." – *Ukwizera Kumbeshejeho*, p.139.

## 3. ZIMWE MU NGESO ZIKWIRIYE KUNESHWA

**a. Ni ibihe byifuzo by'ibyaha Petero avuga ko ari rusange kandi bikaba bigoye gutsinda? 1Petero 4:3.**

---

**Gutwarwa n'iruba, irari ry'umubiri:** "Kwishyira ukizana byogeye muri iki gihe cyo kwangirika [kw'imico] ntibikwiriye kuranga abayoboke ba Kristo. Uko kwiyerekana kugezweho, aho abantu bahurira bagasabana birenze ntigukwiriye kurangwa mu Bakristo…. Niba gutwarwa n'iruba, guhumana, ubusambanyi….. aribyo buri munsi birangwa mu batazi ukuri….. mbega ukuntu ari ingenzi mu bavuga ko ari abayoboke ba Kristo…. bagombye kubaho bahabanye by'ihabya n'itsinda ritegekwa n'irari rya kinyamaswa!" – *Urugo rwa Kidiventisiti*, p.329.

**Vino nyinshi cyane:** "Inzira imwe rukumbi buri wese ashobora gukiriramo imbaraga zo kutirinda, ni ukwirinda mu buryo bwuzuye vino, inzoga, ndetse n'ibinyobwa bisindisha….. Ibyo nibyo bitsinda abari kuzaba abanyacyubahiro, ndetse n'abo amazina yabo atazahanagurwa mu gitabo cy'ubugingo." – *Kurera Umwana*, p.401,402.

**Ibinezeza n'ibirori:** "Abavuga ko ari Abakristo bakaba ari ab'amajyejuru bakaba badashikamye mu mico yabo no mu mibereho yabo y'iby'idini, umushukanyi abakoresha nk'abambari be kugirango agushe abandi mu mitego. Bene abo bantu bahora biteguye kujya mu materaniro yo kwishimisha cyangwa mu mikino, kandi icyitegererezo abandi babafatiragaho kigatuma bareshya n'abandi. Abasore n'inkumi bagerageje kuba Abakristo bagendera kuri Bibiliya bemezwa kwitabira ibyo birori….. Ntabwo basobanukirwa ko ibyo bibanezeza mu by'ukuri ari ibirori Satani aba yabateguriye kugirango abuze abantu kwemera ubutumire…. kandi abavutse kwakira ikanzu yera y'imico, ariyo gukiranuka kwa Kristo. Bagwa mu rujijo ntibamenye igitunganye bakwiriye gukora nk'Abakristo." – *Urugo rwa Kidiventisiti,* p.518.

"Benshi mu biyemeje gukurikiza ivugurura mu by'ubuzima buzira umuze baretse ikintu cyose gihumanya umubiri. Ariko se kuba bararetse ibyo…. byaba bivuze ko bagomba kurya bikabije uko bishakiye? Bicara ku meza… bakishimira guhaza irari ryabo maze bakarya birenze urugero…..

"None se ni izihe ngaruka kurya ukarenza urugero bigira ku gifu? Igifu gicika intege, ingingo z'igogora zigacogora ku murimo wazo, maze ingaruka zikaba indwara zigendana n'ibibi by'uburyo bwinshi….

"Bumva barwaye, kandi bakabona n'abana babo nk'abarwayi babarengeje. Ntibashobora kuvugana na bo batuje, kandi iyo batagiriwe ubuntu, ntibagira ugutuza mu ngo zabo. Abaturanyi babo bagerwaho n'ubwo burwayi bwabo, bose bakabona ingaruka zabwo……

"Ndetse n'abantu bashinzwe ivugurura mu by'ubuzima babasha kuyoba mu byerekeranye n'ubwinshi by'ibyokurya bafata." – *Inama ku Mirire n'ibyo Kurya*, p.135,136.

**Ugusenga ibigirwamana kw'ikizira:** "Ntibagombaga kwisanisha n'imigenzo y'abapagani, nta nubwo bagombaga kubungabunga inzibutso z'ibigirwamana byabo biteye ishozi. Uko ibikoresho bibigize byari iby'agaciro kose, cyangwa ubwiza bw'ishusho ababikoze babihaye, ibyo byose byari bigize ukuramya kwa gipagani byagombaga kurimburwa." – *Ibimenyetso by'Ibihe*, kuwa 13 Mutarama 1881.

## 4. GUSA NA KRISTO AHANTU HOSE N'IGIHE CYOSE

**a. Ni izihe ngaruka tuzakunda guhura nazo muri ubu buzima niduhitamo kubaho dukurikije ubushake bw'Imana? 1Petero 4:4,12.**

---

"Uko igihe cy'iherezo kigenda cyegereza, Satani…. azakoresha abantu kugira ngo bakwene kandi basebye "abubaka inkike." – *Abahanuzi n'Abami*, p.659.

"[Ubwoko bw'Imana] bazaburira abanyabyaha barira [bababwire] iby'akaga barimo kubwo kuribata amategeko y'Imana, kandi bazicisha bugufi imbere y'Uwiteka bihana bafite agahinda katavugwa. Abanyabyaha bazabaseka kubw'ako gahinda kabo kandi bagire urw'amenyo kubararika kwabo bakomeje. Nyamara agahinda no gukozwa isoni by'ubwoko bw'Imana ni igihamya kidashidikanywaho cy'uko buri gusubizwamo imbaraga no gukuzwa kw'imico batakaje kubw'ingaruka y'icyaha." – *Ibid*, p.590.

**b. Ni iki buri Mukristo wese akwiriye kwibuka mu gihe bamukoba cyangwa bamusuzugura? 1Petero 4:5, 13 – 16; 2Petero 2:12.**

---

**c. Ni iyihe myifatire tugomba kugira mu gihe abakobanyi bacu baguwe neza, kandi ku rundi ruhande, mu gihe hari ikibi kibabayeho? Bite se ku byerekeranye n'abantu bose badukorera ibibi? 1Petero 4:17 – 19; Matayo 5:44.**

---

**d. Mbese ni iki dukeneye kuzirikana ku byerekeranye n'abantu badukoba ndetse bakanadusuzugura, kandi se ni gute dushobora kugera kuri iyo mimerere yo mu bwenge? 1Petero 4:6; Abefeso 2:3 – 5; 2Timoteyo 2:24 – 26.**

---

"Igihe muhuye n'abantu bahinyura ukuri…. ntimukabahatire kwemera ibitekerezo byanyu mushyizemo imbaraga. Banza uganire na bo ku ngingo mushobora kumvikanaho. Mufatanye guca bugufi musenge…. Bityo, wowe na bo muzafatanyiriza hamwe gusabana n'ijuru, urwikekwe rudohoke kandi kugera ku mitima yabo bizarushaho koroha." – *Ivugabutumwa*, p.446.

## *Kuwa Gatanu* *06 Kamena*

### 5. KWIBUKA MU BIHE BYOSE

**a. Ni iki tugomba guhora twibuka tutitaye ko twateye imbere tukagubwa neza, dufite amagara mazima kandi tunezerewe, cyangwa turwaye, dufite agahinda cyangwa tubabajwe no kubura [ibyacu]? 1Petero 4:7.**

---

"Nitugundira ibitekerezo byo gushidikanya n'ubwoba, tukagerageza no gukemura buri kintu cyose tudashobora kubona neza, mbere yuko twizera, ibidutera inkeke biziyongera kandi birusheho kwimbika. Ariko nidusanga Imana twumva tudafite shinge na rugero kandi tuyishingikirijeho, tugaherako tukayimenyesha ibyo dukennye twicishije bugufi dufite ukwizera kudushoboza kuyiringira Yo ifite ubwenge butagira iherezo, iyo Mana yitegereza buri kintu cyose mu irema maze ikakiyoboresha ubushake Bwayo n'ijambo Ryayo, Ishobora kandi izumva ugutaka kwacu, itume umucyo uvira mu mitima yacu. Dusabana n'umutima w'Imana ihoraho binyuze mu gusenga by'ukuri. Dushobora kutagira igihamya ntashidikanywa cy'uko uwo mwanya Umucunguzi wacu aduhengekeye umusaya afite impuhwe n'urukundo, nyamara niko biri koko. Ntidushobora kumva uko adukorakora, nyamara rero ukuboko Kwe akuturambikanaho urukundo n'impuhwe nyinshi….

"Ikindi cya ngombwa cyatuma amasengesho yacu yumvirwa, ni ugusenga ubudacogora. Nidushaka ko kwizera kwacu n'Ubukristo bwacu bikura, bigashyika, tuba dukwiriye kujya dusenga iteka…. Petero yihanangiriza abizera "kwirinda ibisindisha, kugira ngo babone uko bagira umwete wo gusenga" 1Petero 4:7…. Gusenga ubudahwema, ni umurunga udacika ubohera umuntu ku Mana, kugirango ubugingo buturuka ku Mana butembe bugana mu bwacu; maze kubonera no kwera bidudubize mu bugingo bwacu, byongere bitembe bijya ku Mana." – *Kugana Yesu*, p.96 – 98.

"Amagambo y'intumwa Petero yandikiwe kugira ngo ahugure abizera bo mu bihe byose, kandi afite ubusobanuro budasanzwe ku bariho mu gihe 'iherezo rya byose riri bugufi'. Uguhugura n'imiburo bye, amagambo ye yo kwizera n'ubutwari bikenewe n'umuntu wese wifuza gushikama ku kwizera kwe." – *Ibyakozwe n'Intumwa*, p.518.

## *Kuwa Gatandatu* *07 Kamena*

### IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. **Mbese ni hehe nkwiriye "kujya" kubwo kwizera mu gihe ndi mu makuba no mu mibabaro, kandi kubera iki?**
2. **Ni uwuhe mugambi Imana ifite wo kutuyobora itunyujije mu mibabaro no mu makuba?**
3. **Mbese ndacyari imbata y'irari nagiraga kera ry'iby'isi? Niba ari yego, ndateganya gusubika kwiyegurira Imana kwanjye kugeza ryari?**
4. **Ni iyihe myifatire ngomba kugira ku bantu bankwena bakansuzugura?**
5. **Ni iki gishobora kumbuza kugira imibereho irangwa no gusengana umwete nkuko ngomba kubikora?**

**Icyigisho 11** **Ku Isabato, 15 Kamena 2024**

# Urukundo Rwinshi

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA: "Ariko ikiruta byose mukundane urukundo rwinshi, kuko urukundo rutwikira ibyaha byinshi." (1Petero 4:8).**

"Abakoreshwa n'urukundo bafite imbaraga itangaje, kuko bakoreshwa n'Imana." – *Uburezi*, p.114.

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Uburezi,* p.113 – 118.

## *Kuwa Mbere* *09 Kamena*

### 1. UKWIMBIKA K'URUKUNDO – IGIPIMO GIKOMEYE

**a. Ni gute icyaha cyahindanyije uburemere bw'urukundo rwacu? Itangiriro 3:12.**

---

"Urukundo, ishimwe, no kubaha Umuremyi — byose [Adamu] yabirutishije urukundo yakundaga Eva. Yari urugingo rwo mu ngingo ze, ubwo rero ntiyajyaga gushobora kwihanganira gutandukana na we [ubwo yari amaze kurya ku rubuto rwabuzanyijwe]….. Yiyemeje gusangira byose na we; niba akwiriye gupfa, yari gupfana na we…..

"[Nyuma yaho, ubwo yari imbere y'Imana] Adamu, aho guhakana cyangwa ngo asabe imbabazi z'icyaha cye, ngo agaragaze ko kimubabaje, ahubwo yaherereje icyaha ku mugore we, aba agiherereje no ku Mana ubwayo." – *Abakurambere n'Abahanuzi*, p.56,57.

**b. Ni ubuhe buryo bworoshye kurusha ubundi bwo kumenya niba ndi Umukristo nyakuri? 1Yohana 2:9; 4:20; Yohana 13:35.**

---

"Mu ijoro ryakeye narose itsinda rito ry'abantu bari bateraniye hamwe basenga. Hari umwe winjiye maze yiyicaza mu nguni yari yijimye, aho yashoboraga kugaragara gato. Ntiharangwaga umwuka w'ubwingenge. Umwuka w'Uwiteka yari aboshye. Hari amagambo amwe yavuzwe….. Byari bitangaje kuba nta rukundo rwa Yesu rwarangwaga mu mitima y'abavugaga ko bizera ukuri, kandi nta kabuza ingaruka ntashidikanywaho ni uko nta Mwuka wa Kristo waharanzwe…. Guteranira hamwe nta muntu n'umwe byigeze bihembura.

"Ubwo iteraniro ryari rigiye gusoza, hahagurutse umushyitsi nuko avuga ijwi ryuzuye umubabaro abogoza amarira, yababwiye ko bakennye ikintu gikomeye mu mitima yabo ndetse no mu mibereho yabo bwite kuby'urukundo rwa Yesu." – *This Day with God*, p.157.

## 2. GUSOBANUKIRWA IHAME RY'URUKUNDO

**a. Ni irihe hame igitekerezo cy'urukundo muri iyi si cyubatseho? Luka 6:32 – 34.**

---

**b. Ni irihe hame ry'ukuri, urukundo rw'Imana rwubatsweho? Matayo 5:44,45; Yohana 15:13; 1Yohana 4:7 – 11.**

---

"Urukundo rurenze ibizongamubiri n'amarangamutima. Ni ihame rizima kandi rikora. Ntabwo ruyoborwa n'ibyiyumvo, ahubwo ruyoborwa n'ubushake. Muri rwo humvikana umwanzuro ukomeye w'intekerezo [z'umuntu] wacishijwe bugufi kandi akoroshywa, aribyo bituma agundira imbaraga z'Ihoraho, akavuga ati: 'Nzagukorera kugeza ku gupfa.' " – *Ibimenyetso by'Ibihe*, kuwa 20 Kamena 1900.

"Iyaba buri wese ushaka ubwami bw'Imana no gukiranuka Kwayo yahoraga yiteguye gukora imirimo ya Kristo, mbega uburyo inzira igana mu ijuru yarushaho koroha! Imigisha y'Imana yatemba mu bugingo, kandi guhimbaza Uwiteka byahora mu kanwa kanyu igihe cyose. Nibwo mwakorera Uwiteka biturutse ku ihame. Ibyiyumvo byanyu bishobora kudahorana umunezero, rimwe na rimwe ibicu bishobora kwijimisha imibereho yanyu, nyamara ibyiringiro bya Gikristo ntibizashingira ku rufatiro rwubatswe ku musenyi rw'ibyiyumvo. Abantu bakora biturutse ku mahame, bazitegereza ubwiza bw'Imana hirya y'umwijima, maze bashikame ku ijambo ntakuka ry'isezerano. Uko inzira yaba igaragara nk'iyijimye kose, ntibazabuzwa kubahisha Imana. Amakuba n'ibigeragezo bizabaha gusa amahirwe yo kwerekana ukubonera k'ukwizera kwabo n'urukundo rwabo." – *Urwibutso n'Integuza*, kuwa 20 Ukwakira 1910.

**c. Niba twebwe nubwo twabatijwe, bikitubera igihe kigoye kugirango tubabarire, dutange kandi twerekane urukundo no kwihangana, ni iki tuba tubura? Abaroma 8:7 – 10; 1Yohana 4:8.**

---

"Kwezwa nyakuri guhuza abizera na Kristo ndetse na bo ubwabo mu mirunga y'ubugwaneza burangwa n'impuhwe. Ubu bumwe butuma urukundo rusa n'urwa Kristo ruhora rutemba mu mutima ku bwinshi, akaba ari narwo rukundo bakundana.

"Indangagaciro z'ingenzi abantu bose bagomba kugira ni izagaragariye mu kuzura kw'imico ya Kristo – Urukundo Rwe…

"Ni ubuyobe bukomeye cyane kandi buteye ubwoba gutekereza ko umuntu ashobora kugira ukwizera kumugeza ku bugingo buhoraho, adakunda bene se urukundo nk'urwa Kristo." – *Ellen G White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisite b'Umunsi wa Karindwi*, vol 5, p.1141.

## 3. IHAME RIGOMBA KWIGWA

**a. Ni irihe hame ryera Petero adusaba kwiga no gushyira mu bikorwa mu mibereho yacu ya buri munsi? 1Petero 4:8 (ahabanza); 1:22.**

---

**b. Ni mu buhe buryo urukundo "rwatwikira ibyaha byinshi"? 1Petero 4:8 (ahaheruka) uhagereranye n'Imigani 17:9; Yakobo 5:19,20.**

---

"Niba utekereza ko mwene so yagukomerekeje, umusange mu bugwaneza n'urukundo, kandi ushobora kumumenyesha ikosa rye mukiyunga. Igihe ugira ibyo ugirira uwakosheje, uzirikane ko ibyo aba aribyo uri kugirira Kristo mu bantu Be bera. Sanga mwene so; uwo utekereza ko ari mu ikosa, noneho uganire na we mu rukundo mwiherereye, niba ushoboye gukemura icyo kibazo, uzaba wungutse umuvandimwe wawe udashyize intege nke ze ku mugaragaro, kandi uzaba utwikiriye ibyaha byinshi, abandi ntibazabibona. Abandi ntibazakenera kumenya ingorane zawe, bityo rero, ujye uba maso wirinde ikintu icyo aricyo cyose ushobora kuba utekereza ko uwakosheje ashobora gukora; ukaba wasuzuma impamvu zamuteye kugira atyo mu buryo butari bwo." – *Urwibutso n'Integuza*, kuwa 24 Gashyantare 1891.

"Ibyanditswe Byera byigisha byeruye ko abakoze amakosa bagomba kwihanganirwa no kwitabwaho. Iyo umuntu akurikije inzira ikwiriye, ashobora gutuma umutima usa n'aho utagondeka ushobora kugarurirwa Kristo. Urukundo rwa Yesu rutwikira ibyaha byinshi. Ubuntu Bwe ntibuganisha ku gushyira amakosa y'abandi ku mugaragaro, keretse iyo ari ngombwa." – *Inama ku Babyeyi, Abarimu, n'Abanyeshuri*, p.267.

"Intumwa Petero iragira iti: 'Ariko ikiruta byose, mukundane urukundo rwinshi.' 1Petero 4:8. Ntukumve ibyo abantu bavuga ku muvandimwe cyangwa mushiki wacu. Witondere cyane uburyo usebya umuturanyi wawe. Ibyo ngibyo Imana irabyitegereza. Kristo yasize amabwiriza asobanutse neza ku birebana n'ibigomba gukorwa. Sanga mwene so maze umubwire ikosa yagukoreye hagati yawe na we mwenyine. Ntukagire urwitwazo kuri ibi ngibi ngo uvuge uti: nta rwango rw'umuntu ku giti cye hagati yanjye n'uregwa. Amabwiriza yatanzwe na Kristo arumvikana, arasobanutse, bityo urwo rwitwazo nta gaciro rufite.

"Urwango hagati yawe n'uregwa rubaye ruhari cyangwa se rudahari, ibyo Kristo avuga nta gihinduka. Mwene so akeneye ubufasha. Bimubwire, utarinze kubwira undi runaka, maze ngo ibimuvugwaho bizenguruke birinde ubwo bimugeraho. Muhe amahirwe yo kwisobanura." – *In Heavenly Places*, p.292.

## 4. IMBUTO Z'INGENZI Z'URUKUNDO

**a. Ni iyihe ngeso Petero yerekezaho agaragaza ko ari ikimenyetso cyiza kigaragaza ko urukundo rw'Imana rutuye mu mutima? 1Petero 4:9.**

---

**b. Kubera iki kwakira abashyitsi ari ingeso nziza ya Gikristo? Abaheburayo 13:2; Abaroma 12:13.**

---

"Ndetse no mu bavuga ko ari Abakristo, gucumbikira abashyitsi by'ukuri bikorwa gake. Mu bantu bacu amahirwe yo kwerekana urugwiro bacumbikira abashyitsi ntahabwa agaciro nk'uko bikwiriye, ngo babibone nk'amahirwe n'imigisha bahawe. Hari kandi gusabana n'abandi kuri ku rwego rwo hasi cyane, kandi ni gake cyane abantu bagaragaza umwuka wo kuba batumira abantu babiri cyangwa se batatu ngo basangire amafunguro hatabayeho kumva bibaremereye cyangwa ngo bakore imyiteguro y'akataraboneka. Hari bamwe bavuga ngo 'Bitesha umutwe cyane'……

"Imana ibabazwa no kwikanyiza umuntu aharanira inyungu ze gusa bikunze kugaragazwa umuntu avuga ati: 'Njyewe n'umuryango wanjye.' Umuryango wose urangwa cyane na bene uyu mwuka ukeneye guhindurwa n'amahame aboneye yagaragarijwe mu mibereho ya Kristo. Abantu bihugiraho, bakarangwa n'ubugugu, kandi badafite ubushake bwo gucumbikira abashyitsi; bivutsa imigisha myinshi." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 6, p.343,344.

"Menyeranye n'abantu bakora imirimo ikomeye, abo imitima yabo ikingiraniwe cyane mu kwikunda n'inarijye…… Mu mibereho yabo yose ibyo batekereza uko babaho byerekeza ku narijye gusa. Kugira icyo batanga ngo bagirire abandi neza, kugira icyo bigomwa ngo gifashishwe abandi; kuri bo si ikibazo kibareba. Ikigirwamana cyabo ni inarijye. Ibyumweru by'igiciro cyinshi, amezi, imyaka birahita by'iteka ryose, ariko nta bikorwa byabo by'ubugiraneza, byo kwigomwa kubw'ineza y'abandi, kugaburira abashonji, kwambika abambaye ubusa cyangwa kwakira abashyitsi." – *Ibid*, vol 2, p.26.

**c. Ni ubuhe buryo bwo "kwakira abashyitsi" budakwiriye, kandi bubi; bukoreshwa n'imiryango myinshi y'Abakristo? Yobu 1:4; 2Abami 20:13 – 15.**

---

"Ni ukwihakana Kristo kwitegura abashyitsi ku buryo bifata igihe cyagenewe Uwiteka….

"Abantu bizanira guhangayika n'imitwaro itari ngombwa bitewe no kwifuza gutegurira abashyitsi ibintu byinshi byo kubashimisha. Kugira ngo abashe gutegura ku meza amafunguro menshi anyuranye, umugore akora akazi karenze urugero. Bitewe n'amoko menshi y'ibyokurya byabateguriwe, abashyitsi barabirya bakarenza urugero, maze indwara n'imvune bitewe ku ruhande rumwe n'akazi karenze urugero, hamwe n'uko kurya birengeje urugero ku rundi ruhande, bikaba aribyo bikurikiraho. Bene ibyo birori bisigira umubiri umutwaro no kumererwa nabi." – *Ibid*, vol 6, p.343.

## *Kuwa Gatanu* — *13 Kamena*

### 5. UMURIMO NYAKURI WA GIKRISTO

**a. Vuga ikintu kimwe kiranga ukuntu urukundo rugaragarira mu mibereho y'Umukristo nyakuri. 1Petero 4:10.**

---

"Imana yatoranyirije buri muntu wese uyu murimo ikurikiye ubushobozi bwe. Ni uburezi n'imyitozo abantu bagomba kuba bujuje ibisabwa kugirango bahangane n'ikibazo gitunguranye icyo aricyo cyose gishobora kuvuka, kandi igenamigambi ry'ubwenge rirakenewe kugirango buri wese ashyire mu buryo bukwiriye; kugirango abone ubunararibonye buzatuma aba umuntu ushoboye inshingano." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 9, p.221,222.

"Abasore by'umwihariko bakwiriye kumva ko bagomba kumenyereza intekerezo zabo, kandi bagakoresha amahirwe yose babonye kugirango bahinduke abanyabwenge, bityo babashe gukorera umurimo ushimwa Uwabatangiye ubugingo Bwe… Nimutyo buri wese akoreshe neza amahirwe yose yahawe kubw'ubuntu bw'Imana, amenyere ibishoboka byose mu byahishuwe cyangwa mu bumenyi buhanitse….

"Buri mpano yose yahawe abantu igomba gukoreshwa kugirango ishobore kongera agaciro, naho ugutera imbere kwayo kose bigaharirwa Imana. Niba ufite inenge mu myifatire, mu mvugo, mu myigire, si ngombwa ko uhora muri iyo mimerere. Ukwiriye guhora uharanira ko washobora kugera ku rwego ruhanitse mu burezi no mu mibereho y'iby'umwuka…. Imana ntitanga uburyo umuntu uwo ariwe wese ashobora kuboneraho urwitwazo rwo gukora umurimo Wayo utarangwa no gushyira mu gaciro, ariko ntiwemerwe na Yo." – *Amahameshingiro y'Uburezi bwa Gikristo*, p.213 – 215.

**b. Ni iyihe ntego imwe rukumbi ikwiriye kuba iy'umurimo wacu wose? 1Petero 4:11; Abakolosayi 3:23.**

## *Kuwa Gatandatu* — *14 Kamena*

### IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. **Ni irihe tandukaniro riri hagati y'urukundo mvajuru n'urukundo rw'isi?**
2. **Ni irihe hame rishingiye ku rufatiro rw'urukundo rwa Gikristo?**
3. **Ni gute nshobora kurushaho kwimenyereza ingeso nziza zo kwakira abashyitsi?**
4. **Ni ubuhe bwoko bw'imirimo ya Gikristo bwambera bwiza kubuteza imbere?**
5. **Ni gute nshobora kwemeza ko umurimo wanjye ari uw'Imana aho kutagira icyo nitaho no kuba ntibindeba?**

# Inama ireba Abakuru b'Itorero

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA: "Nuko mwicishe bugufi muri munsi y'ukuboko gukomeye kw'Imana, kugira ngo ibashyire hejuru mu gihe gikwiriye." (1Petero 5:6).**

"Abahagaze nk'abahagarariye abandi siko bose ari Abakristo b'intwari. Hari umwuka wiganje wo gushaka gutegeka abandi." – *Ibihamya ku Bagabura*, p.260.

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibihamya ku Bagabura,* p.347 – 359.

## *Kuwa Mbere* *16 Kamena*

### 1. UBUNARARIBONYE BURI MUYOBOZI AKENEYE

**a. Ni ryari intumwa Petero yabaye umupasiteri nyakuri, yiteguye kwita ku bugingo bw'abandi? Matayo 26:75; Yohana 21:15 – 17; 1Petero 5:1.**

"Petero yihakanye Umunyamibabaro….Ariko nyuma yaho yarihannye yongera guhinduka. Yagize kwicuza k'ukuri kuvuye ku mutima; kandi yiyegurira Umukiza we bundi bushya….. Noneho yari yiteguye kugirira impuhwe abari mu bigeragezo. Yari amaze gucishwa bugufi kandi noneho yashoboraga kugirira impuhwe abanyantege nke n'abayobye inzira. Ubu yari ashoboye gukebura no kuburira abirarira, kandi yari amaze kuzuza ibisabwa kugirango abe akwiriye gutera imbaraga bagenzi be." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 3, p.416.

**b. Mu buryo nk'ubwo, ni ibihe bintu buri mupasiteri na buri mukuru w'itorero agomba kugira muri iki gihe? Yohana 3:1 – 3.**

"Iki kiganiro nicyo cyatumye Nikodemo ahinduka. Amagambo ya Kristo aravugwa mu budakebakeba abwirwa abayobozi b'amakomferansi, abakuru b'amatorero, ndetse n'abafite imyanya y'ubuyobozi mu bigo byacu. Barabwirwa bati: 'Ni ukuri ni ukuri ndakubwira yuko umuntu utabyawe ubwa kabiri atabasha kubona ubwami bw'Imana.' " – *Ibihamya ku Bagabura*, p.369.

"Imbaraga ihindura y'Imana ikwiriye kugera mu mitima y'abagabura b'ubutumwa bwiza, bitaba ibyo bagashaka undi muhamagaro….

"Keretse gusa abagabura nibaba abantu bahindutse, naho ubundi nibitaba bityo amatorero azarwaragurika kandi abe ategereje kwipfira." – *Ivugabutumwa*, p.643.

## 2. GUKORESHA UBUTWARE

**a. Ni iki kigomba gusuzumwa n'itorero mbere yo guhamagarira umuntu umurimo, n'umuntu ku giti cye mbere yo kwakira umuhamagaro? 1Petero 5:2 (ahabanza).**

---

"Imana yagiye yerekana inshuro nyinshi ko abantu badakwiriye gushishikarizwa kwinjira mu murimo wayo hatabonetse igihamya kidashidikanywaho cy'uko ari Yo yabahamagaye. Uwiteka ntazikoreza umutwaro w'umukumbi We abantu batabikwiriye. Abo Imana ihamagara bagomba kuba ari abantu bafite ubunararibonye bwimbitse, abantu bageragejwe kandi bagasuzumwa, abantu bafite imitekerereze mizima, abantu bazatinyuka gucyaha icyaha mu mwuka w'ubugwaneza, abantu basobanukiwe neza uburyo bwo kugaburira umukumbi." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 1, p.209.

"Buri muntu wese wemera inshingano nk'umujyanama, buri muntu wese ugira icyo akorera imitima y'abantu….. ntabwo azaba umunyabwenge biruseho kugeza igihe azabonera ko we ubwe ntacyo aricyo….. Iyi mpinduka igomba kubaho muri buri muntu mbere yuko yemera inshingano yo kuba umuyobozi cyangwa umutegetsi mu bigendanye n'umurimo wera w'Imana." – *Ibihamya ku Bagabura*, p.370,371.

**b. Ni akahe kaga Petero yaburiye abakoraga mu ruzabibu rw'Uwiteka? 1Petero 5:2 (hagati).**

---

"Icyifuzo cyo guhabwa ibihembo byinshi, guharanira kugomwa abandi ibyo Imana yabahereye uburenganzira, bifite inkomoko mu ntekerezo za Satani…. Kugira uwo bishingikirizaho gato bishobora kugera ku bantu baguye muri uyu mutego, keretse gusa baramutse bahindutse byimazeyo kandi bakavugururwa." – *Ibid*, p.393.

"Abantu bari mu myanya y'icyubahiro bakwiriye kubona ubutunzi bafite nk'umutungo w'Imana, kandi bakawukoresha mu buryo butarimo kwaya….

"Imbaraga zo gukoresha no gutanga amafaranga y'Uwiteka ntizigomba kurekerwa mu bushishozi bw'umuntu runaka umwe gusa. Buri faranga ryose rikoreshejwe rigomba gutangirwa raporo. Ubutunzi bw'Imana bukwiriye gukoreshwa mu bihe bikwiriye n'ahantu haboneye." – *Umurimo w'Ubuvuzi*, p.165.

**c. Nubwo gukorera Uwiteka atari umwuga uhesha guhembwa menshi, ni ibihe bintu itorero rigomba gutekerezaho? 1Timoteyo 5:17,18.**

---

"Buri mukozi wese mu bigo byacu agomba guhabwa igihembo gikwiriye. Iyo abakozi bahawe umushaha ukwiriye, bagira umunezero wo gutanga impano zo gushyigikira umurimo. Ntabwo bikwiriye ko bamwe bahabwa amafaranga menshi. Abandi bo, bakora umurimo w'ingenzi kandi wizerwa, bahabwa make." – *The Publishing Ministry,* p.239.

### 3. IMYIFATIRE ICIYE BUGUFI IRAKENEWE

**a. Ni ikihe kintu nyamukuru gitera ibibazo muri bene data bafite inshingano ziremereye? 1Petero 5:3; 3Yohana 9.**

---

"Umwuka wo gutegeka urimo uragera no ku bayobozi b'amakomferansi yacu. Niba umuntu yiringira imbaraga ze bwite kandi agashaka gutegeka abavandimwe be, akumva ko yahawe ubutware bwo gutuma ubushake bwe buba imbaraga itegeka, uburyo bwiza kandi bwonyine bw'umutekano ni ukumuvanaho; kugirango hatagira ibyago bikomeye biba, maze agatakaza ubugingo bwe bwite, kandi agashyira mu kaga ubugingo bw'abandi." – *Ibihamya ku Bagabura*, p.362.

**b. Ni iyihe nama ihabwa abakuru b'amatorero bose n'abakuru [ba misiyoni], kandi se nikurikizwa, bizatuma abavandimwe bafite imyanya yo hejuru birinda ubwibone n'umwuka wo kwishyira hejuru? 1Petero 5:2 (ahabanza); 1Abakorinto 6:2 – 5.**

---

"Neretswe ko ari ikosa gutekereza ko abantu bari mu myanya y'ubuyobozi bakagira inshingano zihariye i Battle Creek bafite ubwenge buhambaye kuruta abandi bantu basanzwe…..

"Benshi biyigishije ubwabo kwandika cyangwa kugisha inama cyangwa gutanga inama igihe bageze ahantu hagoye. Ariko ni ikosa ku bantu bari mu nshingano z'ubuyobozi mu bigo byacu binyuranye kwishingikiriza ku bantu…… Intege nke n'imibereho irangwamo uburwayi bizaba iby'abantu bigishwa kwishingikiriza ku bandi mu buryo bwuzuye…..

"Mbese abantu b'i Battle Creek bagomba kubonwa nk'abafite ubwenge butagira akagero?" – *Ibid,* p.374,375.

"Ntimugahange amaso abantu bafite inshingano zo mu myanya yo hejuru kugirango mubone imbaraga, kuko nabo ari abantu baba bugarijwe n'akaga ko gutekereza ko umwanya w'inshingano ari igihamya cy'imbaraga zidasanzwe z'Imana. Amatorero yacu afite intege nke kubera ko abizera bayagize bigishwa guhanga amaso no kwishingikiriza ku mutungo w'abantu, kandi amafaranga abarirwa mu bihumbi n'ibihumbagiza akoreshwa mu bidakenewe gukura abantu bapfa ahantu hamwe bajyanwa ahandi, kugirango bashobore gukemura ibibazo byoroheje." – *Ibid,* p.380.

**c. Ni iki cyatuma abakozi bataraba inararibonye bagira ubushishozi bwimbitse kugirango bagere ku ntego? Tanga urugero rw'igihe kubura ubwo bushishozi byateye gutsindwa. 1Petero 5:5 (ahabanza); 1Abami 12:6 – 8,16; Luka 6:39.**

---

"Abasore bashobora gukoresha imbaraga ikomeye ihindura abandi nibaramuka baretse ubwibone no kwikanyiza, maze bakiyegurira Imana." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 1, p.485.

"Nimureke abakiri bato bagire umwuka wo kwemera kwigishwa, kugirango bazungukirwe n'imihati y'abashaka kubafasha." – *Umwigisha w'Urubyiruko*, kuwa 31 Nzeri 1893.

## 4. URUGERO RWA PETERO RWO KWICISHA BUGUFI

**a. Ni gute tumenya ko guhindukirira Imana by'ukuri rimwe gusa cyangwa kuba umuntu yarahindukiriye Uwiteka, bidahagije ku mupasiteri cyangwa ku mwizera uwo ariwe wese? 2Abakorinto 13:5; Abaheburayo 3:13.**

---

"Nyuma y'aho, ubwo Petero yasuraga Itorero ryo muri Antiyokiya, abantu benshi bamugiriye icyizere bitewe n'ubwitonzi yagaragaje mu kwitwara ku banyamahanga bahindutse. Yahamaze igihe gito ahakorera ibijyanye n'umucyo wavuye mu ijuru. Yaje gutsinda imitekereze mibi yari afite ku banyamahanga maze asangira n'abanyamahanga bahindutse. Nyamara igihe Abayuda bamwe bagiriraga ishyaka amategeko y'imihango bavaga i Yerusalemu, Petero yahereye ko ahindura uko yitwaraga ku bapagani bihannye….. Izi ntege nke zagaragariye ku bantu b'abayobozi bubahwaga kandi bagakundwa, zasize ishusho ibabaje mu bitekerezo by'abizera b'Abanyamahanga. Itorero ryari rigiye gucikamo ibice." – *Ibyakozwe n'Intumwa*, p.197,198.

**b. Mu gihe ikosa cyangwa imyifatire y'umugabura, umukozi wa Bibiliya, cyangwa umuyobozi w'itorero, biteza uburakari bukabije cyangwa urujijo mu itorero, ni gute bigomba gucyahwa? Abagalatiya 2:14; 1Timoteyo 5:20.**

---

**c. Ni iyihe nyifato umuyobozi wahindutse agomba kugira mu gihe acyashywe mu ruhame? 1Petero 5:5 (hagati),6; Yakobo 5:16.**

---

"Nyamara Pawulo warebaga ingaruka zigiye kugera ku Itorero bitewe n'imyitwarire mibi ya Petero, yahereyeko amucyahira mu ruhame kubera uko kwiyoberanya kwe. Pawulo yacyahiye Petero imbere y'Itorero….

"Petero amaze kubona ikosa yaguyemo, uwo mwanya yahise akora uko ashoboye kose kugira ngo arikosore. Imana yo imenyera iherezo mu itangiriro, yemeye ko Petero agaragaza intege nke zo mu mico ye kugira ngo uyu Petero wari uhuye n'ikigeragezo abone ko ntacyo yari afite muri we cyo kwiratana. Abantu b'indakemwa kurusha abandi nabo bazibeshya igihe bazaba bari bonyine…..

"Amateka y'uku kuva mu mahame atunganye ni umuburo ukomeye ku bantu bafite imyanya ikomeye mu murimo w'Imana….. Uko inshingano zihawe umuntu ziba zikomeye kandi akagira n'umwanya wo gutanga gahunda no gutegeka, ni nako aba afite ingorane zo kugira ibyo yangiza." – *Ibid,* p.198,199.

## *Kuwa Gatanu* *20 Kamena*

### 5. GUTERA UMWETE ABAKOZI BANANIWE

**a. Ni iki akenshi gituma umubwiriza w'ubutumwa bwiza acika intege mu mibereho ye? 1Petero 5:5 (ahaheruka).**

---

"Dufite abagabura benshi cyane batwarwa n'amarangamutima vuba, b'abanyantege nke ku bijyanye n'ubunararibonye, badafite imico myiza ya Gikristo, batarangwa no kwera, ndetse bacika intege mu buryo bworoshye…. Muri uyu murimo hakenewe abagabo batazivovota cyangwa ngo binubire ibirushya n'ibigeragezo, kuko bazi ko uyu ari umugabane umwe w'umurage Yesu yabasigiye. Bakwiriye kuba bafite ubushake bwo kugenda batitwaje ihema kandi bakemera gutukwa babasebya ndetse bakemera kwikorera imitwaro nk'abasirikare bez aba Kristo." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 3, p.423.

**b. Mu gihe Satani agerageje guca intege umuntu uwo ariwe wese muri twe binyuze mu kugaragaza ibibazo biri mu itorero, mbese ni irihe sezerano tugomba kwizirikaho? 1Petero 5:4,7.**

---

"Ntihakagire ikintu kitubuza gutura amasengesho yacu mu izina rya Yesu, tukiringira ko Imana itwumva dufite ukwizera kutagamburura. Nimutyo duture Imana ibirushya byacu, twicishe bugufi imbere Yayo. Hari umurimo ukomeye ugomba gukorwa, kandi mu gihe ari amahirwe yacu kugirana inama, dukwiriye kujya inama n'Imana buri gihe ntacyo twishisha, kuko itazigera ituyobya. Ntabwo dukwiriye kwishingikiriza ku maboko y'umubiri. Nitubigenza dutyo….. ukutizera kuzatwiba, kandi kwizera kwacu kuzapfa." – *Ibihamya ku Bagabura*, p.48.

"Umwuka w'umwungeri nyakuri ni uwo kwiyibagirwa. Ntiyirebaho ubwe kugira ngo ashobore gukora umurimo w'Imana….. Afatanyije n'Utwikorera Imitwaro, afatanya nabo mu mibabaro yabo, akabahumuriza mu majune yabo, akabamara inzara y'umutima kandi agatuma imitima yabo igarukira Imana." – *Ibyakozwe n'Intumwa*, p.527.

## *Kuwa Gatandatu* *21 Kamena*

### IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. **Mbese gupfukama ku birenge by'umusaraba mbogoza amarira, bizageza ryari?**
2. **Mbese hari ukuntu ntekereza ko ndamutse mbonye umwanya wo hejuru kurushaho, nshobora gukorera byinshi Uwiteka?**
3. **Kuki intego yo kugira umwanya uhanitse mu itorero itagomba kwinjira mu bitekerezo byanjye?**
4. **Mbese ni iyihe myifatire ngira ku bantu bambwira amakosa nakoze?**
5. **Ni nde mbona ko ariwe nyirabayazana w'ibihe byanjye byo gucika intege?**

# Mwirinde ibisindisha, Mube Maso

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA: "Mwirinde ibisindisha mube maso, kuko umurezi wanyu Satani azerera nk'intare yivuga ashaka uwo aconshomera." (1Petero 5:8).**

"Guhera mu gihe cya Adamu kugeza mu gihe cyacu, umwanzi wacu ukomeye yakoresheje imbaraga ze zose gukandamiza no kurimbura abantu. Ubu ari gutegura intambara ye iheruka yo kurwanya itorero." – *Intambara Ikomey*e, p.510.

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ubutumwa Bwatoranyijwe,* vol 1, p.126,127**;** *Intambara Ikomeye,* **p.39 – 48.**

## *Kuwa Mbere* *23 Kamena*

### 1. KUMENYA ICYO YAVUGAGA

**a. Ni iyihe mpuguro ikomeye Petero yanditse asoza urwandiko rwe rwa mbere? 1Petero 5:8.**

---

"Satani ahora ku murimo, ariko bake nibo batekereza ibikorwa bye n'amayeri ye. Ubwoko bw'Imana bukwiriye kwitegura guhangana n'umwanzi w'incakura….. Intambwe ya Satani igenda bucece, agenda yihishahisha, kandi ibitero bye ntibimenyekana. Ntatinyuka kwigaragaza ku mugaragaro, kugirango atabyutsa imbaraga zisinziriye z'Umukristo maze akamwohereza ku Mana mu masengesho…..

"Umuntu ni imbohe ya Satani, kandi muri kamere ye akurikiza inama ze ndetse akanakora ibyo amutegetse. Muri we nta mbaraga afite zo kurwanya ikibi mu buryo bukwiriye…. Binyuze muri Kristo gusa, nibwo imbaraga za Satani zifite aho zigarukira." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 5, p.293,294.

**b. Mbese ni iki Petero yaje kumenya nyuma yaho nk'ibanga ryari kumufasha gutsinda urubanza rwa Yesu rwaberaga mu ngoro ya Kayafa? Matayo 26:38,40,41.**

---

"Kwiyiringira gutera kwirengagiza kuba maso, no gusengana umutima uciye bugufi kandi wihana. Hari ibishuko bigaragara inyuma bigomba kwirindwa kandi hari abanzi b'imbere mu mutima ndetse n'ibiduhagarika umutima bigomba gutsindwa, kubera ko Satani akora ku buryo ahuza ibishuko bye n'imico itandukanye ndetse n'amatwara y'abantu." – *Ibid*, vol 3, p.445.

## 2. MENYA UMWANZI WAWE UWO ARIWE

**a. Uretse kuza afite ibiranga intare, ni mu buhe buryo umwanzi w'ubugingo bwacu ahora akoresha kugira ngo agere kucyo ashaka? 2Abakorinto 11:14.**

---

"Satani ahora ashaka uko yarimbura abantu batazi uburiganya bwe, nyamara bumva badakeneye amasengesho n'inama z'inshuti zubaha Imana kandi z'inararibonye. Abenshi mu rubyiruko baje ––– bafite intego nziza zo kubaho imibereho ya Gikristo, bahura n'itsinda ry'urubyiruko rubafata ukuboko; maze bitwaje ubucuti, rukabayobora mu mutego wa Satani. Umwanzi ntabwo ahora aza ameze nk'intare itontoma, rimwe na rimwe agaragara nka marayika w'umucyo, afite umwuka w'ubucuti, agatambutsa ibishuko bidasanzwe ku buryo abantu bataraba inararibonye bibagora kubyirinda." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 4, p.207.

**b. Ni ubuhe buryo Satani akoresha kugirango agere ku ntego ye, cyane cyane muri iki gihe aho abantu hafi ya bose bafite telefone zigendanwa na interineti? 1Petero 2:11; 1Yohana 2:16.**

---

"Benshi mu basore….. basoma ikintu cyose bashoboye kubona. Inkuru zivuga iby'urukundo rukangura amarangamutima hamwe n'amashusho ahumanye bifite imbaraga zonona. Inkuru ndende zikoreshwa cyane na benshi, kandi nk'ingaruka; ibitekerezo byabo birahumana….. Amashusho y'abantu b'igitsinagore bambaye ubusa inshuro nyinshi aba abunzwa ngo abantu bayagure [cyane cyane ku ikoranabuhanga rya interineti]…. Irari ry'amaso n'iruba ryonona bikangurwa no kwitegereza ndetse no gusoma. Ubwenge bwishimira kwitegereza ibintu bikangura irari ribi n'iby'ibitagira umumaro. Amashusho mabi agaragarira mu ntekerezo zanduye, yangiza imico, kandi agategurira ibiremwa byayobejwe ntibigire rutangira kwirekura bigategekwa n'irari ribi. Nuko hagakurikiraho ibyaha n'urugomo bikurura ibiremwa byaremwe mu ishusho y'Imana bikamanuka bikagera mu rwego rw'inyamaswa, amaherezo bikabageza mu irimbukiro. Nimwirinde kureba no gusoma ibintu bizabazanamo ibitekerezo bidatunganye. Nimukuze imbaraga z'imico n'ubwenge……

"Ndinginga ababyeyi ngo bamenye kuyobora abana babo mu misomere yabo (no gukoresha interineti kwabo)." – *Ibid,* vol 2, p.410 [Amagambo ari mu dukubo; yongewemo].

"Satani ategeka intekerezo ndetse n'impagarike yose binyuze mu irari ry'umubiri." – *Kwirinda kwa Gikristo n'Isuku ya Bibiliya*, p.37.

"Abakristokazi benshi, kubwo icyitegererezo batanga n'uburere baha abana babo, babategurira kuba abanyamururumba n'abasinzi. Akenshi usanga abana babamenyereza kurya icyo bahisemo n'igihe bagihitiyemo, hatitawe ku mabwiriza agenga ubuzima bwiza." – *Inama ku Mirire n'ibyo Kurya*, p.235.

## 3. INZIRA RUKUMBI YO GUTSINDA

**a. Mbese ni iki buri Mukristo agomba kuba afite kugirango arwanye Satani? 1Petero 5:9 (ahabanza); Yakobo 4:7.**

---

"[Eva] yanze kwizera iby'Imana yababwiye, nicyo cyatumye agwa mu cyaha. Mu gihe cy'urubanza, abantu ntibazacirwaho iteka kubera ko bizeye ikinyoma babizi, ahubwo bazahanirwa ko banze kwizera ukuri, kuko birengagije amahirwe yo kumenya ukuri." – *Abakurambere n'Abahanuzi*, p.55.

"Mu gihe baba bafite [inyigisho bigishijwe] mu bitekerezo gusa, kwizera guke badashobora gusobanura, ibishuko bitunguranye bizabatera gutandukana n'ibitekerezo by'ubu bigana mu by'isi." – *Our High Calling*, p.332.

**b. Ni iki gituma Abakristo benshi bahinduka umuhigo wa Satani mu buryo bworoshye; nubwo bavuga ko bizera Ijambo ry'Imana? Imigani 19:2; Hoseya 4:6 (ahabanza); uhagereranye n'Abaroma 10:17; 15:4.**

---

"Kenshi ibishuko bisa nk'ibitari ibyo gutsindwa bitewe n'uko ugeragezwa yirengagiza gusenga no kwiga Bibiliya, maze ntiyitegure kwibuka amasezerano y'Imana no guhangana na Satani yitwaje intwaro zo mu Byanditswe." – *Intambara Ikomeye*, p.600.

**c. Mbese ni ukuhe kuri kwagombye gutera umwete buri muntu wese ugoswe n'ibitero bya Satani? 1Petero 5:9,10; 1:6,7; 2Abakorinto 4:17.**

---

"Petero yandikiye abizera mu gihe cy'ibigeragezo bikomeye ku itorero. Abenshi bari baramaze gusogongera ku mibabaro ya Kristo, kandi bidatinze itorero ryari rigiye kujya mu karengane gashishana…... bidatinze ibirura byari bigiye kwinjira, ntibibabarire umukumbi. Nyamara nta na kimwe muri ibi cyari guca intege abari bafite ibyiringiro muri Kristo. Petero akoresheje amagambo yo kubakomeza no kubatera umunezero, yakuye ibitekerezo by'abizera ku bigeragezo byari bibugarije n'imibabaro yari ibari imbere…. ku 'murage utabasha kubora cyangwa kwandura cyangwa kugajuka'….. Yabasabiye agira ati: "Imana igira ubuntu bwose yabahamagariye ubwiza Bwayo buhoraho buri muri Kristo, izabatunganya rwose ubwayo, ibakomeze, ibongerere imbaraga, nimumara kubabazwa akanya gato." – *Ibyakozwe n'Intumwa*, p.528.

## 4. ITORERO MURI BABULONI

**a. Mbese ni ibihe bintu byabayeho mu mateka Petero agereranya n'uko itorero rya Gikristo ryatataniye muri "Babuloni", kandi rigakandamizwa n'abategetsi b'isi? Daniyeli 3:1 – 6; Esiteri 3:8; 1Petero 5:13.**

---

"Mu gihugu gusenga ibigirwamana byari biganje muri rubanda hose, ntabwo bitangaje kubona igishushanyo cyari cyiza kandi gifite agaciro katagerwa cyari mu kibaya cya Dura, ndetse cyagaragazaga ikuzo rya Babuloni….. cyareguriwe kugirwa ikintu baramya….. Hatanzwe itegeko rikwira hose ko ku munsi wo gutaha [icyo gishushanyo] abantu bose bakwiriye kuzagaragaza ko bumvira bikomeye ububasha bwa Babuloni babinyujije mu kunamira icyo gishushanyo….

"Kuri uwo munsi, imbaraga z'umwijima zasaga n'izanesheje bikomeye….

"Ariko Imana yatanze itegeko rihabanye n'iryo. Ntabwo abantu bose bapfukamye ngo baramye igishushanyo cy'ikigirwamana cyerekana ububasha bw'umuntu…..

"[Umwami] yaberetse itanura rigurumana maze abibutsa igihano kibategereje nibakomeza kwinangira bakanga kumvira ubushake bwe. Ariko abo Baheburayo barashikamye bahamya ko bubaha Imana yo mu ijuru." – *Abahanuzi n'Abami*, p.505 – 507.

"Itegeko rizatangwa ryibasiye ubwoko bw'Imana bwasigaye rizaba amaherezo risa rwose n'iryatanzwe na Ahasuwerusi ryibasiye Abayuda. Muri iki gihe, abanzi b'itorero nyakuri babona ko itsinda rito ryubahiriza itegeko ry'Isabato ari Moridekayi wicaye ku irembo ry'ibwami. Kuko ubwoko bw'Imana bwubaha amategeko yayo ni [ijwi] rihora ricyaha abaretse kubaha Uwiteka maze bagakandagira Isabato Ye.

"Satani azahagurukiriza umujinya itsinda rito ryanga kwemera imigenzo n'imihango byabaye gikwira." – *Ibid*, p.605.

"Imbaraga z'isi n'iz'ikuzimu zafatanyirije hamwe kurwanya Kristo binyuze mu kurenganya abayoboke Be. Abapagani babonye hakiri kare ko ubutumwa bwiza nibutsinda, insengero zabo n'ibicaniro byabo bizasenywa; ni yo mpamvu bakoresheje imbaraga zabo zose kugira ngo bakureho Ubukristo." – *Intambara Ikomeye*, p.39.

**b. Ni ukubera iki muri iki gihe hatariho akarengane na gato ahantu henshi? Yohana 15:19.**

---

"Ni ukubera ko gukiranuka kuzima kugaragara mu itorero ari guke cyane. Nihabaho ivugururwa mu kwizera n'imbaraga byarangaga itorero rya mbere, muzirebera uko umwuka wo kurenganya uzongera ukabaho kandi imiriro yo kurenganya izongera gukongezwa." – *Ibid*, p.48.

## 6. IBYIGISHO TWIGIRA KU IHEREZO RY'URWANDIKO

**a. Ni nde wafashije Petero mu kwandika urwandiko rwe? 1Petero 5:12.**

---

**b. Ni gute twamenya ko Siluwano yari umubwirizabutumwa ukora ndetse akanakorana na Petero na Pawulo (wa wundi wabafashije cyane mu kwandika Ikigiriki mu nzandiko zabo)? 2Abakorinto 1:19; 1Abatesalonike 1:1; 2Abatesalonike 1:1. Ni gute ibyo byari bihuje n'ibyabaye mu mibereho ya Ellen G White?**

---

"Igihe umugabo wanjye yari akiriho, yakoraga ari umufasha n'umujyanama mu kohereza ubutumwa nahabwaga….. Ni jye ubwanjye wiyandikiraga amabwiriza nahererwaga mu iyerekwa ntacyo mpinduye….

"Nyuma y'aho twasuzumiraga hamwe ibyo nanditse, umugabo wanjye agakosora amakosa y'ikibonezamvugo kandi agakuramo amagambo adakenewe gusubirwamo. Iyo ibyo byababaga birangiye, ubwo butumwa bwandukurwaga mu bwitonzi bukohererezwa abo bugenewe, cyangwa ku icapiro…..

"Nyuma y'urupfu rw'umugabo wanjye, hari abafasha b'abizerwa bansanze, bakoraga ubudacogora umurimo wo kwandukura ibihamya no gutegura ingingo zagombaga gushyikirizwa abasomyi.

"Ariko inkuru zagendaga zikwirakwizwa ko uwo ari we wese mu bamfashaga yari afite uburenganzira bwo kugira icyo yongeraho cyangwa agahindura ubusobanuro bw'ubutumwa nandikaga. Izo nkuru ntabwo ari ukuri." – *Ubutumwa Bwatoranyijwe,* vol 1, p.50.

**c. Ni uwuhe mugenzo mwiza wa Gikristo washyizweho n'intumwa kandi ugomba gukomeza gukurikizwa mu bizera muri iki gihe? 1Petero 5:14.**

---

"Indamutso yera… ikwiriye gufatwa nk'uko iri. Ni uguhoberana kwera mu buryo butagira amakemwa. Iyi ndamutso ikwiriye gufatwa nk'ikimenyetso cy'ubuvandimwe ku Bakristo b'incuti igihe basezeranyeho ndetse n'igihe bongeye guhura hari hashize ibyumweru cyangwa amezi batandukanye…. Nta kibi gishobora kugaragara igihe guhoberana kwera bibereyeho igihe n'ahantu hakwiriye." – *Inyandiko z'Ibanze*, p.117.

*Kuwa Gatandatu* *28 Kamena*

## IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. **Ni mu buhe buryo akenshi kwiyiringira bituma umuntu agwa mu bishuko?**
2. **Ni gute ibyifuzo byanjye cyangwa ibyo ndarikira bishobora kuntera kugwa mu mitego ya Satani?**
3. **Mbese kwiga Bibiliya njyewe ubwanjye inshuro nyinshi kandi nitanze, bimfasha mu buhe buryo?**
4. **Sobanura itandukaniro riri hagati y'imibanire myiza n'abaturage n'ubwumvikane buke.**
5. **Ni iki nakora kugira ngo mfashe itorero gutera imbere mu gukwirakwiza ubutumwa bwiza?**

# Amaturo y'Isabato ya Mbere




## 06, Mata

Azagenerwa Itorero ryo muri Narangi Mnadi, ryo muri Pakisitani


( Reba p. 4 )



## 04, Gicurasi

Azagenerwa Amamisiyoni ku Isi yose

( Reba p. 25 )




## 01, Kamena

Azagenerwa Umushinga w'ibwirizabutumwa bw'amahanga mu karere ka Pasifika

( Reba p. 46 )